# IDINI RY'UKURI.

Cyanditswe na Nyakubahwa Sheikh
Abdul Rahman Ibun Hammad Al-Umar

Ku izina rya Allah, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi

# IRIBURIRO.

Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah umuremyi w'ibiremwa byose, amahoro n'imigisha bibe ku ntumwa z'Imana zose. Nyuma y'ibyo:

Uyu ni umuhamagaro uhamagarira intsinzi, mpamagarira buri wese ufite ubwenge muri ubu buzima, yaba umugabo cyangwa se umugore, nkaba nsaba Allah w'ikirenga ushobora byose ko yawuyoboza abayobye, nanjye akawumpembera akanawuhembera uwo ari we wese wagize uruhare mu kuwusakaza. ngira nti: Allah niwe muterankunga.

Zirikana yewe muntu ufite ubwenge ko nta makiriro n'umunezero muri ubu buzima, ndetse no mu buzima bwo ku munsi w'imperuka nyuma y'urupfu, utabanje kumenya Allah wakuremye, ukamwemera, ukaba ari we ugaragira wenyine ukayiharira amasengesho yonyine, ukamenya Intumwa yawe Nyagasani yagutumyeho wowe ndetse n'abandi muri rusange, ukayemera kandi ukayigaragira yo yonyine, ndetse ukanamenya Intumwa yawe Nyagasani wawe yakohereje akayohereza no ku bantu bose, maze ukaba warayemeye ndetse ukayikurikira, ukanamenya idini ry'ukuri Allah yagutegetse, ukaryemera ukanarishyira mu ngiro.

Iki gitabo rero (idini ry'ukuri) kiri mu biganza byayo, gikubiyemo ibisobanuro by'ibintu by'ingenzi ukwiye kumenya no kubishyira mu bikorwa. Ndetse mu mpezarupapuro nagaragaje ibisobanuro by'amwe mu magambo akeneye gusobanurwa neza, nifashishije muri byo amagambo ya Allah n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kubera ko byo byombi ari byo byonyine byakuyobora ku dini ry'ukuri ryo Allah atazigera yemerera undi uwo ari we wese uri mu rindi dini uretse ryo.

Ikindi nuko nirinze gukurikira buhumyi byayobeje benshi mu bantu, ahubwo ngaragaza tumwe mu dutsiko twiyitirira ko turi mu nzira y'ukuri nyamara turi kure cyane y'ukuri, kugira ngo abadasobanukiwe n'imiterere yatwo baba abatubarizwamo n'abandi batwirinde. Allah arampagije kandi niwe mwiza wo kwiringira.

Byavuzwe binandikwa n’ukeneye imbabazi za Allah Nyir'ubutagatifu

Abdul Rahman mwene Hammad Al Umar
Umwarimu w'ubumenyi bw'idini.

# ISOMO RYA MBERE: KUMENYA ALLAH [1], UMUREMYI UHAMBAYE.

Zirikana yewe muntu ufite ubwenge ko Nyagasani wawe yakuremye utari uri ho, yarangiza akakwitaho mu ngabire ze, uwo akaba ari na we Allah,Umugenga w'ibiremwa byose. Kandi abanyabwenge bemera Allah Nyir'ubutagatifu[1]ntibamubona n'amaso yabo, ahubwo bamubona mu bimenyetso n'ibitangaza bigaragaza ko ari ho, kandi ko ari Umuremyi n'Umugenga w'ibiriho byose, bityo ni byo bamumenyeraho. No muri ibyo bimenyetso harimo ibi bikurikira:

Igihamya cya mbere:

Isanzure, abantu n'ubuzima: Ibi byose bibaho kandi bifite intangiriro bikanagira n'iherezo, ndetse bikenera ibindi. Kandi buri cyose cyabayeho kitari kiriho kikaba kinacyeneye ikindi, ni ngombwa icyo kintu kibe cyararemwe. Na buri icyo ari cyo cyose cyaremwe, ni ngombwa kibe gifite uwakiremye. Uwo muremyi rero uhambaye nta wundi ni Allah, kandi Allah ni we wivugiye ubwe ko ari we Muremyi, Umugenga w'ibiriho byose, ndetse n'ibi twabibwiwe na Allah Nyir'ubutagatifu mu bitabo bye yohereje Intumwa ze.

Intumwa za Allah zagejeje amagambo ye ku bantu, zibahamagarira kumwemera no kumugaragira wenyine. Allah Nyir'ubutagatifu mu gitabo cye cya Qur'an ntagatifu aragira ati: (Mu by’ukuri Nyagasani wanyu ni Allah waremye ibirere n’isi mu minsi itandatu, hanyuma aganza hejuru ya Ar’shi. Atwikiriza ijoro amanywa, (ijoro) rikayakurikira nta guhagarara; yanaremye izuba, ukwezi n’inyenyeri byubahiriza itegeko rye. Mu by’ukuri kurema no gutegeka ni ibye. Allah ni Nyirubutagatifu, Nyagasani w’ibiremwa byose.) Surat [Al-A'raf: 54]

IBISOBANURO RUSANGE BY'UYU MURONGO WA QUR'AN MUTAGATIFU.

---

[1] Nyir'ubutagatifu: Ni ijambo rigaragaza ikuzo n'ubutagatifu bya Allah, rikanagaragaza ko ari uw'ikirenga n'ubutagatifu.

Allah Nyir'ubutagatifu arabwira abantu bose ko ari we Muremyi wabo, wabaremye, akaba yaranaremye ibirere n'isi mu minsi itandatu[2], ndetse akaba anavuga ko ari hejuru ya Ar'shi ye[3].
Arshi ya Allah iri hejuru y'amajuru, kandi nicyo kiremwa kiri hejuru y'ibindi biremwa byose ndetse kibiruse. Na Allah ari hejuru yayo, kandi ari kumwe na buri kiremwa mu bumenyi bwe, mu kumva kwe, mu kureba kwe, ntacyo ayoberwa mu byo ibiremwa bikora. Allah Nyir'ubutagatifu ijoro yaritwikirije amanywa akoresheje umwijima waryo, ndetse riza ryihuta rikurikiye amanywa. Allah yanavuze kandi ko yaremye izuba, ukwezi n'inyenyeri, byose akabicisha bugufi, ndetse binagenda mu isanzure ku bw'itegeko rye. Yanavuze kandi ko ari we wenyine wihariye kurema no kuba umugenga n'umutware w'ibyo yaremye byose, ndetse ko ari we uhambaye mu buryo bwuzuye haba we ubwe ndetse no mu bisingizo bye. Niwe ugaba ibyiza byinshi bihoraho, ndetse ni nawe Nyagasani w'ibiremwa byose, yarabiremye ndetse anabikuza mu ngabire ze..
Allah aragira ati: (No mu bimenyetso bye (Allah) harimo ijoro n'amanywa, ndetse n'izuba n'ukwezi. Bityo, ntimukubamire izuba cyangwa ukwezi, ahubwo mujye mwubamira Allah We wabiremye, niba koko ari We wenyine mugaragira.) [Fuswilat: 37].
IBISOBANURO RUSANGE BY'UYU MURONGO MUTAGATIFU:
Allah aratubwira ko muri bimwe mu bimenyetso bye bimugaragaza harimo: Ijoro, amanywa, izuba n'ukwezi, akaba yaranaziririje kubamira izuba n'ukwezi kuko ari ibiremwa nk'ibindi. Kandi nta kiremwa gikwiye kubamirwa. Naho kubama ni bumwe mu bwoko bw'ibikorwa byo kugaragira Allah, kandi muri uyu murongo Allah Usumba bose arategeka abantu nk'uko abategeka no mu yindi mirongo ko ari we wenyine bagomba kubamira, kuko ari we Muremyi, Mugenga wa byose, ukwiye kugaragirwa.
Igihamya cya kabiri:
Kuba ari we waremye igitsina gabo n'igitsina gore: Bityo kuba hari ho ibitsina byombi ni ikimenyetso cya Allah.
Igihamya cya gatatu:
Kuba abantu batandukanye mu ndimi bavuga n'amabara yabo, bityo nta bantu babiri wabona bahuje ijwi rimwe, cyangwa ibara rimwe, ahubwo igihe cyose usanga batandukanye.
Igihamya cya kane:
Gutandukana mu mibereho: Umwe ugasanga arakize, undi aracyennye, umwe ugasanga ari umuyobozi undi ari umuyoborwa, nyamara buri wese muri bo afite ubwenge n'ibitekerezo n'ubumenyi, na buri wese ntako atagize ngo nawe agire ibyiza ageraho nk'ubukire, icyubahiro, umugore mwiza! Ariko ntawagira icyo ageraho usibye icyo
Allah yamugeneye; ku bw'impamvu n'ubugenge bihambaye Allah Nyir'ubutagatifu yashatse[4]ari byo: Kugerageza abantu no gucyenerana hagati y'abantu, kugira ngo buri wese agere ku byo acyeneye.
Ikindi kandi nuko uwo Allah atagize icyo amugenera hano ku isi, Allah yavuze ko yakimuzigamiye ku munsi w'imperuka ubwo azaba ari mu ngabire z'ijuru, naramuka apfuye akiri ku kwemera. Hamwe n'umwihariko Allah yahaye umukene haba mu mitekerereze ye, ubuzima bwe, n'imibereho ye kenshi utasangana abakire. Ibi bikaba biri mu bugenge bwa Allah n'ubutabera bwe.
Igihamya cya gatanu:
Ibitotsi, indoto z'ukuri Allah arotesha usinziriye mu byihishe n'ibitagaragara biba ari mu rwego rwo kumuha inkuru nziza cyangwa se umuburo.

---

[2] Iri rema mu byiciro ni ku bw'impamvu Allah Nyir'ubutagatifu yashatse, naho ubundi ashoboye kurema ibiremwa byose mu kanya nk'ako guhumbya, kubera ko we ubwe yivugiye ko iyo hari icyo ashatse arakibwira ati: "ba," nuko kikaba.

[3] Mu rurimi rw'icyarabu ari rwo rurimi rwa Qur'an, ijambo (Istawa) risobanuye kuba hejuru y'ikintu. Muri uyu murongo ryakoreshejwe kuri Allah ko ari hejuru ya Arshi, bisobanuye ko aganje hejuru yayo kandi ari uw'ikirenga bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, ndetse nta n'uwamenya uburyo aganje hejuru yayo uretse we ubwe. Ntabwo rero bisobanuye ko Allah yigaruriye ubwami nk'uko bamwe mu bayobye bahakana imiterere n'ibisingizo bya Allah n'ibimuranga, we ubwe yivuzeho n'intumwa ze zikabimuvugaho, babivuga bibwira ko baramutse bemeje ibisingizo bya Allah nk'uko biri baba bagereranyije Allah n'ibiremwa bye. Uku bibwira rero ntabwo ari byo kubera ko kugereranya ni igihe bavuga bati: Allah asa n'iki cyangwa se ameze nk'iki mu biremwa bya Allah . Naho kubishimangira no kubyemeza mu buryo bukwiye icyubahiro cya Allah Nyir'ubutagatifu nta gereranya, cyangwa se isanisha, cyangwa se kwibaza uburyo bimeze kuri Allah, cyangwa se kubihakana cyangwa se mu kubishakira ibindi bisobanuro. Iyi ikaba ari yo nzira y'Intumwa zose ndetse n'abatubanjirije mu gukora ibyiza, ndetse ikaba iri mu byo umwemeramana agomba gukomeraho kabone n'iyo abenshi mu bantu baba barayirengagije.

[4] Nyir'ubutagatifu: Bivuze ko Allah atagatifutse ari ukure n'inenge iyo ari yo yose cyangwa se ubusembwa.

Igihamya cya gatandatu:
Roho: Nta n'umwe uzi imiterere yayo usibye Allah wenyine.
Igihamya cya karindwi:
Umuntu n'ingingo zigize umubiri we, nk'ibyiyumviro, uturemangingo, ubwoko, urwungano ngogozi n'ibindi.
Igihamya cya munani:
Allah amanura imvura ku isi yumaganye, maze ibimera n'ibiti bitandukanye mu miterere yabyo, amabara yabyo, umumaro wabyo n'uburyohe bwabyo bikamera. Ibi bikaba ari bicye mu bimenyetso amagana Allah usumba byose yavuze muri Qor'an, ndetse akanavuga ko ari ibimenyetso na gihamya biriho bigaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu ariho ndetse ko ari we Muremyi kandi akaba n'Umugenga wa byose.
Igihamya cya cyenda:
Kamere Allah yaremanye abantu, ubwayo yemera ko Allah ariho, ko ariwe Muremyi kandi ko akaba ariwe Mugenga wabyo. N'uhakanye ibyo, aba yibeshya kandi yigiriye nabi. Nk'urugero rw'umukomunisite[5], muri ubu buzima abaho nabi, n'iherezo rye nyuma y'urupfu rwe rikazaba kuba mu muriro, nk'ingororano yo guhinyura kwe Nyagasani we wamuremye igihe atari ariho, akanamurera mu ngabire ze. Cyeretse wawundi uzicuza kwa Allah akamwemera ndetse akanemera idini rye n'Intumwa ye.
Igihamya cya cumi:
Imigisha ni ukororoka kwa bimwe mu biremwa runaka nk'intama, n'ikinyuranyo cy'imigisha ni ukutororoka nk'urugero rw'imbwa n'injangwe.

***

No mu bindi bigwi bya Allah Nyir'ubutagatifu harimo ibi bikurikira:
Kuba ari uwa mbere utagira intangiriro, no kuba ari Umuzima Uhoraho, udapfa cyangwa ngo arangire, arihagije ntacyo akeneye kandi nta n'umufasha akeneye. Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: Vuga (yewe Muhamadi) uti “We ni Allah, umwe Rukumbi,”(1) Allah, Uwishingikirizwa, (2) Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe,(3) Ndetse nta na kimwe ahwanye na cyo.(4) [Al-Ikhlas: 1-4].
Ibisobanuro by'imirongo ya Qur'an:
Ubwo abahakanyi babazaga Intumwa y'Imana yasozereje izindi (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imiterere ya Allah n'ibimuranga, Allah yamumanuriye iyi Surat anayitegeka kubabwira ati:
Allah ni umwe kandi ntagira uwo babangikanye, Allah muzima, uhoraho, mugenga wa byose. Ni we wenyine mutware w'ibiriho byose n'abantu ndetse na buri kintu. Ni nawe wenyine abantu bagomba kwerekezaho ibyifuzo byabo byose.
Ntiyabyaye kandi ntiyabyawe, nta n'ubwo bikwiye ko yagira umwana yaba umuhungu cyangwa se umukobwa, cyangwa se ngo agire Se cyangwa nyina, ibi yabihakanye yivuye inyuma muri iyi surat ndetse no mu zindi, kubera ko kororoka no kubyara ari bimwe mu biranga ibiremwa.Allah hano yasubizaga abanaswara bavuga bati: Mesiya ni umwana w'Imana, n'abayahudi bavuga bati: Uzair ni umwana w'Imana, n'abandi bavuga bati : Abamalayika ni abakobwa b'Imana, Allah yarabacyashye muri izi mvugo zabo z'ibinyoma kandi zidafite ishingiro.
Ababwira ko yaremye Mesiya Yesu -Amahoro ya Allah abe kuri we- ku bw'ubushobozi bwe amukomoye kuri nyina gusa nta se nk'uko yaremye Adamu sekuru w'abantu bose amukomoye mu itaka, akanarema Hawa nyirakuru w'abantu bose amukomoye mu rubavu rwa Adamu, maze Adamu amubona iruhande rwe, arangije arema n'urubyaro rwa Adamu mu mavangingo y'umugabo n'umugore. Bityo Allah yaremye mu ntangiriro buri kintu kitari kiriho, nyuma yaho ashyiriraho ibiremwa bye uburyo na gahunda idashobora guhindurwa n'uwo ari we wese usibye Allah, kandi n'iyo Allah Nyir'ubutagatifu ashatse kugira icyo ahindura muri iyi gahunda aragihindura uko ashatse.
Nk'uko yaremye Yesu -amahoro abe kuri we- amukomoye kuri nyina nta se, nk'uko kandi yamushoboje kuvuga akiri uruhinja, nk'uko inkoni ya Musa -amahoro abe kuri we- yayihinduyemo inzoka ikururuka, ubwo iyo nkoni Musa yayirambikaga ku nyanja yacitsemo ibice, maze hakavamo inzira nyabagendwa Musa n'abantu be banyuzemo bambuka inyanja, nk'uko kandi Allah yasatuye ukwezi nk'ikimenyetso cy'uwasozereje Intumwa n'abahanuzi ari we Muhamadi - Imana imuhe amahoro n'imigisha-, akanabashisha ibiti anyuzeho kumusuhuza (Muhamadi), akanabashisha inyamaswa guhamya ubutumwa bw'intumwa Muhamadi mu ijwi abantu bose bumva igira iti: Ndahamya ko uri Intumwa y'Imana, hanyuma akaba yaranamuzamuye mu kirere ari kumwe na Malayika Djibrilu kugeza ubwo ageze hejuru y'ibirere, maze Allah Nyir'ubutagatifu akamuvugisha, akanamutegeka iswala, nyuma akagaruka ku isi ku musigiti mutagatifu wa Maka, ndetse muri urwo rugendo akaba yarabonye abantu baba muri buri kirere, kandi ibyo byose bikaba byarabaye mu ijoro rimwe mbere y'uko umuseke utambika. Inkuru y'uru rugendo irazwi muri Qor'an, mu mvugo z'Intumwa y'Imana ndetse no mu bitabo by'amateka.

[5] Urundi rugero rw'umuntu nk'uwo: Ni umuntu utemera Imana.

***

No mu biranga Allah usumba byose harimo ibyo yivuzeho we ubwe ndetse n'ibyo Intumwa ze zamuvuzeho.

1 - Kumva, kubona, ubumenyi n'ubushobozi, n'ubushake, Allah yumva akanabona buri kintu, bityo nta na kimwe cyakumira kumva kwe no kubona kwe.

Azi ibiri muri nyababyeyi, ndetse n'ibyo imitima ihishe, ibyabayeho ndetse n'ibizabaho, ni nawe Nyir'ubushobozi icyo ashatse ko kiba arakibwira ati:" ba" nuko kikaba.

2 - Allah avuga ibyo ashatse, igihe ashakiye; yavugishije Musa -amahoro abe kuri we-, ndetse yanavugishije uwasozereje intumwa zose ari we Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha. Na Qor'an ubwayo, zaba inyuguti ziyigize ndetse n'ibisobanuro byayo ni amagambo ya Allah yahishuriye Intumwa ye Muhamadi -Imana imuhe amahoro n'imigisha-, bityo amagambo ya Allah ni kimwe mu bimugize, ntabwo yaremwe nkuko abitwa Al Mu'utazilat bayobye babivuga[6].

3 - Uburanga n'amaboko abiri bya Allah, no kuba aganje hejuru ya Arshi ndetse no kuba amanuka[7], kwishima no kurakara biri mu biranga Allah. Bityo anezezwa n'abagaragu be b'abemeramana, akanarakazwa n'abahakanyi ndetse n'abandi bakora ibituma arakara. Bityo kunezerwa ke no kurakara kwe n'ibindi byose bimuranga ntibisa n'iby'ibiremwa, nta n'ubwo bisobanurwa bigoretswe, cyangwa ngo hibazwe uko biteye.

Byanashimangiwe muri Qor'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko abemeramana bazabona Allah Usumba byose imbonankubone ubwo bazaba bari ku rubuga rw'ibarura ku munsi w'imperuka ndetse no mu ijuru. N'ibiranga Allah Nyir'ubutagatifu byavuzwe birambuye muri Qor'an ntagatifu no mu mvugo z'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ubishaka yabigarukaho.

***

IMPAMVU NYAMUKURU YATUMYE ALLAH AREMA ABANTU N'AMAJINI.

Yewe Munyabwenge! Niba uzi neza ko Allah ari we Nyagasani wawe wakuremye, ugomba no kumenya ko atakuremeye ubusa, ahubwo yakuremye ku bw'impamvu yo kumugaragira. Na gihamya yabyo ni imvugo ye igira iti: (Kandi nta kindi naremeye amajini n’abantu bitari ukugira ngo bangaragire.) (56) Simbakeneyeho amafunguro, ndetse nta n’ubwo mbakeneyeho ko bangaburira. (57) Mu by’ukuri Allah ni We Utanga amafunguro, Nyirimbaraga, Ukomeye bihebuje.) (58) [Al-Dhariyat: 56-58].

IBISOBANURO RUSANGE BY'IYI MIRONGO.

Mu murongo wa mbere Allah usumba byose aravuga ko yaremye amajini[8]n'abantu agamije ko bagomba kumugaragira wenyine. Akanavuga mu murongo wa kabiri ndetse n'uwa gatatu ko ntacyo abacyeneyeho muri uko kumugaragira; nta mafunguro cyangwa se kumugaburira abakeneyeho; kuko we ari we Nyir'ugutanga ayo mafunguro akanaba umunyembaraga, abantu n'ibindi biremwa badashobora kugira ahandi bakura amafunguro usibye iwe, kubera ko ari we umanura imvura akayimeresha ibibatunga bivuye mu butaka.

Naho ibindi biremwa biri ku isi, Imana isumba byose yavuze ko yabiremye ku bw'umuntu; ngo abyifashije kandi bimwumvire, anabikoreshe mu buryo butanyuranyije n'amategeko ya Allah. Na buri kiremwa na buri ikinyeganyega n'igituje muri iyi si Allah niwe wagishyizeho ku bugenge yagaragaje mu gitabo cye cya Qur'an, kandi abamenyi b'amategeko ya Allah barabuzi, buri wese bijyanye n'ikigero cy'ubumenyi afite, ndetse n'ugutandukana mu myaka, mu bitunga ibyo biremwa, mu biba kuri ibyo biremwa, ndetse n'ibyago bibishyikira, byose biba ku bw'igeno rya Allah n'uburenganzira bwe, ibyo byose ni ukugira ngo Allah agerageze abagaragu be batekereza. Bityo, uzanyurwa n'igeno rya Allah agaca bugufi agashyira umuhate mu byo asabwa Allah yishimira, uwo nawe azishimirwa na Allah ndetse agire n'umunezero hano mu isi no ku munsi w'imperuka nyuma y'urupfu. N'utazanyurwa n'ukugena kwa Allah nta nace bugufi imbere yako, azarakarirwa na Allah ndetse abeho mu buzima bumugoye hano mu isi no ku munsi w'imperuka.

Turasaba Allah ko yatwishimira akanaturinda uburakari bwe.

---

[6] Al Mu'utazilat ni agatsiko kayobye kagoreka amazina meza ya Allah, kagasobanura ibisobanuro byayo binyuranye n'ibyo Allah Nyir'ubutagatifu n'Intumwa ye bari bagamije.

[7] Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana - Imana iyihe amahoro n'imigisha - igira iti: Nyagasani wacu Usumba byose amanuka buri joro akaza mu kirere cyo hafi y'isi, ubwo ijoro riba risigaje kimwe cya gatatu cyaryo maze akabaza ati: "Ninde unsaba ngo mwikirize, ninde unsaba ngo muhe, ninde unyicuzaho ngo mubabarire?" [Yakiriwe na Bukhari (7494), na Muslim (758), na Tirmidhi (3498)].

[8] Amajini ni ibiremwa bifite ubwenge Allah yaremye kugira ngo bimugaragire cyo kimwe n'abantu, akaba abana nabantu mu isi ariko abantu ntibayabona.

***

IZUKA NYUMA Y'URUPFU, IBARURA N'INGORORANO KU BIKORWA, NDETSE N'IJURU N'UMURIRO.

Yewe munyabwenge! Niba umaze kumenya neza ko Allah yakuremye kugira ngo umugaragire, zirikana ko Allah mu bitabo bye byose yoherereje Intumwa ze yavuzemo ko azakuzura nyuma y'urupfu; kandi ku munsi w'ingororano akazaguhembera ibyo uzaba warakoze mbere yo gupfa; kubera ko binyuze mu rupfu nibwo umuntu ava muri ubu buzima bwo gukora ibikorwa ndetse burangira akimukira mu buzima bw'ingororano buzira iherezo, kandi ubwo buzima nta bundi ni ubwa nyuma y'urupfu. Iyo rero igihe Allah yageneye umuntu cyo kubaho kirangiye, Allah ategeka Malayika w'urupfu amukuramo roho mu mubiri, agatwara roho y'uwo muntu maze agapfa abanje gusogongera ku buribwe bw'urupfu (mbere y'uko roho iva mu mubiri we.) Naho roho, Allah ayishyira mu mwanya wuje inema ze ari wo ijuru, iyo nyirayo yari umwemeramana wayumviraga. Naho iyo nyirayo yari umuhakanyi, ahinyura izuka n'ingororano zo ku munsi w'imperuka, iyi roho Allah ayishyira mu mwanya w'ibihano ari wo umuriro kugeza ubwo isezerano ryo kurangira kw'isi rizaba risohoye nuko imperuka ikaba, maze ibiremwa bizaba bikiriho bizabanza bipfe, hasigare Allah wenyine. Hanyuma Allah azazura ibiremwa byose - harimo n'inyamaswa - maze buri roho ayisubize mu mubiri wayo nyuma yo kongera kuwurema n'ingingo zawo zose nkuko wari umeze mbere; ibi byose ni ukugira ngo Allah azabarurire abantu ibyo bakoze ndetse anabibahembere, baba igitsinagabo cyangwa se igitsinagore, umuyobozi cyangwa se umuyoborwa, umukire cyangwa umucyene, bityo nta n'umwe azahuguza. Ndetse azanahorera uwahugujwe ku wa muhuguje, kugeza no mu nyamaswa azahorera iyahugujwe ku yayihuguje, n'imwe muri zo ihorerwe ku yindi, narangiza azibwire ati: Nimube itaka! Kubera ko zo zitazajya mu ijuru cyangwa se ngo zijye mu muriro. Allah azahemba buri wese mu bantu no mu majini bijyanye n'ibyo yakoze, yinjize mu ijuru abamwemeye bakamwubaha bakanakurikira Intumwa ze kabone n'iyo baba bari abatindi nyakujya, hanyuma yinjize mu muriro abahakanye bagahinyura kabone n'iyo baba bari abakungu n'abanyacyubahiro ku isi; Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Mu by'ukuri ubarusha icyubahiro imbere ya Allah ni ubarusha kugandukira (Allah). Rwose Allah ni Umumenyi uhebuje, Uzi byose.) [Al Hujuraat:13].

Ijuru: Ni ubuturo bwuje inema, ryuzuyemo amoko atandukanye y'inema umuntu atabasha gusobanura, ririmo ibyiciro ijana kandi buri cyiciro gifite abakibamo bijyanye n'imbaraga zabo z'ukwemera Allah no kumwumvira kwabo. Icyiciro cyo hasi cya nyuma muri ryo abakigize bazahabwa ingabire ziruta inshuro nyinshi ingabire z'umwami ubayeho neza mu isi.[9]

Naho umuriro: - Allah awuturinde - ni ubuturo bw'imibabaro nyuma y'urupfu, ukaba uzaba urimo amoko yose y'ibihano n'ububabare bihahamura imitima kandi bikanatera amaso kurira.

Iyo urupfu ruza kuba ruri ku munsi w'imperuka, abantu bazajya mu muriro bari kuzahita bapfa bakiwubona, ariko urupfu rubaho rimwe rugatuma umuntu ava muri ubu buzima bw'iyi si yerekeza mu buzima bwo ku munsi w'imperuka. Muri Qor'an ntagatifu harimo ibisobanuro birambuye bivuga ku rupfu, izuka, ibarura ndetse n'ingororano arizo ijuru n'umuriro. No mu byo twavuze harimo ibibigaragaza.

Naho gihamya zigaragaza izuka nyuma y'urupfu, n'ibarura ndetse n'ingororano ni nyinshi cyane ntitwazirondora. Allah Nyir'ubutagatifu muri Qur'an Ntagatifu aragira ati: (۞ Twabaremye tubakomoye mu gitaka, ni na cyo tubasubizamo (igihe mwapfuye), ndetse ni na cyo tuzongera kubavanamo ku yindi nshuro (igihe cyo kuzurwa.) [Twaha: 55], Allah nanone yaravuze ati: (Yaduhaye urugero yibagirwa ukuremwa kwe, maze aravuga ati "Ni nde wazura aya magufa kandi yarabaye ubuvungukira?" [Yaasiin: 78-79] Allah nanone yaravuze ati : (Abahakanyi bakeka ko batazazurwa (ngo babazwe)? Vuga (yewe

---

[9] Kubera Hadithi yaturutse kwa Al Mughiirat Ibun Shu'ubat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: " Musa (amahoro abe kuri we) yabajije Umuremyi we ati: "Umuntu ucirirtse wo hasi uzajya mu ijuru azahembwa ibihembo bingana iki?" Nuko Allah aramusubiza ati: "Nyuma y'uko abazahembwa ijuru barigezemo hazaza umuntu maze abwirwe ati: "Injira mu ijuru." Maze avuge ati: "Nyagasani! Ndaryinjiramo nte kandi abandi barimazemo igihe, baranamaze guhabwa ibihembo byabo?" Nuko abwirwe ati: "Ese wakwishimira guhabwa ibihembo bingana nk'ubutunzi bw'umwe mu bami bo ku isi? Maze asubize ati: Byanshimisha Nyagasani! Nuko abwirwe ati: "Urabihawe n'ibindi bimeze nkabyo, n'ibindi nkabyo. Ku nshuro ya gatanu avuge ati: Ndanyuzwe Nyagasani! Nuko abwirwe ati: Dore urabihawe byikubye inshuro icumi! Kandi uhawe na buri icyo ari cyo cyose umutima wawe uzifuza n'amaso yawe akacyishimira!" Nuko avuge ati: Ndanyuzwe Nyagasani! Musa arongera abaza Nyagasani ati:Nyagasani! Noneho uzaba ari ku rwego rwo hejuru mu ijuru? Allah aramusubiza ati: "Abo nashatse kuzaba ari njye ubihera ingororano ndanabishimangira; bityo (nzabaha) ibyo amaso atigeze abona, n'ibyo amatwi atigeze yumva, ndetse ntibyigeze biza mu ntekerezo z'umuntu." Yakiriwe na Muslim (189).

Muhamadi) uti “Yego! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wanjye, rwose muzazurwa maze mubwirwe ibyo mwakoze, kandi kuri Allah ibyo biroroshye.”) [A-Taghabun: 7].

IBISOBANURO RUSANGE BY'IYI MIRONGO.

1- Mu murongo wa mbere: Allah Nyir'ubutagatifu aravuga ko yaremye abantu mu gitaka, ubwo yaremaga se Adamu (amahoro n'imigisha bibe kuri we) mu gitaka, anavuga kandi ko aricyo basubiramo iyo bapfuye ubwo baba bashyizwe mu mva mu rwego rwo kububahisha, kandi ko muri icyo gitaka ari cyo bazasohorwamo ku yindi nshuro, maze bazurwe mu mva zabo ari bazima uhereye ku wa mbere wabo ukageza ku wa nyuma wabo, hanyuma ababarurire maze anabagororere.

2- Mu murongo wa kabiri: Allah araha igisubizo umuhakanyi uhinyura izuka utangazwa n'ubuzima bw'amagufa nyuma y'uko yabaye ubuvungukira, Allah aramusubiza ko azayazura kuko ari nawe wayaremye bwa mbere atari ariho.

3- Mu murongo wa gatatu: Allah arasubiza abahakanyi bahinyura izuka nyuma y'urupfu ko ibyo bibwira atari by, akanategeka Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko ibarahirira ko Allah azabazura maze akanababwira ibyo bakoze, ndetse akanabibagororera, kandi ko ibyo kuri Allah biroroshye.

No mu wundi murongo Allah avuga ko ubwo azazura abahinyura izuka n'umuriro, azabahanisha ku binjiza mu muriro wa Jahanamu, maze babwirwe bati: ( “Ngaho nimwumve ibihano by’umuriro mwajyaga muhakana!”) [A-Saj'dat: 20].

Gucunga ibikorwa by'umuntu n'amagambo ye.

Allah Nyir'icyubahiro yanavuze ko azi ibyo umuntu azavuga ndetse n'ibyo azakora, byaba byiza cyangwa se bibi, byaba rwihishwa cyangwa se ku mugaragaro. Yanavuze ko byanditse ku rubaho rurinzwe (Law'hu Mahfuudh) ruri Iwe, mbere y'uko arema ibirere n'isi n'umuntu ndetse n'ibindi. Yanavuze kandi ko hamwe n'ibi, yashyizeho abamalayika babiri bashinzwe kugendana n'umuntu; umwe iburyo bwe wandika ibyiza uwo muntu akoze, n'undi ibumoso bwe wandika ibibi uyu muntu akoze, nta na kimwe cyabisoba. Allah Nyir'ubutagatifu yanavuze kandi ko ku munsi w'imperuka buri muntu azahabwa igitabo cye cyanditsemo imvugo ze n'ibikorwa bye, nuko agisome, nta na kimwe azahakana muri byo, Kandi uzashaka guhakana Allah azaha ubushobozi amatwi ye, amaso ye, amaboko ye, n'amaguru ye ndetse n'umubiri we maze bimushinje ibyo yakoze.

Ibisobanuro by'ibi mu buryo burambuye byaje muri Qur'an ntagatifu, Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: ((Umuntu) nta jambo na rimwe yavuga ngo habure umugenzuzi umuri hafi (uryandika).) [Qaaf: 18], Allah nanone yaravuze ati : (Ariko mu by’ukuri mufite ababagenzura (abamalayika babashinzwe) (10), Bubashywe kandi bandika (ibikorwa byanyu byiza n’ibibi) (11), Bazi ibyo mukora byose (12). [Al Infitwar: 10-12]

Ibisobanuro by'iyi mirongo ya Qur'an.

Allah Nyir'ibisingizo bihebuje aravuga ko yahaye buri muntu abamalayika babiri; umwe iburyo bwe, w'umugenzuzi wandika ibikorwa bye byiza akoze, undi ibumoso bwe, witeguye kwandika ibikorwa bibi akoze. Allah anavuga ko yashyiriyeho abantu abamalayika bubahitse ngo bandike ibikorwa byabo byose, anavuga ko yabahaye ubushobozi bwo kumenya ibikorwa byabo byose, no kubyandika nkuko yabimenye kandi akabyandika ku rubaho rurinzwe Iwe (Law'hu Mahfuudh) mbere y'uko abarema.

Ubuhamya:

Ndahamya ko nta yindi mana ibaho ikwiye kugaragirwa uretse Allah wenyine, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana. Nkaba nanahamya ko ijuru ari ukuri, n'umuriro nawo ukaba ari ukuri, n'mperuka byanze bikunze izabaho kandi nta kubishidikanyaho, kandi ko Allah azazura abari mu mva kugira ngo ababarurire anabahembe, ndetse ko ibyo Allah yavuze byose, byaba mu gitabo cye cyangwa binyuze ku rurimi rw'Intumwa yayo (amahoro n'imigisha bibe kuri yo) byose uko byakabaye.

NIyo mpamvu wowe utekereza nguhamagarira kwemera ubu buhamya, no kubutangaza ndetse no kubushyira mu bikorwa, kuko iyi ari yo nzira yo kurokoka.

# IGICE CYA KABIRI: KUMENYA INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA).

Yewe muntu utekereza! Niba uzi ko Allah ari we Nyagasani wawe wakuremye, akaba ari nawe uzanakuzura kugira ngo aguhembere ibyo wakoze, ukwiye no kumenya ko yohereje Intumwa kuri wowe n'abandi bantu muri rusange, ikagutegeka kumwumvira no kuyikurikira, ikanakubwira ko nta bundi buryo buhari wamenyamo uko ukwiye kugaragira Allah usibye gukurikiza iyo ntumwa, no kugaragira Allah ugendeye ku mategeko iyo Ntumwa yashyizeho.

Iyo Ntumwa yubahitse, abantu bose bagomba kwemera no gukurikira, ni yo yasozereje izindi ntumwa, ndetse ikaba n'Intumwa ku bantu bose, ni Muhamadi umuhanuzi utari uzi gusoma no kwandika (amahoro

n'imigisha bya Allah bibe kuri we), akaba ari nawe wahanuwe na Mosi na Yesu (amahoro abe kuri bo) mu mirongo isaga mirongo ine muri Tawurati no mu Ivanjili, kandi Abayahudi n'Abanaswara iyo mirongo barayisomaga mbere y'uko bazana imikino muri ibi bitabo byombi bakanabihindura.[10].

Iyi Ntumwa ntagatifu Allah yasorejeho ubutumwa akayohereza ku batuye isi bose, ni Muhamad mwene Abdallah, mwene Abdul Mutwalib, mwene Hashim, wo mu bwoko bw'Abakurayishi, (Amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we). Yari umunyacyubahiro w'umunyakuri, akaba n'indakemwa mu bantu ukomoka mu bwoko bwubashywe kurusha ayandi moko ku isi, ndetse yakomokaga mu muryango w'Intumwa y'Imana Ismail umuhungu w'Intumwa y'Imana Ibrahim. Iyi Ntumwa Muhamadi yasozereje izindi (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavukiye i Maka mu mwaka wa 570. Mu ijoro yavukiyemo no mu gihe yavukaga, urumuri rwinshi rwamurikiye isi, rwatangaje abantu, n'ibitabo by'amateka byararwanditse, ndetse n'ibigirwamana abakurayishi basengeraga kuri Al Kaabat byaciye bugufi, n'intebe y'ubwami ya Kisra (Khosrau) umwami w'Abaperesi yaranyeganyeze, nuko n'amabaraza asaga icumi aragwa, n'umuriro w'Abaperesi basengaga nawo urazima, nyamara utari warigeze uzima mu myaka ibihumbi bibiri yabanje.

Ibi byose byari impuruza ivuye kwa Allah ku bantu batuye isi y'ivuka ry'uwasozereje Intumwa n'Abahanuzi, waje asenya ibigirwamana byose byasengwaga mu cyimbo cya Allah, kandi azahamagarira abaperesi n'abaroma gusenga Allah wenyine, no kugana idini rya Allah ry'ukuri, babyanga we n'abamukurikiye bakabarwanya Allah akazabaha intsinzi bakabatsinda, ndetse akazanasakaza idini rye, ryo rumuri rwe ku isi. Ibi ni nako byagenze ubwo Allah yahaga Muhamadi ubutumwa (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we).

Allah yahaye Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yasozereje izindi umwihariko mu zindi Ntumwa ngenzi zayo zamubanjirije. Bimwe muri byo ni ibi bikurikira:

Icya mbere: kuba ariwe washoje ubutumwa, bivuzeko nta yindi ntumwa cyangwa se umuhanuzi uzaza nyuma ye.

Icya kabiri: kuba yaratumwe kubatuye isi bose, abantu bose bakaba ari abantu ba Muhamadi, uzamwubaha akanamukurikiza azinjira mu ijuru, naho uzamusuzugura azinjira mumuriro. Ndetse n'Abayahudi n'Abanaswara bategetswe kumukurikira, kandi buri wese utamukurikira ngo anamwemere aba ahakanye Musa, Yesu n'abandi bahanuzi bose. Musa na Yesu n'abandi bahanuzi bitandukanya n'uwo ari we wese udakurikira Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha); kubera ko Allah yabategetse gutangaza inkuru nziza y'ukuza kwe, no guhamagarira abantu babo kumumenya no kumukurikira ubwo Allah azaba amwohereje; no kubera ko idini Allah azamuha ari ryo dini yahaye izindi ntumwa zamubanjirije, maze ayuzuza anayoroshya binyuze mu butumwa bw' Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yo yasozereje izindi. Bityo ntibyemewe kuwo ari we wese nyuma y'ubutumwa bw'Intumwa y'Imana Muhamadi kuba yajya mu rindi dini ritari Isilamu Allah yamuhitiyemo kubera ko ari ryo dini ryuzuye ryaje risimbura andi madini yabanje, kubera ko ari ryo dini ryonyine ry'ukuri kandi ririnzwe.

Naho idini ry'ubuyahudi n'ubukirisitu, ni amadini yagoretswe arahindurwa bitandukanye n'uko Allah yabihishuye. Bityo buri muyisilamu wese wakurikiye Intumwa Muhamadi abarwa nk'uwakurikiye Mussa, Yesu, n'abandi bahanuzi. Na buri wese utari mu buyisilamu, abarwa nk'uwahakanye Mussa, Yesu n'abandi bahanuzi bose, kabone n'iyo yaba yibwira ko akurikira Mussa cyangwa se Yesu!

Ku bw'iyo mpamvu, abihayimana b'Abayahudi n'ab'abakirisitu b'abanyabwenge kandi bashyira mu gaciro bihutiye kwemera Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) no kwemera Isilamu.

***

IBITANGAZA[11]BY'INTUMWA MUHAMADI - IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA-.

Abahanga mu mateka y'Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) babaruye ibitangaza bye byerekana ukuri k'ubutumwa bwe, babigeze ku bitangaza igihumbi n'imisago, bimwe muri byo ni ibi bikurikira:

---

[10] Soma: Inkuru nziza zahanuraga ukuza kwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nk'uko zaje mu gitabo cya Tawurati no mu Ivanjili mu gitabo: Igisubizo nyakuri ku bahinduye idini rya Mesiya (Al Jawaabu A-Swahiihi liman badala diinal Masiih), umuzingo wa mbere cya Sheykhul Islam, Ahmad Ibun Taymiyat, urebe n'igitabo Kuyobora abarindagiye (Hidayatul Hayaaraa) cy'umuhanga Muhamadi Ibun Al Qayyim, unarebe igitabo Imibereho y'Intumwa y'Imana (Siirat Nabawiyat) cya Ibun Hishaam, unarebe igitabo: Ibitangaza by'ubuhanuzi (Mu'ujizaati Nubuwat fii Tareekh Ibun Kathiir) n'ibindi.

[11] Izina ry'ibi bitangaza muri Qur'an: Ni ibimenyetso ari naryo ry'ukuri, naho ijambo 'Ibitangaza' ryakoreshejwe kuko ari umwihariko rikoreshwa ku bintu bidasanzwe bizwi.

1- Ikirango cy'ubuhanuzi bwe Allah yari yarashyize hagati y'ibitugu bye, ari we Ntumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kiri mu ishusho y'ibikoroto biza ku mubiri[12].
2- Yatwikirwaga n'ibicu igihe yabaga agenda hari izuba ryinshi.
3- Yajyaga ifata amabuye agasingiza Allah, no kuba ibiti byaramusuhuzaga
4- Kuba yaravugaga ibizaba mu bihe by'imperuka, none biri kugenda byigaragaza kimwe nyuma y'ikindi nkuko yabivuze.
Ibi bintu biri mu bumenyi bw'ibyihishe bigenda byigaragaza nyuma y'urupfu rw'uwasozereje Intumwa n'abahanuzi ari we Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bizakomeza kubaho kugeza igihe isi izarangirira. Allah yagaragaje ndetse akanabivuga byanditse mu bitabo bya Hadith ndetse no mu bitabo byanditse ku bimenyetso by'imperuka, nk'igitabo "A-Nihaayat" cyanditswe na Ibn Kathiir, n'igitabo "Al-Akhbar Al Musha'at fii Ash'raatwi A-Sa'a" ndetse n'igitabo "Ab'waabul Fitani wal Malaahim" mu bitabo byo mu bumenyi bwa Hadithi. Ibi bitangaza byose bisa n'ibitangaza by'abahanuzi babayeho mbere y'Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).
Ariko Allah yamuhaye igitangaza cy'inyurabwenge kihariye kandi kizahoraho ibihe byose kugeza isi irangiye, Allah atigeze aha undi uwo ari we wese mu bahanuzi. Icyo gitangaza si ikindi ni Qur'an Ntagatifu, amagambo ya Allah, yishingiye kuzarinda. Bityo nta kuboko kwashaka kuyahinduka no kuyagoreka ngo kubigereho, n'ubwo hari uwagerageza kugira inyuguti n'imwe ahinduramo yahita amenyekana; dore nka kopi za Qur'an amamiliyoni n'amamiliyoni abayisilamu bo ku isi bafite, ariko ntizitandukanye habe n'inyuguti n'imwe!
Naho kubijyanye n'inyandiko za Tawurati n'Ivanjili, ni nyinshi kandi ziratandukanye. Kubera ko Abayahudi n'Abakirisitu bakinnye nazo ndetse banazihindura uko bashatse, ubwo Allah yabahaga inshingano zo kubarinda.Naho Qur'an nta n'umwe Allah yigeze aha inshingano zo kuyirinda, ahubwo niwe wenyine Nyir'ubutagatifu wafashe izo nshingano, nk'uko yabivuze agira ati: (Mu by'ukuri ni twe twahishuye urwibutso (Qur'an), kandi rwose ni natwe tuzarurinda.) [Al-Hijr: 9].

Gihamya nyurabwenge n'izindi zigaragara mu magambo ya Allah Nyir'ubutagatifu zigaragaza ko Qur'an ari amagambo ya Allah ndetse ko na Muhamadi ari Intumwa ya Allah.

Bimwe mu bimenyetso nyurabwenge kandi bifatika bigaragaza ko Qur'ani ari amagambo ya Allah ndetse zihamya ko Muhamadi ari Intumwa ye harimo ko: Allah yahinyuje abahakanyi b'abakurayishi ubwo bahakanaga ko Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) nk'uko n'abandi bahinyuye abahanuzi mu babayeho mbere ubwo bavugaga ko Qur'an atari amagambo ya Allah. Allah yarabategeye abasaba ko bazana ikimeze nka Qur'an, barananirwa nyamara yari iri mu rurimi rwabo, ndetse bari n'intyoza muri rwo, ndetse muri bo hari abasizi bakomeye bakora mu nganzo, hanyuma Allah abonye ko ibyo batabishoboye abasaba ko bazana isura icumi bihimbiye zimeze nk'iza Qur'ani, hanyuma yongera kubasaba ko bazana isura imwe gusa barananirwa, hanyuma Allah atangaza ko bananiwe, ndetse n'amajini n'abantu bose bananiwe kuzana ikimeze nka Qur'an kabone n'iyo bose bakifatanya.Allah Nyir'ubutugatifu aragira ati: (Vuga (yewe Muhamadi) uti "N'iyo abantu n'amajini baza kwishyira hamwe ngo bazane igisa nk'iyi Qur'an, ntibari kuzana igisa na yo, kabone n'iyo baza kwifatanya.") [Al-Isra: 88].
Qur'an iyo iza kuba ari amagambo ya Muhamadi cyangwa se abandi bantu, byari bworohere abahanga mu rurimi
b'intyoza kuvuga amagambo ameze nka Qur'an, ariko ni amagambo ya Allah, kandi agaciro k'amagambo ya Allah ku magambo y'abantu ni nk'agaciro ka Allah n'ubuhambare bwe ku bantu.
Kubera kandi ko Allah nta we wamugereranya nawe, n'amagambo ye ntacyo wayagereranya nacyo; ku bw'iyi mpamvu biragaragara ko Qur'an ari amagambo ya Allah Nyir'ubutagatifu kandi ko na Muhamadi ari Intumwa ye, kubera ko amagambo ya Allah nta wundi wayazana uretse Intumwa imuturutseho. Allah usumba byose yaravuze ati: (Ntabwo Muhamadi ari se w'uwo ari we wese muri mwe, ahubwo ni intumwa ya Allah akaba n'uwasozereje abahanuzi. Kandi Allah ni Umumenyi wa byose.) [Al Ah'zaab: 40] Allah nanone yaravuze ati: (Kandi nta kindi cyatumye tukohereza usibye kuba utanga inkuru nziza no kuba umuburizi ku bantu bose; ariko abenshi mu bantu ntibabizi.) [Saba-i:28] Allah nanone yaravuze ati : (Kandi (yewe Muhamadi) nta yindi mpamvu yatumye tukohereza itari ukugira ngo ube impuhwe ku biremwa byose.). [Al An'biya-u:107]
Ibisobanuro by'iyi mirongo muri rusange :
1- Mu murongo wa mbere Allah avugamo ko Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ari Intumwa ye ku bantu bose, kandi ko ari we wasozereje izindi ntumwa, bityo nta yindi ntumwa izaza

[12] Igikoroto gifata ku ruhu rw'umuntu . Iki kirango cy'ubuhanuzi rero cyari mu ishusho y'ukwezi, gifite ingano nk'iy'igi ry'inuma.

nyuma ye. Allah anavuga ko yamuhisemo ndetse akanamugira usoreza intumwa ze ni ukubera ko azi neza ko ari we ubukwiye.
2- Mu murongo wa kabiri Allah Nyir'ibisingizo avuga ko yohereje Intumwa ye Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ku bantu bose; abera n'abirabura, abarabu n'abatari abarabu. Anatubwira ko abenshi mu bantu batazi ukuri; ku bw'ibyo barayobye kandi barahakanye kubera kutemera Muhamadi (amahoro n'imigisha bibe kuri we).
3- Mu murongo wa gatatu Allah abwira Intumwa ye Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ko yamwohereje nk'impuhwe ku bantu bose, bityo we ni impuhwe za Allah yahundagaje ku bantu. Bityo uzamwemera, akanamukurikira azaba yemeye impuhwe za Allah, akazanabihemberwa ijuru. Naho utazemera ngo akurikire Muhamadi, uwo azaba ahakanye impuhwe za Allah, kandi azaba akwiye umuriro n'ibihano bibabaza.
Guhamagarira abantu kwemera Allah n'Intumwa ye Muhamadi (amahoro n'imigisha ya Allah bibe kuri we):
Niyo mpamvu tuguhamagarira -yewe munyabwenge- kwemera Allah nka Nyagasani wawe, n'Intumwa ye Muhamadi nk'Intumwa yawe, ukamukurikira, ndetse ukanakurikiza amategeko Imana yamuhaye akubiye mu idini rya Isilamu, tuvoma muri Qur'an, amagambo ya Allah, n'inyigisho z'uwasozereje Intumwa n'abahanuzi ari we Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) zizewe ko ari we zaturutseho, kuko Allah yamurinze, bityo ntiyategekaga usibye ibyo Allah yategetse, nta n'ibyo yabujije usibye ibyo Allah yabujije. Bityo ibikuye ku mutima wawe vuga uti: Nemeye ko Allah ari we Nyagasani wanjye n'Imana yanjye yonyine, unavuge uti: Nemeye ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana unamukurikire; kubera ko nta yindi ntsinzi kuri wowe usibye iyo.

Allah adushoboze twembi kuzagera ku munezero no kurokoka.. Aamiin.

***

# IGICE CYA GATATU: KUMENYA IDINI RY'UKURI (ISILAMU).

Numenya yewe munyabwenge ko Allah ari we Nyagasani wawe wakuremye akanaguha amafunguro, ndetse ukanamenya ko ari we Mana y'ukuri yonyine idafite uwo ibangikanye nawe, ndetse ukanamenya ko ari we ukwiye kugaragira wenyine, hanyuma ukanamenya ko Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ari we Ntumwa yakoherejweho ndetse ikoherezwa no ku bantu bose, ugomba kumenya nanone ko ukwemera kwawe Allah Nyir'ubutagatifu n'Intumwa ye Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kudashobora gutungana cyeretse umenye idini ry'ubuyisilamu ukabusobanukirwa, ukabwemera ndetse ukanabushyira mu bikorwa. Kubera ko ari ryo dini Allah yahisemo ikanaritegeka Intumwa zose, akaba ari naryo yahaye uwasozereje izo ntumwa ari we Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ku bantu bose, akanabategeka kuba ari ryo bakurikiza..

***

IGISOBANURO CY'UBUYISILAMU.
Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we), wasozereje Intumwa akanaba Intumwa ya Allah ku batuye isi bose yaravuze ati: «Nuko ugomba kwemera ko nta yindi mana ikwiye gusengwa usibye Allah, kandi ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana. Ugakora amasengesho (Iswalat), ugatanga amaturo (Zakat), ugasiba igisibo cy'Ukwezi kwa Ramadhan, hanyuma ukanakora umutambagiro mutagatifu (ku ngoro ya Allah iri i Maka) igihe ubifitiye ubushobozi »[13].
Bityo Isilamu ni idini y'abatuye isi bose Allah yategetse abatuye isi bose, ikanemerwa n'Intumwa za Allah, zikaba zaranabutangaje kubera Allah, Allah akaba yaranatangaje ko ari ryo dini ry'ukuri, kandi ko nta rindi dini yakemera ritari iryo. Allah aragira ati (Mu by'ukuri idini ryemewe imbere ya Allah ni Ubuyisilamu) [Al Im'rani: 19] Allah nanone yaravuze ati: (Uzahitamo idini ritari Isilamu, ntabwo azaryakiririrwa, kandi ku munsi w'imperuka azaba mu banyagihombo.) [Al -Im'rani: 85]
Ibisobanuro rusange by'iyi mirongo yombi:
1- Allah usumba byose aravuga ko idini ryemewe iwe ari Isilamu gusa.
2- Naho mu murongo wa kabiri; Allah Nyir'ubutagatifu akavuga ko uzahitamo irindi dini ritari Isilamu atazaryakiririrwa, kandi ko abazagira umunezero nyuma y'urupfu ari abasilamu gusa, naho abazapfa batari mu buyisilamu ku munsi w'imperuka bazaba mu banyagihombo ndetse bazahanirwa mu muriro.
Niyo mpamvu abahanuzi bose batangaje ko ari abayisilamu, ndetse banatangaza ko bitandukanyije n'abaticisha bugufi imbere ya Allah (banze kuba abayisilamu). Bityo uzashaka kuba mu bazaba bafite

---

[13] Yakiriwe na Muslim (8) na Abu Daudi (4695).

umunezero no kurokoka mu bayahudi n'abanaswara, azabe umuyisilamu, ndetse akurikire Intumwa ya Isilamu ari yo Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ; kugira ngo abe umuyoboke nyawe wa Musa na Yesu (amahoro n'imigisha bibe kuri bo); Kubera ko Musa, Yesu, na Muhamadi n'zindi ntumwa zose z'Imana bari Abayisilamu, bose bahamagariye abantu kuyoboka Isilamu; kandi nyuma y'ubutumwa bwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nta n'umwe wavuga ko ari umuyisilamu cyangwa ngo yakiriwe kuzageza ku iherezo ry'ubuzima bw'iyi si, atabanje kwemera ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana yaturutse ku Mana, akayikurikira, akanashyira mu bikorwa Qur'ani yamuhishuriwe. Allah Nyir'ubutagatifu muri Qur'an Ntagatifu aragira ati: {Vuga (yewe Muhamadi) uti "Niba koko mukunda Allah ngaho nimunkurikire, Allah azabakunda anababababarire ibyaha byanyu. Kandi Allah ni Ubabarira ibyaha, Nyirimpuhwe."} [Al Im'rani: 31]
Ibisobanuro rusange by'uyu murongo:
Allah arategeka Intumwa ye Muhamadi kubwira abavuga ko bakunda Imana ati: "Niba mukunda Imana by'ukuri nimunkurikire kugira ngo namwe Imana ibakunde; kubera ko Imana ntiyabakunda cyangwa se ngo ibababarire ibyaha byanyu cyeretse mubanje kwemera Intumwa yayo Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mukanayikurikira.
Ubu nibwo buyisilamu Allah yahaye Intumwa ye Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ngo ayigeze ku bantu bose, ni idini ryuzuye rusange ryoroshye, Allah yararyujuje anarihitiramo abagaragu be, nta rindi dini bagomba kuyoboka uretse ryo, ndetse ni naryo yahaye abahanuzi kandi nabo bararyemeye, Allah Nyir'ubutgatifu muri Qur'an aragira ati: (Uyu munsi mbuzurije idini ryanyu, kandi mbasenderejeho inema zanjye, nanabahitiyemo ko Isilamu iba idini ryanyu.} [Al Ma-idat:3]
Ibisobanuro rusange by'uyu murongo:
Uyu murongo wa Qur'an ntagatifu, Allah usumba byose yahishuriye uwasozereje Intumwa n'abahanuzi ari we Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ubwo yari ahagaze ku musozi wa Arafat i Maka ubwo yari mu mutambagiro wayo wa nyuma, yo n'abayisilamu basenga banatakambira Allah, ibyo bikaba byaraye mu bihe bya nyuma by'ubuzima bw'Intumwa y'imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we), nyuma y'intsinzi ya Allah no gukwirakwira kwa Isilamu ndetse no kurangira ko guhishurwa kwa Qur'an.
Allah usumba byose niho yabwiye abasilamu ko yabujurije idini ryabo, akaba yaranabasenderejeho inema ze ubwo yabohererezaga Intumwa Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we), akanamwohereza amuhaye Qur'an ntagatifu, akanavuga ko yabahitiyemo Isilamu ngo ibabera idini ndetse ko nta rindi dini ry'uwo ari we wese azemera uretse ryo.
Allah Nyir'ubutagatifu yarongeye avuga ko Isilamu Allah yahaye Intumwa ye Muhamadi (amahoro n'imigisha bibe kuri we) ngo ayigeze ku batuye isi bose, ko ari idini ryuzuye, rusange kandi rigendanye n'ibihe byose, ahantu hose, ndetse n'abantu bose. Bityo ni idini ry'ubumenyi no koroha n'ubutabera ndetse n'ibyiza byose. Ni ryo muyoboro ugaragara ugororotse rikubiyemo gahunda zose z'ubuzima, ni idini rikubiyemo integanyanyigisho ziboneye z'imiyoborere, ubucamanza, politiki, imibereho y'abantu, n'ubukungu, ndetse n'ibyo abantu bakeneye byose mu buzima bwabo bwo ku isi, kandi rikaba ari naryo byishimo byabo ubwo bazaba bamaze gupfa.

***

INKINGI ZA ISILAMU.
IsIlamu yuzuye Imana yahaye Intumwa yayo Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we), yubakiye ku nkingi eshanu, kandi umuntu ntashobora kuba Umuyisilamu nyawe atabanje kuzemera no kuzishyira mu bikorwa, zikaba ari izi zikurikira:
1- Agomba guhamya ko nta yindi mana iriho uretse Allah kandi ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana.
2- Agahozaho Iswalat
3- Agatanga amaturo.
4- Agasiba ukwezi kwa Ramadhan.
5- Agakora umutambagiro mutagatifu ku ngoro ya Allah igihe abifitiye ubushobozi[14].
Inkingi ya mbere:

[14] Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Isilamu yubakiye ku nkingi eshanu, ari zo: ubuhamya bw'uko nta yindi mana ibaho ikwiye gusengwa uretse Allah, kandi ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana, guhozaho Iswala, gutanga amaturo, gukora umutambagiro mutagatifu, ndetse no gusiba ukwezi kwa Ramadhan." imvugo yakiriwe na Al-Bukhari mu gitabo cye "A-Sahih" (8, 4515), na "A-Tarikh al Kabir" (4/213), (8 / 319.322), na Muslim (16), hari na gihamya muri Qur'an zivuga kuri izi nkingi mu buryo burambuye.

(Guhamya  nta yindi mana iriho ikwiye kugaragirwa uretse Allah wenyine kandi ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana):
Ubu buhamya bufite ibisobanuro umuyisilamu agomba kumenya no gukurikiza.Naho ibyo avuga ku rurimi gusa atazi ibisobanuro byabyo ntanabishyire mu bikorwa, ntacyo bimumarira.
Igisobanuro cya (LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ibaho uretse Allah) bisobanuye  ko: Nta mana ibaho mu isi cyangwa mu ijuru keretse Allah wenyine, kuko ari we Mana y'ukuri, kandi imana zose zitari We ni ibinyoma. Kandi Imana bisobanura:Ugaragirwa.
Umuntu wese ugaragira ibitari Allah, aba ahakanye Allah ndetse anamubangikanyije, n'ubwo yaba asenga umuhanuzi cyangwa umukunzi w'Imana, ndetse n'iyo yaba yitwaje ko ibyo asenga bimwegereza Imana Ishobora byose bikanamuvuganira; Kubera ko ababangikanyamana Intumwa y'Imana yarwanyije ntabwo bigeze bagaragira abahanuzi cyangwa se abakunzi b'Imana runaka usibye uru rwitwazo, gusa uru rwitwazo nta shingiro rufite, kubera ko kwiyegereza Imana ntibisaba kunyura ku bantu cyangwa se ku bindi, ahubwo umuntu yiyegereza Allah yifashishije amazina ye, n'ibisingizo bye ndetse n'ibikorwa byiza yategetse birimo; gukora Iswala, gutanga amaturo, gusingiza Allah, gusiba, guharanira inzira ya Allah, gukora umutambagiro mutagatifu, kubaha ababyeyi, n'ibindi nk'ibyo, ndetse n'ubusabe umwemeramana uriho, ukiri muzima ashobora gusabira mugenzi we.
Kugaragira Imana birimo amoko atandukanye; amwe muri yo:
1- Ubusabe:
Ni ugusaba Allah ibyifuzo byacu bitagira undi ubikemura uretse we, nko kumanura imvura, gukiza abarwayi, gukuraho imibabaro idashobora gukorwaho n'ikiremwa, gusaba ijuru, gusaba kurokorwa umuriro wa Jahanam, gusaba urubyaro, amafunguro, umunezero n'ibindi nk'ibi.
Ibi byose bisabwa Allah wenyine, iyo ugize uwo ubisaba mu biremwa yaba ari muzima cyangwa yarapfuye icyo gihe uba umugaragiye. Allah Nyir'ibisingizo yabwiye abagaragu be abategeka kumugaragira no kumusaba wenyine, anababwira ko ubusabe ari kimwe mu bigize kugaragira Allah wenyine no kumusaba, anababwira ko kumusaba biri mu bigize kumugaragira. Bityo uzasaba undi utari Allah uwo azaba ari uwo mu muriro; Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: {Kandi Nyagasani wanyu yaravuze ati “Nimunsabe, ndabasubiza. Mu by’ukuri ba bandi bibona bakanga kunsenga (kunsaba), bazinjira mu muriro basuzuguritse.”} [Ghafir: 60], Allah yanabwiye abantu ko abatari we basengwa ntacyo bamariye ndetse nta n'icyo batwara ababasenga, kabone n'iyo abo basenga baba ari abahanuzi cyangwa se abakunzi b'Imana. (Vuga (yewe Muhamadi) uti “Nimuhamagare abo mwise imana mu cyimbo cye (Allah, kugira ngo babatabare). Nta bushobozi bafite bwo kubakiza ingorane, cyangwa ngo bazihinduremo (ibyiza).” [Al-Isra'u: 56 n'umurongo uwukurikira] Allah nanone yaravuze ati: “Kandi ko imisigiti yose ari iya Allah (wenyine). Bityo, ntimukagire undi musaba mumubangikanyije na Allah.” [Al-Jinn: 18].
2- Kubaga, guhiga no gutamba ibitambo:
BItyo ntibikwiye ko umuntu yagira undi abagira ku bwe, cyangwa ngo agire undi atura ituro, cyangwa ngo agire undi ahigira utari Allah wenyine. Bityo uwo ari we wese ugira ikindi abagira kitari Allah, nk'ubaga kubera ushyinguye mu imva cyangwa se kubera amajini, uwo aba abangikanyije Imana kandi aba akwiye umuvumo wa Allah, Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: {Vuga uti “Mu by’ukuri iswala  yanjye, ibitambo byanjye, kubaho kwanjye no gupfa kwanjye bigengwa na Allah, Nyagasani w’ibiremwa byose, Ntawe babangikanye. Kandi ibyo ni byo nategetswe, ndetse ndi uwa mbere mu bicisha bugufi (Abayisilamu).”} [Al-An'am: 162-163].
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Allah yavumye ubagira ikindi kitari Allah."[15]
Umuntu aramutse avuze ati:Ngize umuhigo kuri kanaka nindamuka mbonye iki n'iki, ko nzamuha iki n'iki cyangwa se nzamukorera iki n'iki; uyu mugambi waba urimo ibangikanyamana, kuko waba uhigiye kuzesereza umuhigo ikiremwa. Kandi kugira umuhigo ni kimwe mu bikorwa by'amasengesho (Ibadat) bidakwiye gukorerwa undi usibye Allah wenyine. Umuhigo wemewe rero ni uko wavuga undi ngiriye Allah umuhigo ko nzatanga ituro iri n'iri cyangwa nzakora iki n'iki mu bikorwa byo kumvira Allah nibingendekera gutya.
3- Gusaba ubufasha,kwiyambaza  no gusaba ubuhungiro[16]:
Bityo ntawikwiye gusabwa ibi tumaze kuvuga usibye Allah wenyine.Allah Nyir'ubutagatifu muri Qur'an ntagatifu aragira ati: (Ni wowe (wenyine) dusenga, kandi ni wowe (wenyine) twiyambaza) [Al Fatihat 5]

[15] Imvugo yakiriwe na Muslim (1978), na A-Nasa'i (4422).
[16] Kwiiyambaza(Al Isti'aanat): Ni ugusaba  ubufasha muri rusange. Naho  gusaba ubufasha (Istighathat): Ni ugusaba ubufasha mu gihe cy'umubabaro n'amakuba. Naho gusaba ubuhingiro (Isti'aadhat): Ni ugusaba ubuhu no gutabaza no kwikinga k'Urinda ibibi n'ibidashimishije.

Allah nanone yaravuze ati: Vuga uti: Nikinze kuri Nyagasani w'igitondo.(1) Ngo andinde ibibi by'ibyo yaremye.(2) [Al Falaq: 1-2] Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nayo yaravuze iti : "Sinjye usabwa ubufasha, ahubwo ubufasha busabwa Allah"[17]Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nanone yaravuze iti: "N'usaba jya usaba Allah, n'unasaba inkunga ujye uyisaba Allah"[18].

Biremewe kandi ko umuntu yasaba mugenzi we ukiriho (muzima) ubufasha mu byo abona ashoboye gusa. Naho gusaba ubuhungiro nta wwundi bisabwa uretse Allah wenyine. Kandi uwapfuye n'udahari ntibasabwa na rimwe inkunga n'ubufasha, kuko ntacyo bashoboye nta n'icyo bafite, kabone n'iyo baba ari abahanuzi, cyangwa abakunzi ba Allah cyangwa abamalayika.

Ibitagaragara bizwi n'Imana Ishobora byose yonyine, uzibwira ko azi ubumenyi bw'ibitagaragara azaba abaye umuhakanyi, kandi ni ngombwa ku muhinyura. Ariko aramutse hari ibyo avuze bikagenda nk'uko yabivuze icyo gihe aba ahuje n'ibiri mu bumenyi bw'ibitagaragara (Al Muwaafaqat). Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umuntu wese ugana umupfumu, utera inzuzi akizera ibyo avuga, uwo aba ahakanye ibyahishuriwe Muhamadi." [20)]

Kwiyegurira no Kwiringira[19]ndetse no kwibombarika: Bityo umuntu ntakwiye kugira uwo yishingikirizaho uretse Allah wenyine, nta n;undi akwiye Kwizera usibye Allah kandi nta wundi akwiye kwibombarika uretse Allah wenyine.

Mu bintu biteye agahinda ni ukubona abantu benshi biyitirira ubuyisilamu ariko ugasanga babangikanya Allah, bagasaba undi utari we mu bakiri bazima bubashywe, ndetse no mu bapfuye bamaze gushyingurwa, bakazenguruka ku mva zabo banabasaba kubacyemurira bimwe mu bibazo bafite. Uku kugaragira utari Allah ubikoze ntabwo aba ari umuyisilamu kabone n'iyo yavuga ko ari we ndetse akanahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse Allah kandi ko na Muhamadi ari Intumwa yayo, akaba anasali ndetse anafunga, akanakora umutambagiro mutagatifu ku ngoro ya Allah. Allah Nyiri'ibisingizo aravuga ati: (Kandi rwose wahishuriwe (wowe Muhamadi) nk'uko Intumwa zakubanjirije zahishuriwe ko nuramuka ubangikanyije Allah, ibikorwa byawe byose bizaba imfabusa, kandi nta kabuza uzaba mu banyagihombo.) [A-Zumar: 65], Allah nanone yaravuze ati: ( Mu by'ukuri, ubangikanya Allah, rwose Allah yamuziririje (kuzinjira mu) Ijuru ndetse icyicaro cye kizaba mu muriro. Kandi inkozi z'ibibi ntizizabona abazitabara.) [Al-Ma'idat: 72]. Imana isumba byose yategetse Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) kubwira abantu ati: (Vuga (yewe Muhamadi) uti "Mu by'ukuri njye ndi umuntu nkamwe. Nahishuriwe ko Imana yanyu ari Imana imwe rukumbi (Allah). Bityo, uwiringiye kuzahura na Nyagasani we, ajye akora ibikorwa byiza, kandi ntazagire ikindi asenga akibangikanyije na Nyagasani we.") [Al-Kahf: 110].

Aba bantu b'injiji bayobejwe n'intiti z'ikibi n'ubuyobe zari zizi bimwe ariko zitazi Taw'hid (ubumenyi bwo kugaragira Imana imwe rukumbi) kandi ubu bumwenyi ni bwo shingiro ry'idini. Bityo aba bamenyi batangiye guhamagarira abandi Ibangikanyamana, batazi icyo bivuze bitwaje ko ari ugushaka abazabavuganira n'abazabunganira kwa Allah, bitwaza ibisobanuro bidafite ishingiro by'imwe mu mirongo ya Qur'an ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) z'ikinyoma kuva kera ndetse na n'ubu, n'izindi nkuru n'inzozi bazaniwe na Shitani, ndetse n'ibindi bimeze nkabyo by'ubuyobe bakusanyirije mu bitabo byabo kugira ngo babishyigikize uko kugaragira kwabo ibindi bitari Allah, bakurikira Shitani n'irari, no gukurikira buhumyi ababyeyi babo n'abasekuru babo babanje nk'uko ababangikanyamana bo hambere babigenzaga.

Ubuvugizi Allah yadutegetse gushakisha mu mvugo ye igira iti: (munakore ibikorwa bituma mumwiyegereza) [Al Maidat: 35] ni: Ibikorwa byiza byo kugandukira Imana imwe, gukora iswala, gutanga amaturo, gusiba igisibo, gukora umutambagiro mutagatifu, kurwana mu nzira y'Imana, no gukangurira abantu gukora ibikorwa byiza, ndetse no kubuza abantu gukora ibibi, no kunga isano ry'ubuvandimwe, n'ibindi nk'ibyo. Naho ku bijyanye no gusaba abapfuye no kubasaba ubufasha mu gihe cy'amakuba n'ibyago, ibi biba ari ukubagaragira mu mwanya wa Allah.

Ubuvugizi bukozwe n'abahanuzi, inshuti za Allah cyangwa se n'abandi bayisilamu Allah yemerera kuvuganira abantu ni ukuri kandi turabwemera, ariko ntibusabwa abapfuye, kuko ari uburenganzira bwa Allah ntawe ajya abwemerera usibye uwo Allah Nyir'ubutagatifu abuhereye uburenganzira. Bityo ukora ubwo buvugizi kwa Allah agomba kuba yemera Allah ndetse akabusaba Allah wenyine agira ati:" Mana

---

[17] Yakiriwe na Ahmad (5 /317/ 22758), na A-Twabarani (10/246), na Al-Albaniy yavuze ko iyi Hadithi ari impamo.

[18] Yakiriwe na A-Tir'midhiy (2516), Ah'mad (2802), na A-Twabarani (2820/ 12989), ndetse A-Tir'midhi yavuze ko ari Hadithi nziza y'ukuri.

[19] A-Tawakkul: Ni ukwizera mu mutima no kwiringira uwo wizeye. Kwiringira ko ni ukwerekeza umutima wawe no gutegereza icyiza ukunze kizaba mu bihe biri imbere.

Nyagasani! Ha Intumwa yawe n'abagaragu bawe beza kuzamvuganira." Ariko ntavuga ngo: Yewe kanaka cyangwa se naka mvuganira kubera ko abba yaramaze gupfa, kandi abapfuye ntacyo basabwa. Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Vuga uti "Ubuvugizi bwose ni ubwa Allah. Ni We nyir'ubwami bw'ibirere n'isi. Kandi iwe ni ho muzagarurwa.") [A-Zumar: 44].

Mu bihimbano biziririjwe bihabanye na Isilamu kandi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije abantu mu mvugo zayo z'impamo no mu bitabo bya Hadithi: Kugira amarimbi aho gusalira (imisigiti), no kuhajyana amatara, kuyubakira, kuyashyiraho sima, no kuyandikaho, kuyubakaho no kuyakoreraho amasengesho, no kuyubakira inkuta, no kuhakorera iswala. Ibi byose Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabibujije kuko kubikora byaba impamvu yo kuramya abari muri izo mva.

Ku bw'izi mpamvu, biragaragara ko mu biranga ibangikanyamana harimo ibyo izi njiji zikora kuri amwe mu marimbi mu bihugu bitandukanye; nk'imva y'uwitwa Al-Badawi, na Sayyida Zaynabu mu gihugu cya Misiri, imva y'uwitwa Al-Jaylani muri Iraki, ndetse n'imva zitirirwa iz'abo mu muryango w'Intumwa y'Imana (Imana ibishimire) ahitwa i Najaf na Karbala mu gihugu cya Iraki ndetse n'izindi mva ziri ahandi hatandukanye ku isi, abantu bagenda bakoreraho amasengesho nko kuzizenguruka (Twawaaf), no kugira ibyo basaba abazirimo, no kwemera ko hari icyo zabamarira cyangwa se ngo zibateze amakuba.

Biranagaragaza neza kandi ko ibi bakora ari ubuyobe bwo kubangikanya Imana kabone n'iyo baba biyita Abayisilamu, bagasali, bakanasiba, ndetse bakanakora umutambagiro mutagatifu ku ngoro ntagatifu ya Allah bakanahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah ndetse ko na Muhamadi ari Intumwa y'Imana, kubera ko uhamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah na Muhamadi ari Intumwa y'Imana, ibyo ntibimugira umugaragu ugaragira Imana imwe rukumbi kugeza abisobanukiwe ndetse akabishyira mu bikorwa- nkuko twabigaragaje-. Naho abatari abayisilamu, umuntu yinjira mu idini ya Islam abanje kuvuga ubu buhamya, akitwa umuyisilamu cyeretse agaragaweho n'ibihabanye n'ubu buhamya ko gukomeza kwe ibangikanyamana, nka ziriya njiji, cyangwa akagira icyo ahakana mu mategeko ya Islam nyuma yo kuyamusobanurira, cyangwa se akagira indi myizerere inyuranye n'idini ya Islamu.

Abahanuzi n'inshuti za Allah[20]bari kure n'ababasenga bakabambaza, kubera ko Allah Nyir'ubutagatifu yohereje Intumwa ze ngo zihamagarire abantu kumugaragira wenyine, ndetse ngo bareke kugaragira abandi batari we baba intumwa cyangwa abakunzi ba Allah cyangwa se abandi batari abo.

Gukunda Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) no gukunda abakunzi ba Allah ntabwo ari mu kubasenga (Ibadat), kubera ko kubasenga ni ukubagirira urwango, ahubwo kubakunda ni ukugerageza kugera ikirenge mu cyabo no kubakurikiza si ukubagaragira, kandi umuyisilamu nyawe akunda abahanuzi be ndetse n'abakunzi be ariko ntabagaragira.

Kandi twe twemera ko gukunda Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kuruta uko twikunda ubwacu, imiryango yacu, abana bacu ndetse n'abandi bantu muri rusange ari itegeko kuri twe.

***

Itsinda rizarokoka.

Abayisilamu ni benshi mu mibare, ariko mu kuri ni bake , kandi n'udutsiko twiyitirira ubuyisilamu ni twinshi tugeze ku dutsiko mirongo irindwi na dutatu, abayoboke batwo ni miliyari n'imisago[21], ariko agatsiko k'ukuri ka Kisilamu ni kamwe, ari nako kagaragira Allah Nyir'ubutagatifu wenyine, ndetse kakanakurikiza umuyoboro w'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ndetse n'abasangirangendo be, mu myemerere no mu gukora ibikorwa byiza, nk'uko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabivuze mu magambo yayo igira iti: "Abayahudi bacitsemo udutsiko mirongo irindwi na kamwe, abanaswara (abakirisitu) bacikamo udutsiko mirongo irindwi na tubiri, abayoboke banjye bazigabanyamo udutsiko mirongo irindwi na dutatu, twose tuzajya mu muriro uretse kamwe."

---

[20] Inshuti za Allah ni babandi bahamya ko Allah ari umwe, bakamwumvira, bagakurikira Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha); muri bo hari abazwi kubera ubumenyi bwabo no guharanira kwabo inzira ya Allah,no muri bo harimo n'abatazwi. N'abazwi muri bo ntibishimira ko abantu babafata nk'abatagatifu, kandi inshuti za Allah nyazo ntiziratana ko ari Inshuti za Allah ahubwo ziba zumva muri zo ko zidakora ibihagije! Nta n'imyambaro yihariye idasanzwe ibaranga usibye gusa gukurikira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri ibyo. Na buri muyisilamu uhamya ko Imana ari imwer, agakurikira Intumwa ye uwo aba afite bimwe mu biranga abakunzi ba Allah bijyanye no gutungana kwe ndetse no kumvira kwe. Ibi ni ibigaragaza ko abigamba ko ari abakunzi ba Allah, bakagira n'imyambaro runaka ibiranga kugira ngo abantu babibubahire banababatagatifuze, ibi ni ibigaragaza ko atari abakunzi ba Allah, ahubwo ari ababeshyi.

[21] Dukurikije imibare yatangajwe mu gihe iki gitabo cyandikwaga ni mu mwaka wa 1395 Hijiriyat nihwanye na 1975.nyuma y'ivuka rya Yesu.

Nuko abasangirangendo be baramubaza bati: "Ako gatsiko ni akahe yewe Ntumwa y'Imana?" Arabasubiza ati: "Ni akazaba kari ku murongo ndiho njye n'abasangirangendo banjye."[22]

Ibyo Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) n'abasingirangendo bayo bari bari ho ni ukwemera ibisobanuro by'ubuhamya bw'uko "nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse Allah kandi Muhamadi ikaba Intumwa y'Imana", no kubishyira mu bikorwa basenga Allah wenyine, batanga igitambo ndetse banagira umuhigo kubera Allah wenyine, basaba inkunga n'ubutabazi Allah wenyine, bikinga kuri Allah wenyine, banemera ko ugira icyo amarira abantu cyangwa akagira icyo abatwara ari Allah wenyine, bashyira mu bikorwa inkingi z'ubuyisilamu biyegurira Allah Nyir'ubutagatifu, bemera abamalayika be, ibitabo bye, Intumwa ze , izuka n'ibarura rye, ijuru, n'umuriro ndetse n'igeno ry'ikiza n'ikibi ko byose bituruka kwa Allah Nyir'ubutagatifu. No gukiranurwa na Qur'an n'imigenzo y'Intumwa y'Imana (Sunat) mu ngeri zitandukanye, kunyurwa n'uburyo bigukiranuye, gukunda abakunzi ba Allah, kwanga abanzi be, guhamagarira inzira iganisha kwa Allah, no kuba umwe kuri ibyo, kumva no kumvira no kumvira abayobozi bawe b'abayisilamu igihe bahamagarira ibyiza, no kuvugisha ukuri aho bari hose, no gukunda abagore b'Intumwa b'Intumwa (amahoro n'imigisha bibe kuri yo) no kububaha, no gukunda abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bibe kuri bo), naho kubabanza hashingiwe ku byiza byabo, no kubasabira bose kwishimirwa na Allah, no kwirinda kujya impaka ku byabaye hagati yabo[23], no kwirinda kwemera ibyo indyarya zibavugaho zijora bamwe muri bo, kubajora kugamije gutatanya abayisilamu, byageze ku rwego bamwe mu bamenyi, abanyamateka bashukwa nabyo babyandika mu bitabo byabo wenda bafite n'umugambi mwiza. Ibi ni amakosa!

Abantu bibwira ko bari mu antu b'umuryango w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bakiyita abatware kuri bo, bagomba mbere na mbere kubanza kumenya neza niba iryo sano bavuga ko bafitanye nabo niba ari ukuri, kubera ko Allah yavumye umuntu wiyitirira utari se, nyuma iryo sano niriba ari ukuri bazakurikizeho gukurikiza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu kwiyegurira Allah wenyine, no kureka ibyaha, no kutishimira kubamira no guca bugufi imbere y'abantu, no kubasoma ibirenge byabo. Bagomba kandi kutagira imyambaro runaka umwihariko wabo ubatandukanya n'abandi bayisilamu, kubera ko ibyo byose binyuranye n'ibyo Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bibe kuri yo) yari iriho, kandi nayo yitandukanyije nabo, kandi bazirikane ko umutoni kwa Allah kurusha abandi ari umutinya kubarusha.

Amahoro n'imigisha bya Allah nibisakare ku wasozereje Intumwa n'abahanuzi, we n'ab'iwe n'abasangirangendo be n'abamukurikiye ndetse n'abazamukurikira kugeza ku munsi w'imperuka.

***

Guca imanza no kugena amategeko ni uburenganzira bwa Allah wenyine, kandi aho amategeko ari, harangwa ubutabera n'impuhwe ndetse n'imico myiza.

Mu bisobanuro bw'ubuhamya bwa LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ibaho uretse Allah" ubuhamya bugomba kwizerwa no gukurikizwa nuko guca imanza no kugena amategeko ari uburenganzira bwa Allah wenyine, kandi nta muntu n'umwe wemerewe kuba yagena amategeko anyuranye n'amategeko ya Allah agenga ikintu icyo ari cyo cyose, nta n'ubwo umuyisilamu yemerewe guca urubanza akoresheje andi mategeko ataramanuwe na Allah. Nta n'ubwo kandi yemerewe guhitamo amategeko ahabanye n'aya Allah, ndetse nta n'uwemerewe kuzirura ibyo Allah yaziririje cyangwa se ngo aziririze ibyo Allah yaziruye. Uzabirengaho abigambiriye cyangwa akabyishimira azaba ari umuhakanyi utemera Allah; Allah aragira ati: (Kandi abatazakiranura abantu bifashishije ibyo Allah yahishuye, abo ni bo bahakanyi.) [Al Maidat: 44]

***

Inshingano Allah yahaye Intumwa ze.

Yari uguhamagarira abantu ijambo ryo kugaragira Allah wenyine [LA ILAHA ILA LLAH: nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah] no gukurikiza ibisobanuro byaryo, ari byo byo gusenga Imana yonyine no kureka gusenga ibiremwa byayo no gukurikiza amategeko yabyo, bakagaragira Allah wenyine bakurikiza amategeko ye wenyine batamubangikanyije n'ikindi icyo ari cyo cyose.

Umuntu wese usomye Qor'an ihambaye ayitekerezaho, yitandukanya no gukurikira buhumyi, abona neza ko ibyo Allah yavuze ari ukuri, ndetse akabona ko Allah Nyir'ubutagatifu yagennye isano rimuhuza n'abantu, ndetse n'ibiremwa muri rusange, maze agena ko isano hagati ye n'umwemera ari ukumugaragira mu buryo ubwo ari bwo bwose bwo kumwiyegereza, akaba nta wundi akwiye kuyakorera uretse Allah wenyine. Yanagennye ko isano rye n'abahanuzi be ndetse n'abagaragu be beza nuko

---

[22] Yakiriwe na Abu Dawud (3842) na Ibn Majah (3226), na Al- Albani mu gitabo cye Swahih Al-Jami'i (1082), ndetse no mu gitabo A-Silsilat A-Swahihat(203).

[23] Bisobanuye kutajora ibyabaye hagati y'abasangirangendo by'amakimbirane no kutumvikana ugamije amakimbirane no kugira uwo ukomeretsa.

bagomba kumukunda urukundo nawe abakunda, no kubafataho urugero. Yanagennye kandi ko isano rye n'abanzi be b'abahakanyi ari uko agomba kubanga kuko Allah nawe abanga, kandi akabahamagarira kuba abayisilamu ndetse no kugerageza kubasobanurira ubuyisilamu kugira ngo bayoboke. Kandi ko abayisilamu bagomba guhashya abahakana ubuyisilamu, banze guca bugufi imbere y'itegeko rya Allah, kugira ngo ku isi ntihazabeho ibigeragezo (Fitinat), maze idini rya Allah rikaba ari ryo riganza. Ibi ni byo bisobanuro by'ijambo ry'ukwemera rya Tawhiid ari ryo LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, umuyisilamu agomba kumenya, ndetse akanabyemera atyo niba ashaka kuba umuyisilamu nyabyo.

IGISOBANURO CY'UBUHAMYA BW'UKO MUHAMADI ARI INTUMWA YA ALLAH.

Igisobanuro cy'ubuhamya bw'uko Muhamadi ari Intumwa ya Allah, nuko ugomba kumenya ukanizera ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana yatumwe ku bantu bose, ukanemera ko ari umugaragu utagomba gusengwa, ndetse akaba n'Intumwa idakwiye guhakanywa,ahubwo ko akwiye kumvirwa no gukurikirwa. Uzayumvira azinjira mu ijuru, n'uzamwigomekaho azajya mu muriro. Ugomba kandi kwemera ukanizera ko kwakira amategeko yaba ari mu bikorwa by'amasengesho Allah yategetse, cyangwa se n'andi mategeko yo mu buzima butandukanye cyangwa se mu kuzirura no kuziririza, ntibyabaho bitanyuze kuri iyi Ntumwa Muhamadi Ntagatifu (Imana imuhe amahoro n'imigisha), kubera ko ari Intumwa ya Allah yaje kwigisha amategeko, bityo ntibyemewe ko umuyisilamu yemera amategeko yaza atanyuze mu nzira y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha); Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: (Kandi ibyo Intumwa ibahaye (mu mitungo n’ibyo yabategetse) mujye mubyakira, ndetse n’ibyo ibabujije mujye mubireka. Munatinye Allah, mu by’ukuri Allah ni Nyiribihano bikaze.) [Al-Hashr : 7], Allah Nyir'ubutagatifu nanone yaravuze ati: (Oya! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wawe! Ntibazigera bemera by’ukuri, keretse babanje kukugira (yewe Muhamad) umucamanza mu makimbirane yavuka hagati yabo, hanyuma ntibasigarane ingingimira mu mitima yabo kubera uko wabakiranuye,kandi bakabyakira banyuzwe.) [A-Nisau : 65].

Ibisobanuro by'iyi mirongo ibiri:

1 - Mu murongo wa mbere, Allah ategeka abayisilamu kumvira Intumwa yayo Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) mu byo yabategetse byose, no kwirinda ibyo yababujije byose; kuko yabategetse ibyo Imana yategetse anababuza ibyo Imana yabujije.

2 - Mu murongo wa kabiri, Allah ushobora byose arahirira ku butagatifu bwe ko ukwemera Imana n'Intumwa yayo kwa muntu kutazagira agaciro atabanje gukemura amakimbirane hagati ye na bagenzi be akurikije umurongo washyizweho n'Intumwa y'Imana[24]akanishimira uko Intumwa yabikemuye. Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo) yaravuze iti: "Uzakora igikorwa gihabanye n'ibyo twazanye bizamugarukira.'[25]

***

UMUBURO.

Yewe munyabwenge! Numenya igisobanuro cy'ubuhamya bw'uko nta yindi mana ibaho uretse Allah kandi ko Muhamadi ari Intumwa ye (LA ILAHA ILA LLAH, MUHAMAD RASULULLAH), ukamenya ko ubu buhamya ari rwo rufunguzo rwo kwinjira mu buyisilamu n'ishingiro ryabwo ubuyisilamu bwubakiyeho, jya uvuga ubikuye ku mutima wawe uti: "ASHAHADU AN LA ILAHA ILALLAH WA ASHAHADU ANA MUHAMADAN RASULULLAH: Ndahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana", maze ushyire mu bikorwa icyo ubu buhamya busobanuye; bizaguhesha umunezero hano ku isi no ku munsi w'imperuka kandi bizakurokora ibihano bya Allah bya nyuma y'urupfu.

Unazirikane kandi ko mu byo ubu buhamya LA ILAHA ILALLAH MUHAMAD RASULULLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah na Muhamadi akaba Intumwa yayo busaba ni ugushyira mu bikorwa izindi nkingi z'ubuyisilamu; kubera ko Allah yazitegetse umuyisilamu kugira ngo amugaragire azishyira mu bikorwa mu kuri no kumwiyegurira, kandi uzareka gukora imwe muri izi nkingi nta mpamvu yemewe n'amategeko, icyo gihe azaba anyuranyije n'igisobanuro cy'iri jambo rya LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ibaho ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah, ndetse n'ubuhamya bwe ntibuba bwemewe.

***

Inkingi ya kabiri mu nkingi z'Ubuyisilamu ni Iswala.

Menye neza yewe munyabwenge ko inkingi ya kabiri mu nkingi z'ubuyisilamu ari iswala, zikaba iswala eshanu ku manywa na nijoro, Allah Nyir'ubutagatifu yayategetse ngo abe umuhuza hagati ye (Allah)

[24] Igihe habaho ukutumvikana hagati ye n'abandi.
[25] Yakiriwe na Al-Bukhariy (2697), na Muslim (1718), n'iyi mvugo ni iya Bukhari.

n'umuyisilamu, yifashisha amwambaza anamusaba, kandi ni ukugira ngo abuze umuyisilamu gukora ibikorwa bibi n'ibiteye isoni kugira ngo agire ituze n'amahoro y'umutima n'umubiri rizamufasha ku isi no ku munsi w'imperuka.

Allah yanategetse ko isengesho rigomba gukorwa hubanje gukorwa isuku yo ku mubiri, no ku myambaro ndetse n'ahakorerwa iswala. Umuyisilamu rero aba agomba kwisukura akoresheje amazi, yikuraho umwanda uwo ari wo wose waba uw'inkari cyangwa se uw'amabyi. Ibyo bikamukiza umwanda ufatika wo ku mubiri ndetse akanikiza umwanda udafatika wo ku mutima.

Iswala ni inkingi y'idini, kandi ni imwe mu nkingi zikomeye z'iri dini nyuma y'ubuhamya bubiri; Umuyisilamu agomba kuyubahiriza kuva akiri ingimbi kugeza apfuye, ndetse akayitegeka abantu be n'abana be guhera ku myaka irindwi, kugira ngo bayitoze ndetse bayimenyereze, Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Mu by'ukuri Iswala ku bemera ni itegeko ryashyiriweho igihe kigenwe.) [A-Nisau: 103], Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: (Kandi (no mu bitabo byabo) nta kindi bari barategetswe kitari ukugaragira Allah, bakaba ari we biyegurira wenyine, bahozaho iswala, ndetse bakanatanga amaturo. kandi iryo ni ryo dini ritunganye.) [Al Bayyinat:5]

Icyo iyi mirongo ibiri ivuze muri rusange :

1 - Mu murongo wa mbere Imana Ishobora byose ivuga ko Iswala ari itegeko ntakuka ku bemeramana, kandi ko bagomba kurikora mu gihe cyaryo cyagenwe.

2 - Mu murongo wa kabiri Imana Nyir'icyubahiro gihebuje ivuga ko itegeko yahaye abantu, ari na ryo mpamvu yo kubarema, ari ukuyigaragira yo yonyine, no kuyegurira amasengesho (Ibadat), bakora iswala, batanga amaturo (Zakat) ku bayakwiye.

Iswala ni itegeko ku muyisilamu mu bihe bye byose, yaba afite ubwoba, yaba arwaye, agomba gusali uko ashoboye, yaba ahagaze, yicaye cyangwa aryamye, kabone n'iyo yaba ashoboye gusa kurikora akoresheje ibimenyetso by'amaso ye cyangwa umutima we, icyo gihe asali akoresheje ibimenyetso. Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) yavuze ko umuntu ureka iswala aba atari Umuyisilamu, yaba ari umugabo cyangwa se umugore, Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) yaravuze ati: “Isezerano riri hagati yacu na bo (abatari abayisilamu) ni iswala, uzarireka azaba ahakanye.”[26]

Iswala eshanu ni:

Iswala yo mu rucyerera (Al Faj'ri), iswala yo ku manywa (Adhuhuri), iswala yo ku gicamunsi (Al Asr), iswala ya nimugoroba (Al Maghrib), n'iya nijoro (Al Ishaa).

Igihe cy'iswala ya mu gitondo (Al Fajr) gitangirana no kwitambika k'umucyo w'igitondo ahaherereye iburasirazuba, kikarangirirana no kurasa kw'izuba, kandi ntibyemewe gutinza iswala ngo uyikore ku mpera z'igihe cyayo cyagenwe. Naho igihe cy'iswala yo ku manywa (Adhuhuri) ni uguhera igihe izuba riba rirenze gato mu cya kabiri cy'ikirere kugeza ubwo igicucu cya buri kintu kireshya nacyo, naho igihe cy'iswala yo ku gicamunsi (Al Asr) gitangirana n'iyo igihe cy'iyi swala yo ku gicamunsi irangiye kugeza ubwo haza ibicu by'umuhondo izuba ryenda kurenga, kandi nayo ntibyemewe kuyikereza ngo uyikore mu gihe cyayo cya nyuma, ahubwo rikorwa mu gihe cyayo kibanza izuba ritaraba umuhondo. Naho igihe cy'iswala ya nimugoroba (Al Magrib) gihera izuba rirenze kikarangirirana no kurenga kw'ibicu bitukura igihe bwije, nta n'ubwo byemewe kurikereza ngo rikorwe mu gihe cyaryo cya nyuma. Naho cy'iswala ya nijoro (Al Isha) gitangira igihe cy'iswala ya Maghrib kirangiye kugeza mu rucyerera, kandi naryo ntirikerezwa ngo rikorwe mu gihe cyaryo cya nyuma.

Iyo umuyisilamu akereje iswala nta rikorere mu gihe cyaryo kikarangira, nta mpamvu yemewe n'amategeko yabiteye kandi itamuturutseho, aba akoze icyaha gikomeye kandi aba agomba kwicuza kwa Allah ndetse ntazabisubire. Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Bityo, ibihano bikomeye biri ku basenga,) (4) (Ba bandi birengagiza amasengesho(iswala) yabo (ntibayakorere ku bihe byayo byagenwe) (5) [Al-Ma'un: 4-5].

***

Amategeko agenga Iswalat.

Irya mbere: Isuku (Twaharat).

Mbere y'uko umuyisilamu yinjira mu iswala, agomba kubanza kwisukura. Akabanza agasukura inzira zinyuramo umwanda, yaba iy'inkari cyangwa amabyi, aramutse hari kimwe muri byo yakoze, hanyuma akabona kwisukura byo gusali (Udhu) ari byo twita GUTAWAZA.

Gutawaza (Udhu): Umuntu abigambirira ku mutima ariko akirinda kubivuga ku munwa kuko Imana iba ibibona ndetse inabizi neza, no kubera ko Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo)

---

[26] Yanditswe na A-Tir'midhiy (2621), A-Nasa'i (463), na Ahmad (5/346), na Al-Albaniy mu gitabo cye Sahih Al-Jami'i yemeje ko ari impamo. '.

itigeze ibikora, yarangiza akavuga ati: "Bismillah:Ku izina rya Allah", hanyuma agakaraba ibiganza, akunyuguza mu kanwa, agashyira amazi mu mazuru yarangiza akayapfuna, agakaraba mu maso he, yarangiza agakaraba amaboko ye akageza mu nkokora ahereye ku kuboko kwe kw'iburyo agakurikizaho ukw'ibumoso yarangiza agahanagura mu mutwe we akoresheje ibiganza bye, agahanagura n'amatwi ye, hanyuma agakaraba ibirenge bye ageza ku tubumbankore kandi ahereye ku kirenge cy'iburyo agakurikizaho icy'ibumoso.

N'iyo umuntu yamaze gutawaza maze agashaka gusura, kwihagarika cyangwa se kwituma, cyangwa se akaba yata ubwenge abitewe n'ibitotsi cyangwa se kugwa igihumure no kurabirana, icyo gihe mbere y'uko akora isengesho arabanza akongera agatawaza. Iyo umuyisilamu agize ijanaba kubera amavangingo yamuvuye mu gitsina afite ubushake n'iyo yaba yari asinziriye (Kwirotera) yaba yaba ari igitsinagabo cyangwa se igitsinagore, icyo gihe yiyuhagira umubiri we wose kugira ngo yisukure iyo janaba. Umugore nawe iyo avuye mu mihango cangwa se ibisanza yiyuhagira umubiri we wose,nawe biba ari itegeko kwiyuhagira umubiri we wose, kubera ko umugore uri mu mihango cyangwa mu bisanza iswala ye ntiyemerwa ndetse nta n'ubwo iba ari itegeko kuri we kugeza abanje kuva muri iyo mihango cyangwa se icyo gisanza,. Allah yorohereje aba bombi abakuriraho kwishyura iswala zabasanze muri ibyo bihe, naho ibindi bihe bagomba kwishyura iswala zabanyuzeho nk'uko n'abagabo abigenza.

Umuntu wese ubuze amazi, cyangwa se kuyakoresha bikaba byamugiraho ingaruka, nk'umurwayi, uwo yisukura akoresheje isuku itari iy'amezi akoresheje igitaka (Tayammum). Uburyo iyo suku ikorwa: Umuntu agambirira gukora isuku mu mutima we, maze akavuga Bismillah: Ku izina rya Allah, yarangiza agashyira ibiganza bye mu itaka inshuro imwe, yarangiza agahanagura mu maso he, maze hejuru y'ikiganza cy'ibumoso akahahanaguza ikiganza cy'iburyo, no hejuru y'ikiganza cy'iburyo akahahanaguza ikiganza cy'ibumoso. Muri ubu buryo aba amaze kwisukura. Ubu buryo bwo kwisukurisha itaka (Tayammum) ni ku bantu bavuye mu mihango no mu bisanza, ndetse no ku bafite ijanaba bashaka kwisukura igihe badafite amazi, cyangwa se batinya ingaruka yabatera igihe baramuka bayakoresheje.

Icya kabiri: Uko Iswala ikorwa:

1 - Iswala ya mu gitondo(Al Faj'r):

Ni ibice bibiri (Raka) ebyiri, umuyisilamu yaba umugabo cyangwa umugore, yerekera mu cyerekezo twerekera dusali (Qiblah), ari cyo Al Kaabat iherereye mu musigiti mutagatifu i Makat, maze akagambirira mu mutima we ko agiye gukora isengesho rya mu gitondo (Al Fajr), ariko ntiyature ku rurimi umugambi we, hanyuma akavuga ati: "Allahu Akbar: Imana isumba byose" Hanyuma agasoma urufunguzo rw'iswala ari rwo: “SUB'HANAKA LLAHUMA WA BIHAMDIKA WA TABARAKA SMUKA WA TAALA DJADUKA WA LA ILAHA GHAYRUKA:ubutagatifu n'ikuzo ni ibyawe Mana, kandi izina ryawe n'icyubahiro byawe bihabwe ikuzo, kandi nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse wowe.” "AUDHUBILLAHI MINA SHAYTWAN RADJIIM: Nikinze ku Mana ngo indinde Shitani wavumwe, hanyuma agasoma igice (surat) kibimburira izindi muri Qur'an, ari cyo: Ku izina rya Allah, Nyir'impuhwe, Nyir'imbabazi (1) Ishimwe n’ikuzo byose bikwiye Allah, Nyagasani w’ibiremwa byose (2) Nyir'impuhwe, Nyir'imbabazi (3) Umwami w’ikirenga wo ku munsi w’imperuka (4) Ni wowe (wenyine) dusenga, kandi ni wowe (wenyine) twiyambaza (5) Tuyobore inzira igororotse (6) Inzira y’abo wahundagajeho inema, itari iy’abo warakariye cyangwa abayobye.(7) [Al Fatihat 1-7] Agomba kandi gusoma Qur'ani mu rurimi rw'icyarabu[27]igihe abishoboye , hanyuma akavuga ati: "Allahu Akbar (Imana isumba byose)", hanyuma akunama afata ku mavi (Ruku), yunamisha umutwe n'umugongo ashyira ibiganza bye ku mavi, akongeraho aya magambo agira ati: "Sub'hana Rabiyal Adhwim (Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani, We uhambaye)", nyuma ukunamuka maze akavuga ati: "Samiallahu liman Hamidah (Imana yumva abayisingiza)". Iyo amaze guhagarara yemye aravuga ati: "Rabana walakal Hamd (Mana yacu, ninawe ukwiye gusingizwa)", hanyuma akavuga ati: "Allahu Akbar (Imana niyo nkuru)", maze akubama ageza hasi imitwe y'amano ye, amavi ye, ibiganza bye, uruhanga rwe n'izuru rye, maze icyo gihe yubamye hasi akavuga aya magambo: “Sub'hana Rabiyal A'ala: (Icyubahiro kibe icyawe, Mwami wanjye Usumba byose)", hanyuma akicara avuga ati: "Allahu Akbar: (Imana niyo nkuru)", icyo gihe yicaye akavuga ati: "Rabi gh'fir' lii: (Mana mbabarira)", maze akavuga ati: "Allahu Akbar" (Imana niyo nkuru), hanyuma akongera akubama bwa kabiri, akavuga amagambo nk'ayo yari amaze kuvuga mu kubama kwa mbere, nyuma agahaguruka akavuga ati: "Allahu Akbar: (Imana niyo nkuru)", nuko agasoma Suratul Fatihat ari yo (alhamdulilahi rabil

---

[27] Kubera ko aramutse asomye Qur'an mu rundi rurimi rutari Icyarabu, ntabwo icyo yaba asoma cyaba ari Qur'an. Ku bw'ibyo, amagambo ya Qur'an ntabwo ajya ahindurwa mu zindi ndimi, ahubwo hasobanurwa ibisobanuro byayo, kubera ko amagambo yayo n'inyuguti zayo biramutse bishyizwe mu zindi ndimi yatakaza umwimerere wayo n'ubuvanganzo bwayo ndetse n'ibitangaza bikubiyemo byatakara,kandi icyo gihe ntabwo yaba ikiri Qur'an.

alamina) kugeza ku murongo wayo wa nyuma, nkuko yabigenje ku gice cya mbere (raka'ah ya mbere), hanyuma akavuga "Allahu Akbar (Imana niyo nkuru)", akunama (Ruku), akunamuka, akubama, akubamuka, akicara akoresha amagambo twabonye akoresha aha mbere, byose akabikora nkuko yabikoze mbere.

Hanyuma akicara maze akavuga ati: “Ibyubahiro byose, amasengesho ndetse n’ibyiza byose ni ibya Allah, amahoro n’imigisha n’impuhwe z’Imana bikubeho yewe ntumwa, amahoro y’Imana n’imbabazi zayo bitubeho, zibe no kubagaragu b’Imana bakora ibyiza. Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse Imana imwe rukumbi.Nkanahamya ko na Muhamad ari umugaragu w’Imana ndetse akaba n’Intumwa ye. Mana ha amahoro n’imbabazi Muhamad n’umuryango we, nkuko wabihaye Intumwa y’Imana Ibrahim n’umuryango we. Unahe Muhamad imigisha n’umuryango we, nkuko wayihaye Intumwa y’Imana Ibrahim n’umuryango we. Ni wowe Nyirugushimwa Nyirikuzo.” Hanyuma agahindukira iburyo bwe akavuga ati: "Assalaam alaykum wa rahmatullah: Amahoro n'imbabazi bya Allah bibe kuri mwe" yarangiza akanahindukira ibumoso nabwo akavuga ati: "Assalaam alaykum wa rahmatullah: Amahoro n'imbabazi bya Allah bibe kuri mwe". Ubwo iswala ya mu gitondo akaba arayisoje.

2-Naho iswala ya Adhuhr, Al Asr, na Al Isha rya nyuma:

Buri iswala imwe muri zo igizwe n'ibice (Raka'ah) enye, umuntu asali bibiri bibanza nk'uko asali iby'iswala ya mu gitondo (Al Faj'ri). Ariko iyo yicaye nyuma y'ibi bice bibiri ndetse akavuga nk'ibyo avuga igihe ari gusali iswala ya mu gitondo mbere yo kurisoza, icyo gihe ntarisoza ahubwo arahaguruka agakora ibindi bice bibiri bimeze nk'ibyo bibiri arangije, hanyuma akicara kugira ngo avuge ubuhamya (A-Tahiyatu) maze akavuga nk'ibyo yavuze igihe yari yicaye bwa mbere, nyuma agasabira Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), hanyuma agasoza isengesho rye ahindukira iburyo akavuga [Assalaam], nyuma agahindukira n'ibumoso akavuga [Assalaam], nk'uko abigenza ku iswala ya mu gitondo.

3- Naho ku bijyanye n'iswala ya nimugoroba (Al Magh'rib):

Rigira Raka'ah eshatu, umuntu asenga Raka'ah ebyiri nk'uko byavuzwe haruguru, maze akicara akavuga nk'ibyo yavuze mu masengesho yandi ariko ntavuge ASSALAM, ahubwo agahaguruka agasenga Raka'ah ya gatatu, ibyo avuga ndetse n'ibyo akora ni nk'ibyo muri Raka'ah zabanje maze akicara nyuma yo kubama (Sij'dat) ya kabiri, akavuga A-Tahiyatu nk'uko bimeze mu yandi masengesho, maze akavuga ASSALAM iburyo, hanyuma ibumoso. Usali niyo yasubiramo amagambo kenshi avuga igiye yunamye (Ruku) n'igihe yubamye (Sudjudu) nibyo byiza kuri we.

Abagabo bategetswe gusenga aya masengesho atanu y'itegeko mu mbaga mu musigiti, imbaga iyobowe na Imamu, Imamu agomba kuba ari urusha abandi gusoma Qur'an, asobanukiwe gukora uburyo amasengesho akorwa, kandi akaba n'intangarugero mu idini. Imamu asoma mu ijwi riranguruye ahagaze mbere y'uko yunama mu isengesho rya Al Fajr, no muri rakaat ebyiri za mbere z'amasengesho ya Al Maghrib na Al Ishai, ku buryo abamuri inyuma bamwumva.

Abagore bo bakorera amasengesho yabo mu ngo zabo bitwikiriye kandi bikwije, bitwikira umubiri wabo wose n'amaboko ndetse n'ibirenge, kubera ko umubiri wabo wose ufatwa nk'ubwambure usibye mu buranga bwabo kandi naho bategetswe kuhahisha abagabo kuko ni ikigeragezo gikomeye kuri bo gishobora kubaganisha ahabi. Iyo umuyisilamukazi ashatse kujya gusengera mu musigiti, nta tegeko ribimubuza mu gihe asohotse yitwikiriye kandi yikwije, agasengera inyuma y'abagabo; kugira ngo atabarangaza cyangwa se nawe bakamurangaza.

Umuyisilamu agomba gukora isengesho akubera Allah, aciye bugufi kandi yibombaritse, umutima uhari. Akagira ituze mu guhagarara kwe, kunama kwe ndetse no kubama kwe, ntagira ubwira cyangwa se ngo akine mu Iswala, ntarebe hejuru, nta vuge andi magambo atari Qur'an, ndetse akavuga amagambo yo gusungiza Allah yabugenewe y'isengesho mu mwanya wayo[28]kubera ko Allah yategetse abantu isengesho mu rwego rwo kumusingiza.

Ku wa gatanu (Idjuma), abayisilamu bakora isengesho ryo ku wa gatanu (Idjuma), Raka'ah ebyiri, aho Imam asoma mu ijwi riranguruye, nk'uko abigenza mu isengesho rya mu gitondo, ariko mbere yaryo agatanga inyigisho (Khutbah) mu bice bibiri aho yibutsa Abayisilamu akanabigisha ibijyanye n'idini ryabo.

---

[28] Keretse iyo ashatse kuburira umuntu cyangwa kumusubiza, nibwo agira ati: " SUBHANALLAH" Bisobanuye ngo: “Ubutagatifu ni ubwa Allah.” Aya magambo avugwa n'uyobowe mu isengesho abivuga igihe umuyoboye (Imam) yibeshye agakora ikosa mu byo yagombaga gukora cyangwa se akongera cyangwa se akagabanya, kugira ngo abikosore. Usali ashobora kuvuga ririya jambo igihe hari umuhamagaye agamije kumumenyesha, naho umugore we akoma amashyi, kuko ijwi rye ari ikigeragezo.

Abagabo bakaba bagomba kwitabira iryo sengesho bari hamwe na Imam, ribarwa nk'isengesho ryo ku manwa ryo ku wa gatanu.

***

INKINGI YA GATATU MU NKINGI ZA ISLAM NI UGUTANGA (ZAKAT).

Kandi Imana yategetse buri muyisilamu ufite umutungo ugeze ku gipimo runaka (Niswaab)[29]gutanga zakat buri mwaka, akawuha abawukwiye nk'abakene n'abandi bemerewe kuwuhabwa, nk'uko bigaragara muri Qur'an.

Niswaab (igipimo fatizo) cya Zahabu ni Mith'qaala makumyabiri (ingana n'amadinari makumyabiri [angana n’amagarama mirongo inani n’atanu (85g)]), naho Niswaab ya Feza ni amadirihamu magana abiri [angana n’amagarama magana atanu na mirongo icyenda n’atanu (595g)] cyangwa ibihwanye n'ibyo mu mafaranga y'impapuro, n'ibicuruzwa by'ubwoko bwose niba agaciro kabyo kagera ku gipimo fatizo, nyir'uwo mutungo agomba kwishyura Zakat niba awumaranye umwaka. Naho igipimo fatizo mu mbuto n'ibinyampeke ni Swa'a magana atatu (kandi Swaa` imwe ingana n'ibiro hafi 3). N'umutungo utimukanwa wagenewe ubucuruzi agaciro kawo gatangirwa Zakat, n'uwagenewe ubukode agaciro k'ubwo bukode gatangirwa Zakat. Igipimo fatizo (Niswaab) cya Zakat muri Zahabu, na Feza ndetse n'ibicuruzwa ni kimwe cya kane cy'icya cumi ari cyo kingana na 2.5% buri mwaka, nicy'imbuto n'ibinyampeke byera bidasabye imvune yo kubyuhirira nk'ibivomererwa n'amazi y'imigezi, amasoko atemba n'imvura ni 10%, naho iyo ari ibihingwa bisaba kuhirira bigoranye nk'amamashini n'imbaraga z'abantu icyo gihe igipimo fatizo cy'umusaruro wabyo ni kimwe cya kabiri cya kimwe cya cumi (1/2/10) cyangwa se 5%.

Igihe cyo gutanga Zakat y'imbuto n'ibinyampeke ni igihe cy'isarurwa ryabyo. Iyo asarura nka kabiri cyangwa gatatu mu mwaka, icyo gihe abitangira Zakat buri nshuro asaruye. Hari Zakat y'ingamiya, inka, n'intama cyangwa ihene, nayo yarasobanuwe mu bitabo by'amategeko ya Isilamu, ubigarutseho wabibona. Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Kandi (no mu bitabo byabo) nta kindi bari barategetswe kitari ukugaragira Allah, bakaba ari we biyegurira wenyine, bahozaho iswala, ndetse bakanatanga amaturo. kandi iryo ni ryo dini ritunganye.) [Al Bayinat: 5] Gutanga amaturo binezeza imitima y'abakene, bigakemura ibibazo byabo, bikanashimangira ubumwe n'urukundo hagati yabo n'abakire.

Idini rya Islam ntiryahagarariye kuri Zakat gusa ryigisha imibanire myiza n’ubufatanye mu by'ubukungu hagati y’abayisilamu, ahubwo Allah yategetse abakire gufasha abakene mu gihe cy'inzara, anazirira umuyisilamu kuba yarara ahaze mu gihe umuturanyi we ashonje, maze ategeka umuyisilamu gutanga Zakat Al-Fitr (ituro ryo kurya), ituro atanga ku munsi wa Eid al-Fitr, iyo ikaba ari Swaa` y'ibiribwa muri ako gace, ikaba itangirwa buri muntu kabone n'iyo yaba ari umwana, n'umukozi atangirwa na Shebuja. Allah yategetse umuyisilamu gutanga icyiru cy'uwisubiyeho ku ndahiro yagize[30]iyo arahiriye gukora ikintu ariko nta gikore. Allah yanategetse umuyisilamu kwesa umuhigo we yahize ariko wemewe mu mategeko ya Isilamu. Allah yanamushishikarije gutanga amaturo y'umugereka, anasezeranya abatanga ibyo yabahaye mu nzira ye bakabitangamu nzira nziza, yabaseranyije ibihembo bihebuje, anabasezeranya ko azabikuba inshuro nyinshi, icyiza kimwe agikuba inshuro icumi zishobora no kugera kuri magana arindwi ndetse zikaba zanarengaho.

***

INKINGI YA KANE MU NKINGI ZA ISLAM NI IGISIBO (SWIYAAM).

Igisibo cy'ukwezi kwa Ramadhan, ari ko kwezi kwa cyenda kw'umwaka w'ikirangaminsi cya Kisilamu (Hijri).

UKO IGISIBO GIKORWA:

Umuyisilamu agira umugambi wo gusiba (kwiyiriza) mbere y'uko bucya, maze akiyima ibyo kurya, no kunywa, ndetse no kugirana imibonano mpuzabitsina n'uwo bashakanye, kugeza izuba rirenze akaba ari bwo abyemererwa. Ibyo akabikora mu gihe cy'ukwezi kose kwa Ramadhan agamije gushimisha Allah usumba byose no kumugaragira.

Gusiba bifite inyungu zitabarika, ariko iz'ingenzi muri zo ni izi zikurikira:

- Ni mu rwego rwo kugaragira Allah no gushyira mu bikorwa amategeko ye, umugaragu areka irari rye, ibyo kurya no kunywa bye kubera Allah. Bityo gusiba ni imwe mu mpamvu zikomeye zo gutinya Allah usumba byose.
- Naho inyungu z'igisibo zijyanye n'ubuzima bwiza, ubukungu ndetse n'imibanire n'abandi ni nyinshi; nta wazimenya cyeretse usiba afite ukwemera muri we; Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: "Yemwe abemeye!

[29] Naho ijambo (Nisaab) ; ni ikigero runaka iyo umutungo ukigejeje, nyirawo aba ategetswe gutanga Zakat.

[30] Icyiru cy'indahiro kirimo amahitamo hagati yo kubohora umucakara cyangwa kugaburira abakene icumi cyangwa kubambika, atabibasha akiyiriza ubusa (agasiba) iminsi itatu.

Mwategetswe gusiba nk'uko byari byarategetswe abababanjirije, kugira ngo mutinye (Allah)". (183) "(Icyo gisibo) ni iminsi ibaze. Bityo, uzaba arwaye muri mwe cyangwa ari ku rugendo(ntashobore gusiba, akarya), azuzuze umubare (w'iminsi atasibye) mu yindi minsi. Naho ku batagishoboye gusiba (abasaza n'abarwaye indwara za karande), bazatange incungu yo kugaburira umukene. N'uzatanga ikirenzeho ku bushake bwe, ibyo ni byiza kuri we. Kandi gusiba ni byo byiza kuri mwe iyaba mwari mubizi."(184) "Ukwezi kwa Ramadhani ni ko kwamanuwemo Qur'an, (kugira ngo ibe) umuyoboro kubantu n'ibimenyetso bigaragara by'umuyoboro (wa Allah) binatandukanya ukuri n'ikinyoma. Ku bw'ibyo, muri mwe uwo uko kwezi kuzasanga azagusibe. N'uzaba arwaye cyangwa ari ku rugendo (gusiba bikamugora, azarye) maze azuzuze umubare (w'iminsi atasibye) mu yindi minsi. Allah abahitiramo ibyoroshye ntabwo abahitiramo ibibagoye. Bityo nimwuzuze umubare (w'iminsi y'igisibo), kandi mukuze Allah kuko yabayoboye kugira ngo mushimire." (185) [Al Baqarat: 183-185]

***

Mu mategeko y'igisibo Allah ushobora byose yasobanuye muri Qur'an, n'Intumwa ye Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo) ikayasobanura muri Hadithi harimo ko:

1 - Umuntu urwaye ndetse n'uri ku rugendo ntibasiba, barasiburuka maze bakazishyura ya minsi batasibye, bakayisiba mu yindi minsi nyuma y'ukwezi kwa Ramadhan. Ni nako bigenda ku bagore bari mu mihango ndetse n'abari mu bisanza. Nabo ntibasiba igihe bari muri ibyo bihe, ahubwo basiba nyuma y'aho bakuzuza iminsi batasibye.

2- Ni nako kandi bigenda no ku mugore utwite n'uwonsa, iyo batinya ko gusiba byababagiraho ingaruka bo ubwabo cyangwa se ku bana babo,barasiburuka hanyuma bakazasiba nyuma.

3- N'iyo umuntu wasibye yakibagirwa akarya cyangwa akanywa hanyuma akabyibuka, uwo igisibo cye kiba cyemewe. Kubera ko kwibagirwa, kwibeshya, no guhatirwa Allah yabibabariye abayoboke b'Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ariko icyo gihe ibiri mu kanwa agomba kubicira.

***

INKINGI YA GATANU MU NKINGI Z'UBUYISILAMU NI UMUTAMBAGIRO MUTAGATIFU (HIDJA).

Ni ukujya gukora umutambagiro mutagatifu ku ngoro ntagatifu ya Allah iri i Maka inshuro imwe mu buzima; ariko iyo ugiye yo inshuro irenze imwe biba ari umugereka ugamije kwiyegereza Allah. Mu mutambagiro harimo ibyiza bitabarika:

Icya mbere: Ni igikorwa cyo kugaragira Allah umuntu akoresha Roho ye, umubiri we ndetse n'umutungo we.

Icya kabiri: Abayisilamu baturutse impande zose bateranira ahantu hamwe, bakambara imyambaro isa yose, kandi bagasenga mu gihe kimwe mu buryo bumwe, nta tandikaniro riri hagati yabo, abayobozi n'abayoborwa, abakire n'abakene, abera n'abirabura kuko bose ari ibiremwa bya Allah bakaba n'abagaragu be. Byose ni ibyaremwe bya Allah ndetse n'abakozi bayo, bityo abayisilamu bakamenyana bakazamura ubufatanye, binabaha ishusho y'umunsi Imana izabazura bose ikabakusanyiriza hamwe kugira ngo ibabarurire. Bibafasha kwitegura ubuzima bwa nyuma y'urupfu bumvira Imana Ishobora byose.

Intego yo kuzenguruka Al Kaabat (aho abayisilamu bo ku isi yose berekera mu bikorwa byo kwiyegereza Allah), aho Allah yabategetse kwerekera igihe basali aho bari hose, ndetse n'intego yo guhagarara ahandi hantu i Makka mu gihe cyagenwe ariho: Arafat, Muz'dalifat, hamwe na Mina; Ikigamijwe ni ukugaragira Allah ushobora byose aho hantu hatagatifu mu buryo Allah yategetse.

Naho Al Kaabat ubwayo n'aho hantu handi ndetse n'ibiremwa byose bihari, ntibigaragirwa, cyangwa ngo umuntu yizere ko hari umumaro byamumarira cyangwa ngo bimugireho ingaruka, ahubwo ugaragirwa ni Allah wenyine, n'ugira icyo amarira abantu cyangwa se ngo abatware ni Allah wenyine, n'iyo Allah aba atarategetse gukora umutambagiro ntabwo umuyisilamu yari kwemererwa kuwukora! Kubera ko kugaragira Allah ntibikorwa ku bw'ibitekerezo n'irari, ahubwo ni ku bw'itegeko rya Allah Nyir'ubutagatifu mu gitabo cye no mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha); Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: "Allah yategetse abantu gukora umutambagiro mutagatifu (Hidja) kuri iyo ngoro k'ubifitiye ubushobozi. Uzahakana (itegeko rya Hidja), mu by'ukuri Allah arihagije ntacyo akeneye ku biremwa." [Al Im'ran: 97][31]

---

[31] Kubijyanye no gukora umutambagiro ku mva nk'iz'inshuti za Allah bikorwa n'injiji, ibyo ni ubuyobe ndetse no kurenga ku itegeko rya Allah Ushobora byose no ku itegeko ry'Intumwa ye. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntimukagire ahandi mukorera umutambagiro hatari ku misigiti itatu: Al-Masjid Al-Haram (wa Makat), uyu musigiti (wa Madina), n'umusigiti wa Al-Aq'swa (wa

Naho Umrat (umutambagiro muto) ni itegeko ku muyisilamu inshuro imwe mu buzima bwe, haba mu gihe cy'umutambagiro mukuru (Hija) cyangwa ikindi gihe icyo ari cyo cyose, ariko kuwukora hamwe n'umukuru cyangwa se mu kindi gihe ntabwo ari itegeko ahubwo ni byiza urabihemberwa, n'utabikoze nta bihanirwa. Naho Hadithi y'Intumwa y'Imana igira iti: Uzakora umutambagiro mutagatifu ntansure azaba atanyumviye," ntabwo ari ukuri, ahubwo ni ikinyoma bahimbiye Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo)[32].

Urugendo rw'umutambagiro umuyisilamu akora, arukora agana ku musigiti; iyo umuntu uhasuye ahageze arahasarira iswala asalira yinjiye bwa mbere mu musigiti (Tahiyatul Masjid), hanyuma agasura imva y'Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo), akayisuhuza mu ijwi rituje ryuje ikinyabupfura agira ati: "amahoro abe kuri wowe yewe Ntumwa y'Imana!" Nta kindi ategetswe gukroa, ahubwo iyo arangije aragenda nk'uko Intumwa y'Imana yabitegetse abayoboke be, ndetse ni nako abasangirangendo bayo (Allah abishimire) babigenje.

Naho ba bandi bahagarara ku mva y'Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo) bicishije bugufi banibombaritse nk'abari mu Iswala, bakayisaba kubacyemurira ibyo bakeneye, cyangwa se bagasaba ubufasha, cyangwa se bakamwifashisha basaba Allah, abo ni ababangikanyamana kandi Intumwa y'Imana ntaho ihuriye n'ibyo bakora. Bityo buri muyisilamu akwiye kwirinda gukorera Intumwa y'Imana cyangwa se n'undi uwo ari we wese nk'ibyo. Iyo arangije asura imva z'abasangirangendo b'Intumwa babiri aribo Abubakar na Umar (Imana ibishimire), yarangiza agasura imva z'abantu bashyinguye ahitwa Al-Baqii n'abaguye baharanira inzira ya Allah. Ugusura kwemewe n'amategeko kw'imva z'abayisilamu ni kwa kundi ugukoze asuhuza abari mu mba ndetse akanabasabira kwa Allah, ari nako atekereza ku rupfu maze akagenda.

Uburyo umutambagiro mutagatifu mukuru (Hidja) n'umuto (Umrat) ikorwamo:

Ushaka gukora umutambagiro mutagatifu ahitamo umutungo wemewe iziruwe (Halal), akitandukanye n'umutungo uziririjwe (Haram), kubera ko umutungo uziririjwe ni imwe mu mpamvu zatuma uwakoze umutambagiro wese utemerwa no kutakirwa kw'ubusabe bwe; nk'uko bigaragara mu mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Buri nyama y'umuntu yakujijwe n'umutungo uziririjwe (Haram), nta kindi ukwiye uretse (kuzahanishwa) umuriro ukawutwika."[33]Iyo arangije atoranya inshuti nziza mu bemeramana batayibangikanya bazajyana.

***

Imbago n'ibihe ntarengwa byagenwe (Al Mawaaqiit).

Iyo umuntu ageze ku mbago zabugenewe (Miiqaat) ashyiraho umugambi (wo gukora umutambagiro) yaba ari mu modoka cyangwa se ikindi, yaba ari mu ndege nabwo ashyiraho umugambi iyo ahegereye ataraharenga. Aho hantu ntarengwa hagenwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse abantu kuhafatira umugambi ni hatanu, ari ho hakurikira:

1- Dhul-Hulay'fat (Abyar Ali) ku bantu b'i Madina n'abahanyura.

2- Al-Djuh'fat (hafi y'ahitwa Rabigh), ku bantu baturutse Sham, Misiri no mu bice bya Maghreb ndetse n'abahanyura.

3- Qarnul-Manaazil (A-Sail cyangwa Wadi Muharram) ku bantu baturutse Najd na Twaif n'abahanyura.

4- Dhat Ir'q (ku bantu baturutse Iraki n'abahanyura).

5- Yalamlam (ku bantu batutse Yemeni n'abahanyura).

N'undi wese unyuze aha tumaze kuvuga n'ubwo yaba atari uwaho ni ho nawe agirira umugambi. Naho ku bantu b'i Maka n'abandi batuye ahatari hariya hantu havuzwe, bagirira umugambi mu mazu yabo.

***

Uko kugira umugambi wo gukora umutambagiro mutagatifu (Ihram) bikorwa.

Ni byiza ko umuntu yisukura, akiyeza, akanitera imibavu mbere y'uko agira umugambi, yarangiza akambara imyambaro yabugenewe (umukenyero n'umwitero by'umweru) ageze ahabugenewe (Miqaat). Uwaje n'indege yitegura akiri mu gihugu cye, maze akagira umugambi ari nako avuga amagambo:

---

Palesitina)." Iyi Hadithi yakiriwe na Al-Bukhari (1189), na Muslim (1397) bayikomoye muri Hadithi ya Abu Hurayrat.

[32] Urugero rw'ibi ni Hadithi ivuga ngo: "Mujye musaba mwifashishije icyubahiro cyanjye, kubera ko icyubahiro cyanjye mfite imbere ya Allah ni kinini." Na Hadithi ivuga ngo: "Uziringira ibuye rizamufasha." Izi Hadithi zose ni ibihimbano bidafite ishingiro byahimbwe, ntiwazisanga mu bitabo bya Hadithi byizewe, ahubwo zo n'izindi zisa nkazo uzisanga mu bitabo by'abantu bayobye baba bahamagarira abandi gukora ibangikanyamana mu buryo batazi.

[33] Iyi Hadithi yakiriwe na A-Twabarani mu gitabo cye Al-Awsatw (4480), na Al-Bayhaqi mu gitabo cye Shu'ab al-Iman (2/173/2), na Al-Albani yarayemeje mu gitabo cye A-Silsilat A-Swahihah (6/212).

LABAYKA[34]igihe ageze ha handi habugenewe cyangwa ahateganye naho. Naho imyambaro yabugenewe (Ihram) ku mugabo ni umukenyero n'umwitero bitadoze azengurutse umubiri we, ariko ntatwikire umutwe we. Naho umugore we ntagira imyenda yihariye ya Ihram, ahubwo ategetswe kwambara imyenda yikwije umubiri wose; iyo myenda ikaba ari migari itamufashe kandi itari ikigeragezo igihe cyose abantu bamubona. Igihe yambaye iyi myambaro ya Ihram ntiyambara imyambaro idoze mu buranga bwe no ku maboko ye nka Burqa n'udufurebantoki, ahubwo yitwikira mu buranga bwe akoresheje umwenda yiteze mu mutwe igihe abonye abagabo, nk'uko byakozwe na ba nyina b'abemeramana, abagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Nyuma y'uko ukora umutambagiro amaze kwambara umwambaro wa Ihram, agambiriramu mutima we gukora Umrat, hanyuma akavuga amagambo ya LABAYKA agira ati: " Allahuma Labayka Umrat: Nyagasani Mana ndakwitabye nje gukora umutambagiro muto", yarangiza akawukora mu buryo bwitwa TAMATU'U[35]kugeza igihe akoreye umutambagiro mukuru. Ubu buryo bwa TAMATU'U nibwo bwiza, kubera ko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabitegetse abasangirangendo bayo anabashishikariza kubikora, kandi yanarakariye abazuyaza gushyira mu bikorwa itegeko rye, usibye uwitwaje igitambo (Had'yu)[36], kubera ko akomeza kuba mu buryo bwo guhuriza hamwe umugambi wo gukora umutambagiro mukuru n'umuto (QARIN) nk'uko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabigenje. QARIN: Ni umuntu uvuga igihe ashyiraho umugambi agira ati: "ALLAHUMA LABAYKA UMRATAN WA HADJAN: Nyagasani ndakwitabye nje gukora umutambagiro mukuru n'umuto"; umugambi we ntiwakemerwa cyeretse abanje gutanga igitambo (Had'yu) ku munsi w'irayisi y'igitambo (Eid Al -Adw'ha).

Al Mufrid agambirira gukora Hidja yonyine maze akavuga ati: "Allahuma Labayka Hadjan: Mana ndakwitabye nje gukora umutambagiro mukuru.

***

Ibintu bibujijwe ku muntu wambaye Ihram.

Iyo umuyisilamu amaze gufata umugambi yambaye n'imyambaro ya Ihram, aba abujijwe ibi bikurikira:

1 - Imibonano mpuzabitsina ndetse n'ibiyibanziriza; nko gusomana, gukoranaho mwifuzanya, kubiganiraho, kurambagiza umugore, gusezerana nawe; bityo uwambaye Ihram nta shyingira cyangwa se ngo ashyingirwe.

2 - Kogosha umusatsi cyangwa kuwugabanya.

3 - Guca inzara.

4 - Gutwikira umutwe ku mugabo umwambaro umufashe ku mutwe, ariko ntibibujijwe ko yakitwikira umutaka, ihema cyangwa kujya mu modoka.

5 - Kwisiga imibavu no kuyihumuriza.

6 - Kwica no guhiga inyamaswa z'agasozi.

7 - Kwambara imyambaro idoze ku mugabo, no gupfuka uburanga n'amaboko ku mugore. Hasi umugabo yambara Sandari n'izindi nkweto zifunguye atazibona akambara khufu (amasogisi yo mu ruhu).

Iyo akoze kimwe muri ibi bibujijwe kubera kutabimenya cyanwga se yibagiwe, igihe abimenyeye arabireka kandi nta cyaha abarwaho.

Iyo umuntu yamaze kwambara Ihram, ageze kuri Al Kaabat, ayizenguruka inshuro zirindwi umuzenguruko wo kuhagera (Twawaful Quduum)[37], ahera ku ruhande ruteganye n'ahari ibuye ry'umukara (Hadjar Al As'wad). Uyu ni nawo muzenguruko ukorwa n'ukora Umrat , kandi uyu muzenguruko nta busabe

---

[34] Kuvuga LABAYKA ni ukuvuga amagambo agira ati: Labayka Hajaan (Nyagasani ndakwitabye nje gukora umutambagiro mutagatifu mukuru cyangwa Labayka Umratan (Nyagasani ndakwitabye nje gukora umutambagiro mutagatifu muto). Bisobanuye guhozaho kumvira Allah.

[35] Al-Mutamatti-u: Ni umuntu ukora Umrat mu gihe cyo gukora Hidja, hanyuma agakuramo imyambaro ye ya Ihram mu buryo bwuzuye "icyo gihe akaba aziruriwe ibyo yari aziririjwe byose igihe yambaye Ihram", hanyuma akongera akambara imyambaro ye ya Ihram ku munsi wa munani. Naho Al Qarin: Ni umuntu ukora umutambagiro mukuru n'umuto icyarimwe, agakora ibikorwa bikorwa n'uri muri Hidja gusa, ariko akagira umugambi wo gukora Umrat nyuma yaho. Naho Mufrid: Ni umuntu ugambirira gukora Hidja yonyine adakoze Umrat.

[36] Al Had'yu: Ni amatungo nk'ingamiya, inka cyangwa intama ukora umutambagiro atangamo igitambo rimwe muri yo akaribaga agatangaho ituro ndetse akanaryaho.

[37] Bisobanuye kuza ku ngoro ntagatifu, ari wo musigiti mutagatifu uri i Makat.

bwihariye ugira ahubwo umuntu asingiza Allah akanamusaba akoresheje ubusabe bumworoheye[38], yarangiza agasali Raka'ah ebyiri za nyuma y'uyu muzenguruko akazikorera ahitwa Al Maqaam[39]igihe abishoboye, iyo atabishoboye azisarira aho ariho hose mu musigiti. Hanyuma akerekeza ahitwa Mas'aa[40]ahereye ku musozi wa A-Swafa akawurira, akerekeza Qibla avuga Takbir (Allah Akbar) na (La ilaha ilallah), agasaba Allah, maze akerekeza ku musozi wa Mar'wa akawurira, akerekera Qibla avuga Takbir, agasingiza Allah akanamusaba, hanyuma agasubira kuri Swafa abigenza atyo kugeza arangije inshuro zirindwi, kugenda kwe biba ari inshuro imwe no kugaruka kwe ari iyi ndi. Iyo arangije agabanya umusatsi wo ku mutwe, naho umugore we akata impera z'imisatsi ye gato cyane kareshya n'imitwe y'intoki. Muri ubu buryo, umuntu wakoze Umrat ya Tamatu'u aba asoje ibadat ye ya Umrat, akiyambura ya myambaro ya Ihram, ndetse akanazirurirwa buri icyo ari cyo cyose yari abujijwe igihe yari acyambaye ya myambaro.

Iyo umugore agiye mu mihango cyangwa akabyara mbere cyangwa nyuma yo kwinjira mu mugambi wo gukora umutambagiro Ihram, icyo gihe abarwa nk'ugiye gukora Umrat na Hidja (Qarin) nk'abandi baje mu mutambagiro, kubera ko imihango n'ibisanza ntibibuza uwo mugambi, ntibinabuza ibindi bikorwa bikorerwa Arafat, usibye kuzenguruka kuri Al Ka'abat gusa. Bityo akora nk'iby'abandi bari mu mutambagiro bakora usibye uwo muzenguruko, arawukereza akazawukora yavuye muri iyo mihango. Iyo ayivuyemo abantu bataratangira Ibadat za Hidja ngo berekeze ahitwa Mina, icyo gihe ariyuhagira agakora umuzenguruko kuri Al Ka'abat, agakora na Sa'ayi hagati ya Swafa na Maruwa, akagabanya umusatsi we, maze akagira umugambi wo gukora Umrat, yarangiza akagira umugambi hamwe n'abandi wo gukora Hidja, igihe abandi bawutangiye ku munsi wa munani. Iyo abantu batangiye umugambi atarava mu mihango n'ibisanza, icyo gihe agira umugambi wo gukora umutambagiro mu buryo bwa (Qarin), avuga Labayka afite umugambi we hamwe n'abandi, ndetse akanakora ibindi bikorwa abari mu mutambagiro bakora nko kujya Mina, guhagarara Arafat, Muzdalifat, gutera amabuye Djamarat, kubaga, kugabanya umusatsi ku munsi w'irayidi y'igitambo, yamara kuva mu mihango akiyuhagira agakora umuzenguruko kuri Al Kaabat nk'ukorwa mu gihe cya Hidjat, agakora na Sa'ayi hagati ya Swafa na Maruwa.

Uku kuzenguruka na Saa'yi biramuhagije kuri Hija ye na Umra, nk'uko byagenze kuri Aishat nyina w'abemera (Imana imwishimire) maze Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) imubwira ko gukora Twawaf kwe na Saa'yi nyuma yo kuva mu mihango bihagije kuri we ngo abe akoze Hidja na Umrat, ubwo yakoraga umuzenguruko hamwe n'abandi kuri Al Kaabat witwa (Twawaaf Al Ifadwat) hamwe n'abandi, ndetse anakora Sa'ayi, kuko uwakoze umutambagiro mu buryo bwa Qarin bwo gukora Umrat na Hidja icyarimwe aba ameze nk'uwakoze Hidja yonyine (Al Mufrid), aba agomba gukora umuzenguruko umwe[41]na Saa'yi imwe; kubera Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabimuhereye uburenganzira no kuba nayo yarabikoze ndetse ikanabivuga mu yindi mvugo igira iti: "Umrat yinjijwe muri Hidja kugeza ku munsi w'imperuka." Imana niyo mumenyi.

Iyo umunsi wa munani w'ukwezi kwa cumi na biri (Dhul-Hija) ugeze, abaje mu mutambagiro bagira umugambi bambara Ihraam bagasohoka mu mazu yabo i Makat kugira ngo bajye mu mutambagiro, nkuko babigenza bari ahantu hagenwe (Miqati) bisukura barangiza bakambara imyambaro yabugenewe (Ihraam), hanyuma yaba umugabo cyangwa umugore akagira umugambi, yarangiza akavuga aya magambo: "ALLAHUMA LABAYKA HADJAN: Nyagasani ndakwitabye nje gukora umutambagiro mutagatifu", akirinda ibibujijwe mu gihe yamaze kugira umugambi wo gukora umutambagiro mutagatifu (Ihram) byabanje, kugeza bavuye Muz'dalifat bakajya Mina ku munsi w'igitambo[42], bagatera amabuye Djamaratul-Aqabat, umugabo akogosha imitwe, naho umugore akagabanya umusatsi.

---

[38] Usibye hagati yinkingi ebyiri za Al Kaabat, aha umuntu avuga ibyavuzwe mu magambo ya Allah ushobora byose agira ati: (Nyagasani Mana yacu, duhe ibyiza kuri iyi si n'ibyiza mu bihe bya nyuma, uzanatundire ibihano by'umuriro) [Al Baqarat: 201]

[39] Al Maqam: Ni aho Ibrahim (amahoro abe kuri we) yahagaze yubaka ingoro ya Al Kaabat.

[40] Al-Masaa`: Ni: ahantu abari mu mutambagiro bazenguruka bahagenda gacye bakanirukanka, ni hagati ya A-Swafa na Al-Marwat, amazina y'udusozi tubiri duto.

[41] Akora Twawafu ku munsi w'Ilayidi cyangwa se nyuma yaho; naho Twawaf ya mbere ya mbere yo gukora Hidja yitwa Twawaful-Qudum, ikaba atari itegeko. Naho ku bijyanye na Saay'i ni imwe ku wakoze Hidja ari Mufrid ndetse n'uwayikoze ari Qaarin. Aramutse ayibanje akayikorera hamwe na Twawaful Qudum byaba bihagije, n'iyo atakoze Sa'ayi ayikorera hamwe na Twawaful Ifadwat ku munsi w'irayidi cyangwa se nyuma yayo.

[42] Umunsi w'igitambo ni umunsi w'Ilayidi, uba ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa Dhul-Hidjat; ukaba witwa gutyo kuko abari mu mutambagiro babaga amatungo y'igitambo.

Iyo umuntu uri gukora umutambagiro agize umugambi wawo (Ihram) ku munsi wa munani, ajyana n'abandi i Mina, akararayo ahakorera iswala zose ariko agabanya umubare wa Raka zizigize atazifatanyije. Iyo izuba rirashe ku munsi wa Arafat, ajyana n'abandi bari kumwe ahitwa Nimrat, akicara aho kugeza ahasariye cyangwa agasarira ahandi hamwe na Imam iswala yo ku manywa (Adhuhuri) n'iryo ku gicamunsi mu mbaga azifatanyije anagabanyije umubare wa Raka zizigize. Nyuma y'uko izuba rirenze mu cya kabiri cy'ikirere ajya Arafat, iyo aherekeye ari Mina biremewe, kandi na Arafat yose wemerewe kuhahagarara.

Uri mu mutambagiro mutagatifu aba akwiye kurushaho gusingiza Allah, no kumusaba ndetse no kumwicuzaho, akerekera Qiblat aho kwerekera ku musozi wa Arafat, kubera ko uwo musozi ari agace mu duce tugize Arafat, ntibyemewe kuwuzamuka umuvuga ko uri Arafat cyangwa ngo uhanagure amabuye yawo, kubera ko ibyo byose ari ibihambano n'ubuyobe.

Abari mu mutambagiro bava kuri Arafat aruko izuba rirenze,maze bakabona kwerekeza Muzdalifat, bamara kuhagera bakahakorera isengesho rya Al Maghrib n'irya Al Isha bayafatanyije maze bakaharara. Iyo bahageze bahasalira Al Magrib na Al Isha bwacya mu gitondo bagakora isengesho rya Al Fajri maze bagasingiza Allah, nyuma bakerekeza Mina mbere y'uko izuba rirasa, bahagera mu gihe izuba rimaze kurasa bagatera utubuye turindwi Djamaratul-Aqaba, utubuye tujya kungana nka soya,turi mu rugero atari duto cyangwa ngo tube tunini. Ntibyemewe gutera inkweto, kubera ko baba babikoreshejwe na Shitani, no kunesha Shitani[43]ni ukugendera ku mategeko n'umuyoboro by'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), no kureka ibyo Allah yabujije ndetse n'Intumwa ye.

Nyuma yo gutera amabuye, uri mu mutambagiro atamba igitambo umugabo akogosha umutwe we, naho umugore akawugabanya. Umugabo nawe iyo agabanyije nta kibazo kibirimo ariko kogosha akamaraho nibyo byiza inshuro eshatu ugereranyije no kugabanya, iyo arangije yambara imyenda ye, icyo gihe azirurirwa ibyo yari yaziririjwe igihe yari mu mwambaro wa Ihraam, usibye kubonana n'umugore. Hanyuma akajyana n'abandi i Maka agakora umuzenguruko kuri Al Ka'abat wo muri Hidja na Saa'yi, maze kuva ubwo akaba aziruriwe buri kimwe yari yaziririjwe yewe n'umugore we, hanyuma agasubira Mina akahamara iminsi asigaje uw'ilayidi ndetse n'iminsi ibiri (amanywa yayo n'amajoro yayo) iwukurikira nk'itegeko ategetswe. Ku munsi wa cumi na rimwe na cumi na kabiri izuba rirenze mu cya kabiri cy'ikirere, yerekeza kuri Djamarat agatera utubuye ahereye kuri Djamarat iri hafi ya Mina, ikimukira kuyo hagati, agakurikizaho indi yateye ku munsi w'ilayidi. Buri Djamarat imwe ayitera utubuye turindwi, na buri nshuro ateye akabuye avuga ijambo Allah Akbar, kandi utubuye akoresha atuvana ku icumbi rye[44]i Mina. Umuntu wese utabonye umwanya aho i Mina aguma aho amahema ayasanze agarukira.

Abaye ashatse kuva Mina ku munsi wa cumi na kabiri nyuma yo gutera amabuye, yabikora nta kibazo ariko anashatse kwirindiriza akageza ku munsi wa cumi na gatatu akanatera amabuye izuba rirenze gato mu cya kabiri cy'isi. Iyo ashatse gutaha, akora umuzenguruka wo gusezera (Twawaful Wada'i), maze agahita agenda. Ariko umugore uri mu mihango cyangwa mu bisanza wabyaye, iyo yakoze umuzenguruko wa Hidja (Al Ifadwat) yanakoze Sa'ayi, si ngombwa kuri we gukora umuzenguruko wo gusezera.

Iyo uri mu mutambagiro mutagatifu akereje kubaga itungo ry'igitambo kugeza ku munsi wa cumi na rimwe cyangwa wa cumi na kabiri cyangwa se wa cumi na gatatu, arabyemerewe. N'iyo akereje umuzenguruko wo gusezera (Twawaful Wada'i) cyangwa se Sa'ayi hagati ya Swafa na Maruwa kugeza ageze Mina, nawe arabyemerewe, gusa ibyiza kurushaho ni ibyo twagaragaje byabanje.

Allah niwe Mumenyi uhebuje, amahoro n'imigisha bya Allah nibisakare ku wasozereje Intumwa n'abahanuzi, we n'ab'iwe n'abasangirangendo be n'ababakurikiye ndetse n'abazabakurikira kugeza ku munsi w'imperuka.

***

UKWEMERA.

Allah Nyir'ubutagatifu yategetse umuyisilamu hamwe no kwemera kwe Allah n'Intumwa ye (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo) no kwemera inkingi za Isilamu, bategetswe no kwemera abamalayika be[45], n'ibitabo bye[46]yoherereje Intumwa ze, yasozeresheje Qur'an, ndetse akanayibisimbuza, ndetse

[43] Kunesha Shitani bisobanuye kuyikoza isoni.

[44] Ni ukuvuga aho yashyikiye.

[45] Abamalayika: Ni ibiremwa Allah yaremye mu rumuri, kandi ni benshi, nta wushobora kumenya umubare wabo uretse Allah, muri bo hari abari mu birere no muri bo hari abo Allah yashinzwe bene Adamu.

[46] Ni ukuvuga ko umuyisilamu yemera ko ibitabo Allah yahishuriye Intumwa ze ari ukuri, kandi ko muri byo hasigaye Qur'ani gusa. Naho Tawurati n'Ivanjili abayahudi n'abakirisitu bafite, nibo babyihimbiye kubera ko nabyo ubwabyo bivuguruzanya. No kuba muri byo bavuga ko hari imana eshatu, na Issa akaba

akanayigira ibikosora (amakosa y'abantu babishyizemo). Agomba kandi kwemera Intumwa za Allah zose ahereye ku wa mbere muri zo kugera ku ya nyuma muri zo ariyo Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we), kuko ubutumwa bwazo zose bwari ubutumwa bumwe, n'idini ryazo ryari idini rimwe ari ryo Islam, n'uwazohereje ni umwe ari we Allah, Umuremyi w'ibiremwa byose. Ni yo mpamvu ari ngombwa ko umuyisilamu agomba kwizera ko Intumwa Imana yavuze muri Qur'an zari Intumwa z'Imana ku bantu bazo b'icyo gihe. Agomba kandi kwemera ko Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) yazisozereje, akaba ari n'Intumwa y'Imana ku bantu bose kandi ko abantu bose bazazuka babarizwa mu muryango wa Muhamadi (Umat), baba abayahudi cyangwa se abanaswara ndetse n'abandi bo mu yandi madini kuko abatuye isi bose ari abantu ba Muhamadi (yabatumweho) kandi bategetswe kumukurikiza.

Kandi Musa, Yesu ndetse n'zindi ntumwa zose ntaho zihuriye n'abadakurikira Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ngo babe abayisilamu, kubera ko umuyisilamu yemera Intumwa zose akanazikurikira. Kandi utazemera Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ngo amukurikire aninjire mu idini rya Islam, uwo aba ahakanye Intumwa zose, n'iyo yakibwira ko akurikira imwe muri izo, ndetse hari gihamya nyinshi zatambutse zibishimangira mu muryango wa kabiri w'iki gitabo.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ndahiye k'ufite roho ya Muhamadi mu kuboko kwe ko ntawe uzanyumva yaba umuyahudi cyangwa umukirisitu maze agapfa atemeye ibyo nohererejwe, usibye ko azaba umwe mu bantu bo mu muriro"[47].

Umuyisilamu kandi ategetswe kwemera izuka nyuma y'urupfu, ibarura, ibihembo, ijuru n'umuriro, kandi ategetswe kwemera igeno rya Allah Nyir'ubutagatifu.

Kwemera igeno bisobanuye:

Ko umuyisilamu yizera ko Allah azi byose, ndetse yamenye n'ibyo abagaragu be bazakora mbere y'uko areba ibirere n'isi, hanyuma arabyandika ku rubaho rurinzwe iwe. Kandi ko umuyisilamu agomba kumenya ko nta na kimwe kiba Allah atagishatse n'icyo ashatse ntikiba.Kandi ko Allah Nyir'ubutagatifu yaremye abagaragu kugiran go bamwumvire, anabibagaragariza, aranabibategeka, anababuza kumwigomekaho, aranabibagaragariza, ndetse abaha n'ubushobozi n'amahitamo bibashoboza gukora amategeko ya Allah kugira ngo azabibahembere, cyangwa se bahitamo ibikorwa bibi akazabibahanira.

Ubushake bw'umugaragu bugengwa n'ubushake bwa Allah Nyir'ubutagatifu, naho kugena Allah ntiyigeze abigira amahitamo y'abagaragu, ahubwo abibaha hamwe n'amahitamo yabo nko kwibeshya, kwibagirwa, no guhatirwa gukora igikorwa runaka, cyangwa se ubukene, uburwayi, ibyago n'ibindi; ibyo byose Allah ntabiryoza umuntu cyangwa sengo abimuhanire, ahubwo amuhembera ukwihangana yagize kuri ibyo byago, n'ubwo bucyene, n'uburwayi igihe yihanganye akakira igeno rya Allah azabihemberwa ingororano zihebuje.

Ibi byose byabanje umuyisilamu ategetswe kubyemera.

Umuyisilamu urusha abandi ukwemera Allah ndetse akaba bugufi na Allah kubarusha, akaba akazanabarusha urwego mu ijuru (ni abakora ibyiza) bagaragira Allah bakamwubaha, bakicisha bugufi imbere ye nkaho bamubona, bakirinda kumusuzugura haba rwihishwa cyangwa ku mugaragaro, bakizera ko ababona aho bari hose, kandi ko nta kintu na kimwe kimwisoba mu byo bakora no mu byo bavuga ndetse no mu byo bagambirira, ibyo bigatuma bumvira amategeko ye, bakareka kumwigomekaho, kandi iyo umwe muri bo akoze ikosa rinyuranye n'itegeko rya Allah, aricuza kuri Allah by'ukuri kandi by'ako kanya akimara gukora icyo cyaha, ndetse akanakicuzaho agasaba Allah imbabazi ntazasubire. Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Mu by'ukuri Allah ari kumwe na ba bandi bamugandukira, ndetse na ba bandi bakora ibyiza.) [A-Nahli: 128]

***

Ubutungane bw'idini rya Isilamu.

---

umwana w'Imana, nyamara Imana ni imwe ari yo Allah na Issa mwene Mariyamu akaba umugaragu we n'Intumwa ye nk'uko Qur'an. N'amagambo ya Allah yasigaye muri biriya bitabo bitari Qur'an yasimbuwe na Qur'an. Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabonye agace k'urupapuro rwa Tawurati mu ntoki za Umar, nuko Intumwa irarakara maze iravuga ati: "Ntunyizera yewe Ibun Al Khatwab, ndahiye ku izina rya Allah ko iyo umuvandimwe wanjye Musa yari kuba akiriho, nta kindi yari gukora uretse kunkurikira." Umar ajugunya rwa rupapuro maze aravuga ati: Mbabarira yewe Ntumwa y'Imana. "
Yakiriwe na Ahmad (3/387) ayikuye kwa Jabir Ibun Abdillah, na Al Albani mu gitabo cye Al Ir'wa-i yavuze ko ari Hadithi nziza (1589).

[47] Yakiriwe na Muslim (153), na Ahmad (2/317).

Allah Nyir'ubutagatifu muri Qur'an Ntagatifu aragira ati: (Uyu munsi mbuzurije idini ryanyu, kandi mbasenderejeho inema zanjye, nanabahitiyemo ko Isilamu iba idini ryanyu.) [Al Maidat: 3] Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Mu by'ukuri iyi Qur'an iyobora (abantu) mu nzira itunganye kurusha izindi ikanaha inkuru nziza abemeramana; ba bandi bakora ibikorwa byiza, ko rwose bazagororerwa ibihembo bihebuje (Ijuru)) [Al Isra'a-u: 9] Allah Nyir'icyubahiro gihebuje nanone yaravuze ati: (Twanaguhishuriye igitabo (Qur'an) gisobanura buri kintu, kikaba n'umuyoboro, impuhwe n'inkuru nziza ku bicishije bugufi (Abayisilamu).) [A-Nahli: 89] No mu mvugo y'impamo, Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mbasigiye umuyoboro wera (utunganye) ijoro ryawo ni nk'amanywa yawo, kandi nta n'umwe uzanyura nawo usibye uzarimbuka."[48]Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) na none yaravuze iti: "Mbasigiye ibintu bibiri, ntimuzigera muyoba igihe cyose muzaba mubizirikana: Igitabo cy'Imana n'imigenzo y'Intumwa yayo."[49]

Mu mirongo ya Qur'an yavuzwe haruguru:

Mu murongo wa mbere, Allah Nyir'ubutagatifu arabwira abayisilamu ko yabujurije idini ryabo ry'ubuyisilamu, bityo nta busembwa burirangwamo nta n'ubuzarirangwamo na rimwe, nta n'ubwo ricyeneye ko hari icyongerwa muri ryo. Bityo riberanye n'ibihe byose n'ahantu hosen'abantu bose. Allah nanone aravuga ko yahundagaje ingabire ze ku bayisilamu abinyujije muri iri dini rihambaye ryoroshye, ndetse ko no kubera ubutumwa Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yasozereje izindi yahawe, no kugaragaza ubuyisilamu no gutabara abariri mo abatsindira abanzi babo. Allah aranavuga kandi ko yahitiyemo abantu bose idini ry'ubuyisilamu, bityo ntashobora kurirakarira kandi nta n'umwe wakakirira idini rye ritari Islamu.

Mu murongo wa kabiri, Allah usumba byose avugamo ko Qur'an ari umurongo ngenderwaho wuzuye kandi utunganye, rigaragaramo ibisobanuro birambuye ku idini ndetse no ku bijyanye n'imibereho rusange yo ku isi; bityo nta cyiza uretse ko yakigaragaje, nta n'ikibi uretse ko yakibujije. Kandi nta kibazo icyo ari cyo cyose cyaba icya kera cyangwa se icya none cyangwa se ikizaza usibye ko uzasanga igisubizo cyacyo kiboneye muri Qur'an, kandi na buri gisubizo cyacyo kinyuranye n'icyo Qur'an itanga kizaba ari ubuyobe ndetse ari n'ubuhemu.

Siyansi, imyizerere, politiki, gahunda y'imiyoborere, ubucamanza, ubumenyamuntu, imibanire, ubukungu, ibihano mpanabyaha, n'ibindi byose abantu bakeneye, ibi byose byasobanuwe na Allah muri Qur'an, no mu magambo y'Intumwa ye Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) mu buryo burambuye; Nk'uko Allah ushobora byose yabivuze mu mirongo itandukanye, nk'aho yagize ati: "Twanaguhishuriye igitabo (Qur'an) gisobanura buri kintu, kikaba n'umuyoboro, impuhwe n'inkuru nziza ku bicishije bugufi (Abayisilamu). [A-Nah'li: 89]

Mu cyigwa gikurikira, harimo ibisobanuro birambuye mu magambo magufi ku butungane bw'idini rya Isilamu hamwe na gahunda zaryo zuzuye, kandi zitunganye.

***

# Icyigwa cya kane - Gahunda y'ubuyisilamu.

Iya mbere: Ku bijyanye n'ubumenyi:

Itegeko rya mbere Allah yategetse umuntu ni ukwiga akagira ubumenyi; Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Bityo (yewe Muhamadi) menya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, unasabe imbabazi z'ibyaha byawe, ndetse n'iby'abemeramana n'abemeramanakazi. Kandi Allah azi neza ibyo mukora (ku manywa) ndetse (n'ibyo mukora nijoro) aho mutuye.) [Muhamadi:19] Allah Nyir'ibisingizo nanone yaravuze ati: (Allah azamura mu ntera abemeye n'abahawe ubumenyi muri mwe. Kandi Allah ni Umumenyi uhebuje w'ibyo mukora). [Al Mudjadalat: 11] Allah nanone yaravuze ati : (Ujye uvuga uti "Nyagasani wanjye! Nyongerera ubumenyi.") [Twaha: 114] Allah nanone yaravuze ati: (Ngaho nimubaze abahawe ubumenyi (bw'ibitabo byo hambere) niba mutabizi.) [Al Anbiya-u: 7] Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri Hadithi y'impamo nayo yaravuze iti: "Gushakisha ubumenyi (kwiga) ni itegeko kuri buri musilamu."[50], Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nanone yaravuze iti:

---

[48] Yakiriwe na Abu Dawud (4607), na A-Tir'midhi (2676) imeze nkayo, na Ibun Majah (43) n'iyi mvugo ni iye, na Ahmad (17142) ariko harimo itandukaniro rito, na al-Albaniy yavuze ko ari impamo mu gitabo cya Swahih cya Ibun Majah (41).

[49] Yakiriwe na Malik (3338), na Al-Albaniy yavuze ko ari impamo mu gitabo Swahih Al-Jami' (2937).

[50] Yakiriwe na Ibun Majah (224), na A-Twabarani mu gitabo cye Mu'uudjam A- Swaghir (22), na Al-Albani mu gitabo cye Swahih al-Jami (3808) na (3809).

"Agaciro k'umumenyi ku muntu ugaragira Allah ni nk'agaciro k'ukwezi kw'inzora mu ijoro ukugereranyije n'izindi nyenyeri."[51]
Ubumenyi muri Isilamu dukurikije uburyo ari itegeko, bugabanyijemo ibice bikurikira:
Icya mbere: Ni itegeko ngombwa kuri buri muntu, yaba umugabo cyangwa umugore, nta n'umwe wakemererwa kubaho atabufite; ubwo bumenyi ni ubwo kumenya Allah Nyir'ubutagatifu, no kumenya Intumwa ye Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we), ndetse no kumenya ibyo ategetswe mu idini rya Isilamu[52].
Icya kabiri: Ni itegeko ritareba abantu bose, iyo habonetse urishyira mu bikorwa, abasigaye nta cyaha babarwaho. Icyo gihe ku bandi basigaye biba ari mu rwego rwo kubibashishikariza ariko atari itegeko kuri bo. Ubwo bumenyi ni ubumenyi bw'amategeko ya Isilamu bushobozi ubufite kwigisha, no guca imanza ndetse no gufata imyanzuro y'idini (Fatuwa), ndetse n'ubumenyi bw'ibyo abayisilamu bakeneye mu nganda no mu myuga itandukanye byabagirira akamaro mu buzima bwabo. Icyo gihe biba ngombwa ku muyobozi w'abayisilamu igihe hatari abantu bahagije, gukora ibishoboka kugira ngo haboneke abamenyi bafasha abayisilamu mu byo bacyeneye bya buri munsi bya ngombwa.
Icya kabiri: Ku bijyanye n'imyizerere:
Imana Ishobora byose yategetse Intumwa yayo Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) kubwira abantu bose ko ari abagaragu ba Allah wenyine, bagomba kugaragira wenyine, anabategeka kandi kuyigaragira mu buryo butaziguye nta muhuza bashyizeho mu kuyigaragira nk'uko biri mu bisobanuro byabanje by'ijambo "LA ILAHA ILALLAH: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Allah", inabategeka kwiringira Allah wenyine, no kutagira undi batinya usibye we wenyine, ntibagire n'undi biringira usibye we gusa[53]; kubera ko ari we wenyine wagira icyo amarira abantu cyangwa se akagira icyo abatwara. Yanabategetse kandi kuyisingiza bakoresheje ibisingizo yo ubwayo yivugiye ndetse n'ibyo Intumwa yayo (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo) yayivuzeho nk'uko byasobanuwe mbere.
Icya gatatu: Ku bijyanye n'isano riri hagati y'abantu:
Imana yategetse umuyisilamu kuba umuntu utunganye, uharanira kurokora ikiremwamuntu umwijima w'ubuhakanyi akiganisha mu mucyo wa Isilamu; niyo mpamvu nanditse iki gitabo nkakigeza ku basomyi kugira ngo nubahirize iri tegeko.
Allah kandi yategetse ko isano rihuza umuyisilamu na mugenzi ari isano ry'ukwemera Allah; bityo akunda abagaragu ba Allah bakora ibikorwa byiza, bumvira Allah n'Intumwa ye kabone n'iyo baba ari abantu ba kure, akanga abahakanyi bahakana Allah n'inkozi z'ibibi zigomeka kuri Allah n'Intumwa ye kabone n'iyo baba ari abantu ba hafi. Iri sano rihuza abantu batandukanye rikabagira umwe ritandukanye n'isano ry'umuryango, ry'ubwenegihugu, ry'inyungu runaka zifatika, kubera ko rihita rirangira.
Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: (Ntuzigera ubona abantu bemera Allah n'umunsi w'imperuka bagirana ubucuti na ba bandi baciye ukubiri na Allah n'Intumwa ye, kabone n'ubwo baba ari ababyeyi babo cyangwa abana babo cyangwa abavandimwe babo cyangwa se imiryango yabo...) [Al Mudjadilat: 22]
Allah Nyir'ibisingizo nanone aragira ati: (...Mu by'ukuri ubarusha icyubahiro imbere ya Allah ni ubarusha kugandukira (Allah)...) [Al-Hujurat:13].
Mu murongo wa mbere Imana Ishobora byose iravuga ko umwemeramana adakwiye gukunda abanzi b'Imana, kabone n'iyo baba ari abantu be ba hafi (mu muryango we).
Mu murongo wa kabiri Allah Nyir'icyubahiro avuga ko umuntu wubahitse akunda kurusha abandi ari umwubaha igitsina yaba cyose n'ibara ry'uruhu yaba afite ryose.
Allah usumba byose yategetse abantu kurangwa n'ubutabera, haba ku banzi babo cyangwa ku nshuti zabo, aziririza amahugu ikizira hagati y'abagaragu be, ategeka kurinda indagizo no kurangwa n'ukuri, aziririza ubuhemu, ategeka kugirira neza ababyeyi bombi, no kunga isano ry'umuryango, ndetse no kugirira neza abakene, no kwitabira ibikorwa by'ubugiraneza. Yanategetse kugirira neza ibintu byose harimo n'inyamaswa, Allah yabujije kuzihohotera ahubwo itegeka kuzigirira neza[54]. Naho inyamaswa

---

[51] Yakiriwe na A-Tir'midhiy (2322), na Ibun Majah (4112), na Al-Albani mu gitabo cye Swahih Al-Jami'i (1609) yavuze ko ari impamo.
[52] Ibi byasobanuwe mu buryo burambuye mu byigwa bitatu byabanje.
[53] Ikigamijwe ni: Nta kiremwa gikwiye gutinywa no kwiringirwa nk'abapfuye n'ibigirwamana bidafite ubushobozi nk'ubwa Allah Nyir'ubutagatifu. Naho kugira ubwoba bw'ibyo ikiremwa gishoboye nko gutinya intare, abajura, no kwiringira abashobora kugira icyo bagufasha nk'umuyobozi runaka, n'undi mugiraneza, ubwo bwoba n'uko kwiringira ni ibisanzwe ntabwo umuntu yabigayirwa.
[54] No mu gihe cyo kubaga itungo riribwa, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse gutyaza neza icyuma no kuruhura itungo ukaribaga neza utarishinyaguriye. Ahabagwa ni mu muhogo ukata umutsi kugeza amaraso yaryo asohotse, ingamiya nayo ibagwa isogoswe icyuma munsi y'ijosi.

zigirira nabi abantu nk'imbwa ifite ibisazi[55], inzoka, indyanishamurizo, imbeba, n'ibisiga nk'ibyiyoni ndetse n'icyugu byo bigomba kwicwa kugira ngo umuntu yirinde ububi bwabyo ariko ntibishinyagurirwa.
Icya kane: Ku bijyanye no kwisuzuma kw'umwemeramana no kwiha inyigisho ku mutima w'umwemera:
Hari imirongo mitagatifu ya Qur'an ntagatifu ibwira abemeramana ko Allah ababona aho baba baherereye hose, kandi ko azi ibikorwa byabo byose, ndetse akaba anamenya imigambi yabo yose, kandi ko ababarurira ibyo bavuga ndetse n'ibyo bakora, ndetse n'abamalayika bashinzwe kwandika ibyo bakora ndetse n'ibyo bavuga baba babikoze mu ibanga cyangwa se ku mugaragaro, kandi ko Allah azababarurira ibyo bakoze ndetse n'ibyo bavuze. Allah yanabihanangirije ibihano bibabaza nibaramuka bamwigometseho muri ubu buzima, n'igihe bazaba banyuranyije n'itegeko rye; bityo ibyo bikaba impamvu ibuza abemeramana kugwa mu byaha, bigatuma bareka ibyaha n'amakosa kubera gutinya Allah Nyir'ubutagatifu.
Naho udatinya Allah akanakora ibyaha abishoboye, Allah yamushyiriyeho muri ubu buzima imipaka atagomba kurenga, ari yo yo kuba: Allah yarategetse abayisilamu gutegeka icyiza no kubuza ikibi; buri muyisilamu wese afite inshingano zo kubuza abandi gukora ibyaha akoresheje ururimi rwe mu gihe atabashije kubabuza akoresheje akaboko ke. Allah yanategetse kandi abayobozi b'abayisilamu[56]gushyira mu bikorwa ibihano Allah yateganyirije abanyuranyije n'amategeko ye. Bikaba ari ibihano bingendanye n'ibyaha ba nyira byo bakoze, Allah yabigaragaje muri Qur'an n'Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibigaragaza mu mvugo zayo, inategeka ko byubahirizwa ku banyabyaha. Ibi bikaba ari byo bituma habaho ubutabera, umutekano n'umudendezo.
Icya gatanu: Mu bufatanye n'ubwuzuzanye:
Allah yategetse abayisilamu gufatanya mu buryo bwose harimo n'imitungo, nk'uko byasobanuwe mbere mu cyigwa cyigisha ku bijyanye na Zakat n'andi maturo. Allah yaziririje kandi umuyisilamu kubangamira abantu mu buryo ubwo ari bwo bwose, kugeza no kukubabangamira mu nzira, yanategetse umuyisilamu gukura mu nzira icyababangamira n'ubwo cyaba cyashyizweho n'undi utari we, anamusezernaya ingororano kuri ibyo, nkuko yateganyirije ibihano uzabangamira abandi.
Allah yanategetse umweramana gukundira mugenzi we ibyo nawe yiyifuriza, akananga ibyo nawe atiyifuriza ko byamubaho, Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: (...Ndetse muterane inkunga mu byiza no mu gutinya Allah kandi ntimuzaterane inkunga mu byaha n’ubugizi bwa nabi. Munatinye Allah, mu by’ukuri Allah ni Nyir'ibihano bikaze.) [Al Maidat: 2] Allah nanone yaravuze ati : (Mu by’ukuri abemeramana ni abavandimwe. Bityo, mujye mwunga abavandimwe banyu (igihe bashyamiranye)...) [Al Hujraati: 10] Allah nanone yaravuze ati : (Nta cyiza na kimwe kiba muri byinshi mu biganiro byabo by’ibanga, keretse (ibiganiro) by’ubwiriza gutanga amaturo, gukora ibikorwa byiza cyangwa kunga abantu. N’uzakora ibyo agamije kwishimirwa na Allah, tuzamugororera ibihembo bihambaye.) [A- Nisa-u:114] Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti : (Umwe muri mwe ntazagira ukwemera cyeretse abanje kwifuriza mugenzi we ibyo yiyifuriza nawe ubwe.). Mu nyigisho zihambaye[57]za nyuma yatanze mu mutambagiro yakoze isezera, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibishimangira n'ibyo yategetse mbere yaho, byanakiriwe na Ahmad, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “Yemwe bantu, Imana yanyu ni imwe kandi so ni umwe, umwarabu ntacyo arusha utari umwarabu, utari umwarabu nawe ntacyo arusha umwarabu, uwera ntacyo arusha umwirabura, umwirabura nawe ntacyo arusha uwera, cyeretse uwaba arusha abandi gutinya Imana! Ese ubu butumwa naba mbusohoje?" Nuko barasubiza bati: Urabusohoje yewe Ntumwa y'Imana (imana iyihe amahoro n'imigisha).[58]Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) na none yaravuze ati: "Mu by'ukuri amaraso yanyu, imitungo yanyu ndetse n'ibyubahiro byanyu ni ikizira, nk'uko kuri uyu munsi ari ikizira , muri iki gihugu cyanyu, muri uku kwezi kwanyu kugeza ku munsi muzahuriraho na Nyagasani wanyu! Ese

---

Naho kwica itungo ukoresheje amashanyarazi, cyangwa kurihonda mu mutwe n'ibindi; ibyo ni ikizira, ndetse ntibinemewe kurya itungo rishwe muri ubwo buryo.
[55] Ni imbwa ifite ibisazi irya abantu ikanabangiriza, aha hinjiramo n'inyamaswa zose z'inkazi ziba imusozi zibangamira abantu.
[56] Umucamanza cyangwa umuyobozi
[57] Yakiriwe na Al Bukhari (13), na Muslim (45), n'iyi mvugo ni iya Muslim.
[58] Izi ni inyigisho zikomeye, zikubiyemo ubutumwa bwinshi, ziboneka mu bitabo bitandukanye bya Hadithi z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

naba nsohoje ubutumwa yemwe bantu?" Barasubiza bati: "Yego." Maze azamura urutoki mu kirere aravuga ati:"Mana umbere umuhamya."[59][60]

Icya gatandatu: Ku byerekeranye na politiki y'imbere mu gihugu:

Imana yategetse abayisilamu kwitorera umuyobozi bakamushyigikira bakanamuha igihango cyo kumwumvira, inabategeka ko bagomba kuba hamwe bakirinda gutatana, bityo bakaba umuryango umwe. Imana yanabategetse kwansi kumvirau muyobozi wabo n'ababayobora cyeretse igihe bategetswe ibituma bigomeka kuri we, kubera ko nta kubaha ikiremwa igihe gitegeka kwigomeka ku muremyi..

Allah yategetse umuyisilamu ko igihe bari mu gihugu badashobora gukoreramo ibikorwa by'idini y'ubuyisilamu no kubuhamagarira[61]ko bagomba kwimukira mu gihugu kigendera ku mategeko ya Islam, aho bakurikiza amategeko ya Isilamu, hakayoborwa n'umuyobozi w'umuyisilamu utegekesha amategeko ya Allah.

Islam kandi ntiyita ku mipaka y'ibihugu cyangwa ku bwenegihugu, ubwenegihugu bw'umuyisilamu ni Isilam, n'abatuirage ni abagaragu ba Allah, n'ubutaka ni ubwa Allah, umuyisilamu abutemberaho nta nkomyi, gusa akitwararika amategeko ya Allah, akanamenya ko nayarengaho hari ibihano bimutegereje. No mu gukurikiza amategeko ya Allah no gushyira mu ngiro ayo mategeko[62]bituma habaho umutekano n'ubusugire, n'abantu bagatunganirwa, n'amaraso yabo, icyubahiro cyabo, ubutunzi, n'ibindi byiza byose bikubahirizwa. Nkuko no mu kurenga kuri ibi ariho hazira ibibi byose.

Imana Ishobora byose yarinze ubwenge, aziririza ibibuyobya nk'ibisindisha n'ibiyobyabwenge n'ibibuca intege[63], ndetse ishyiraho n'igihano cy'uwanyweye ibisindisha, ari cyo cyo gukubitwa inkoni hagati ya mirongo ine na mirongo inani (40-80) igihe cyose abikoze; mu rwego rwo gukumira, no kurinda ubwenge bwe, no kurinda abantu ibibi bye.

Allah usumba byose yarinze amaraso y'abayisilamu, ubwo yagenaga Kwihorera kuri wawundi wakoze icyaha bitari mu kuri, bityo uwishe nawe aris=cwa, anategeka ko ku bijyanye n'ibikomere habaho kwihorera. Nkuko yategetse umuyisilamu kwirwanaho yirinda, anarinda umutungo we, n'icyubahiro cye. Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: (Kandi yemwe abafite ubwenge, kubahiriza itegeko ryo guhora, bibaha ubuzima (ubuzima burabungabungwa bikanatuma abantu batinya kwica). Ibyo ni ukugira ngo mugandukire (Allah).) [Al Baqarat: 179] Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragira iti : "Umuntu wese wishwe arengera ubutunzi bwe aba aguye mu nzira ya Allah (Shahidi), n'uwishwe arengera idini rye nawe aba aguye mu nzira ya Allah, n'uwishwe arengera umuryango we nawe aba aguye mu nzira ya Allah (Shahidi)."[64].

Imana yarinze icyubahiro cy'abayisilamu yifashishije amategeko yategetswe aziririza kuvuga umuyisilamu ibitamushimisha igihe adahari, usibye igihe biri mu kuri, n'amategeko yategetse y'ibihano by'ubeshyera icyaha cy'imyitwarire nko kumubeshyera ubusambanyi, ubutinganyi utabifitiye gihamya zemewe n'amategeko y'ubuyisilamu.

Imana yarinze ko habaho kwivanga kutemewe kw'amasano y'imiryango[65], inarinda ibyubahiro ko biteshwa agaciro kubera ibyaha by'imyitwarire, iziririza ubusambanyi mu buryo bukomeye, inabufata nk'icyaha gikuru, ndetse inagena ko igihano cy'uwabukoze igihe bimuhamye cyafasha mu kubukumira ari ugukurikiza igihano cyabwo yagennye.

Imana kandi yarinze imitungo ubwo yaziririzaga ubujura, uburiganya, urusimbi, ruswa ndetse n'ibindi byaha yabujije byazana umutungo mu nzira zitemewe, no kubera igihano yateganyije ku mujura, umwambuzi mu mayira, agamije koicyo gihano cyabakumira. Icyo gihano ni ugucibwa ikiganza igihe hari ibimushinja cyangwa se igihano kimubuza kubisubira igihe hatari ibimushinja byuzuye ariko icyaha bigaragara ko ari we wagikoze.

Uwashyizeho izo mbago z'amategeko ni Allah, Uzi byose, Ushishoza; niwe uzi neza imibereho y'ibiremwa bye kandi ni we ubifitiye impuhwe zirenze. Izi mbago z'amategeko Allah yazigize impongano

---

[59] Yakiriwe na Ahmad (22978), na Al-Albani mu gitabo cye A-Silsilat As-Swahihat (6/199) yavuze ko ari impamo..

[60] Yakiriwe na Al Bukhariy (105), na Muslim (1718), n'iyi mvugo ni iya Bukhari.

[61] Yabimutegetse igihe abishoboye.

[62] Ibihano biteganyijwe mu mategeko ya kisilamu ku bantu bakora ibyaha runaka.

[63] : Ibica intege ubwenge ni imiti itera intege nke n'ubunebwe mu mubiri no mu bwenge ndetse no mu mitsi.

[64] Yakiriwe na Abu Dawud (2/275), A-Nasa'i (2/316), na Ahmad (1652), na Al Albani mu gitabo cye Swahih A-Targhib wa-Tarhib (1411) , no mu gitabo Swahih Al-Jami' (4172).

[65] Imana yarinze amasano y'imiryango ngo atazimira cyangwa se ngo yivange, nko kuba umuntu yakitirirwa utari se bitewe n'ubusambanyi.

y'ibyaha bikorwa n'abanyabyaha mu bayisilamu, no kurinda umuryango mugari ibibi byabo n'ibibi bya bagenzi babo. Abanenga kwica umwicanyi no guca ikiganza uwibye mu banzi b'ubuyisilamu n'ababwiyitirira, abo baba banenga guca urugingo rupfuye ruramutse rudaciwe ubwangizi bwarwp bwakwira mu muryango wose mugari[66]. Nyamara mu gihe kimwe bashyigikira kwica inzirakarengane ku bw'inyungu zabo z'amahugu.

Icya karindwi: Ku bijyanye na politiki n'imibanire mpuzamahanga.

Allah yategetse abayisilamu n'abayobozi babo guhamagarira abatari abayisilamu kugana Islam, kugira ngo babakure mu mwijima w'ubuyobe babaganisha mu rumuri rw'ukwemera Allah, banareke kurangazwa n'ubuzima bw'ibifatika bwo muri iyi si no kwibuza umunezero n'amahoro by'umutima abayisilamu babayemo by'ukuri. Bityo itegeko rya Allah rero rikangurira abayisilamu kuba imbonera n'intangarugero bafitiye umumaro abantu bose kubera gutungana kwe, baharanira kurokora ikiremwamuntu aho kiva kikagera, bitandukanye n'ibindi bitekerezo by'abantu bisaba umuntu kuba umuturage mwiza gusa. Ibi bikaba ari bimwe muri gihamya zigaragaza ko ibyo bitekerezo bifite inenge kandi bidatunganye, kandi ko ubuyisilamu bwuzuye ndetse butunganye.

Allah yategetse abayisilamu guhora biteguye abanzi ba Allah uko bashoboye kose, kugirango barinde Islam ndetse n'abayisilamu, kuburyo abanzi ba Allah ndetse n'abanzi babo bahora babatinya.Allah yanemereye abayisilamu kuba bagirana amasezerano n'abatari abayisilamu, anabuza abayisilamu kwica amasezerano bagiranye n'abanzi babo cyeretse abanzi babo aribo batangiye kutayubahiriza cyangwa bakagira ibyo bakora biganisha kukwica ayo masezerano.

Na mbere y'urugamba rwahuriramo abayisilamu n'abatari bo, Allah yategetse abayisilamu kubanza kubahamagarira kugana Islam, babyanga bakabashyiriraho umusoro (Jiz'yat) ndetse bakanabasaba kujya bumvira amategeko ya Allah[67], nabyo baba babyanze bakaba ari bwo babarwanya kugira ngo bakumire amacakubiri[68], maze idini rya Allah rikaganza hose.

Mu gihe cy'iimirwano, Allah yabujije abayisilamu kwica abana, abagore, abasaza, n'abihayimana bari mu nsengero zabo, cyeretse abifatanya muri bo n'abarwanyi mu bitekerezo cyangwa mu bikorwa, ndetse Allah yabategetse kugirira neza abafashwe bunyago. Ibi bigaragaza ko Isilamu itagamije kwigarurira no gukoresha abantu ahubwo igamije gukwirakwiza ukuri no kugirira imbabazi ibyaremwe, ndetse no kuvana abantu mu gusenga ibiremwa bagasenga Allah Umuremyi.

Icya munani: Ku bijyanye n'ubwisanzure:

(a) Ubwisanzure mu myemerere:

Muri Isilamu, Allah usumba byose yahaye abatari abayisilamu bari munsi y'ubuyobozi bw'abayisilamu ubwisanzure mu myemerere yabo, nyuma y'uko babubwiwe, bakanabuhamagarirwa. Iyo baramutse bahisemo Isilamu, biba ari umunezero no kurokoka kuri bo, n'iyo bahisemo kuguma mu idini ryabo, ubwo baba bahisemo ubuhakanyi, umubabaro ndetse n'ibihano by'umuriro. Icyo gihe baba bakuriweho urwitwazo bazitwaza kandi nta n'impamvu bazatanga imbere ya Allah, icyo gihe abayisilamu babarekera mu kwemera kwabo ariko bagatanga umusoro baciye bugufi bari munsi y'amategeko ya Kisilamu, ntiyemererwe gukora imihango ye y'ubuhakanyi imbere y'abayisilamu.

---

[66] Ibi nibyo bikwiye kuko guca urugingo rurwaye cyangwa rwaboze umurwayi cyangwa umuryango we ari bo babyihitiyemo ni mu rwego rwo kuramira ingingo z'umubiri zisigaye.

[67] Ku butegetsi bwa Kisilamu, abayisilamu batanga amaturo (Zakat), naho abatari abayisilamu batanga umusoro (Jiz'yat); ukaba ari ingano runaka mu mafaranga atangwa n'abagabo bakuze, ntutangwe n'abagore, abana, abasazi, abasaza n'abakene. Uyu musoro (Jiz'yat) yari amafaranga macye, ku gihe cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ntiyigeze arenga idinari rimwe mu gihe kingana n'umwaka. Ni amafaranga make cyane atangwa n'uwishoboye inshuro imwe mu mwaka nk'ikiguzi cy'umutekano ahabwa arinzwe n'igihugu cya Kisilamu, n'ubwisanzure mu gukora imirimo yabo batekanye, n'imirimo yemewe n'amategeko ya Kisilamu, maze bakabaho mu mudendezo n'uburinzi bwabo n'ubw'iimitungo yabo ndetse n'icyubahiro cyabo kirinzwe n'abayisilamu. By'akarusho no kurinda insengero zabo n'imyemerere yabo. Iyo abayisilamu bananiwe gutanga ibyo babagomba no kubarinda abanzi babo, babasubiza wa musoro babahaye kuko icyo bawutangiye ari cyo guhabwa uburinzi ntabwo cyubahirijwe. Kandi n'iyo bifatanyije n'abayisilamu kurengera igihugu cyabo icyo gihe nta musoro batanga, ahubwo igihugu gifasha abacyene muri bo no kuvura abarwayi muri bo nkuko kibikorera abayisilamu.

[68] Amacakubiri abaho ,iyo abantu babujijwe kwinjira idini rya Islam, no kubabuza uburenganzira bwabo bw'imyemerere ariko batabihatiwe.

Naho umuyisilamu, iyo avuye mu idini akaba umuhakanyi, nta bwisanzure mu myemerere ahabwa ahubwo igihano cye ni urupfu, kubera ko aba ahakanye ukuri azi, icyo gihe ahanishwa urupfu, cyeretse iyo yisubiyeho, akicuza kwa Allah maze agasubira muri Isilamu[69].

Iyo kuva mu idini kwe byatewe n'impamvu yo gukora kimwe mu bihabanye n'idini ry'ubuyisilamu, aricuza ntasubire icyo yakoze cyangwa yavuze igituma atabarwa nk'ubuyisilamu ndetse akanicuza kwa Allah usumba byose.

Ibikura umuntu mu buyisilamu ni byinshi ariko ibizwi cyane muri byo ni ibi bikurikira:

Kubangikanya Allah usumba byose: Ni igihe umugaragu agaragiye ikindi kitari Allah mu cyimbo cye, kabone n'iyo yashaka umuhuza ashyira hagati ye na Allah, akaba ari we asaba amwibombaritseho, yaba yemera ko Allah ari we Mana ku izina no mu bisobanuro, nk'uko ababangikanyamana bo hambere babigenzaga bubamira amashusho abaje ari mu cyimbo cy'abantu bahoze barangwa n'ibikorwa byiza bagamije ko babavuganira kwa Allah, cyangwa se atemera ko ari imana abangikanyije na Allah,cyangwa se ko uwo agaragiye amugaragiye mu cyimbo cya Allah nk'uko ababangikanyamana yitirira ubuyisilamu batemera ubahamagariye kwemera Allah (Tawhid) bibwira ko kubangikanya Allah ari ukubamira ikigirwamana gusa, cyangwa se umugaragu akaba yavuga ikintu cyangwa umuntu utari Allah ngo uyu niwe Mana yanjye!

Abo bameze nk'unywa inzoga ariko akayiha irindi zina, kandi twagaragaje ibyabo mu masomo yabanje byavuzweho. Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: (Bityo, jya ugaragira Allah umuharire kugaragirwa.) (2) (Mumenye ko Allah ari We nyir'idini ritunganye. Naho ba bandi bishyiriyeho ibigirwamana mu cyimbo cye, (baravuga bati) "Nta yindi mpamvu ituma tubisenga itari ukugira ngo bitwegereze Allah."Mu by'ukuri Allah azabakiranura ku byo batavugagaho rumwe. Rwose Allah ntayobora umunyabinyoma, umuhakanyi wa cyane.) (3) [A-Zumar: 2-3] Allah Nyir'ibisingizo nanone aragira ati: (Uwo ni Allah, Nyagasani wanyu; ubwami ni ubwe. Naho ibyo musaba bitari we, nta cyo bitunze habe n'agashishwa k'urubuto rw'itende.) (13) (Iyo mubisaba ntibyumva ubusabe bwanyu, biramutse binumvise ntibyabasubiza,ndetse ku munsi w'imperuka bizahakana ibangikanya ryanyu. Kandi nta wakubwira inkuru (z'ukuri) nk'Umumenyi wa byose (Allah).) (14) [Fatwir: 13-14]

1- Kudafata ababangikanyamana n'abandi nk'abahakanyi barimo abayahudi, abanaswara, abahakana Allah, abasenga umuriro, n'izindi nkozi z'ibibi bategekesha amategeko atari aya Allah, bagahitamo amategeko atari aya Allah. Utabagize abahakanyi nyuma y'uko abizi neza ko bahakana Allah aba ahakanye.

2- Uburozi buganisha ubukoze mu ibangikanyamana rikuru (Shir'kul Akbar); ubukoze cyangwa akabwishimira nyuma y'uko amenye neza ko ubukoze aba ahakanye nawe aba ahakanye.

3- Kwizera ko amategeko cyangwa gahunda itari iya Isilamu biruta amategeko ya Isilamu, cyangwa ko ubuyobozi bw'undi muntu utari Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) buruta ubuyobozi bwayo, cyangwa ko byemewe kuyoborwa n'andi mategeko atari aya Allah.

4- Kutishimira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) cyangwa kwanga ikintu kandi azi neza ko kiri mu mategeko yayo.

5- Kunnyega ikintu[70]kizwi ko kiri mu idini rya Isilamu.

6- Kubabazwa n'intsinzi ya Isilamu cyangwa kunezezwa no gutsindwa kwayo.

7- Kwita ku bahakanyi, abakunda, abarengera kandi azi neza ko ubakunze nawe aba ari umwe muri bo.

8- Kwizera ko byemewe kuri we kureka amwe mu mategeko ya Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we), kandi azi neza ko bidakwiye ku wo ari we wese kunyuranya nayo uko byagenda kose.

---

[69] Kuva mu idini: Ni ukuva muri Isilam umuntu agahitamo ubuhakanyi, kandi umuyisilamu wahisemo Islam anyuzwe nabwo ntiyemerewe guhitamo iri ndi dini n'imico yindi uko yaba imeze kose, kuko nta rindi dini ryuzuye rinafite ibitangaza nk'ibya Isilamu. No mu bitera umuntu kuva mu idini harimo guteza imidugararo n'amacakubiri mu muryango mugari wa Kisilamu, no kuwusunikira mu buhakanyi, cyangwa se kujya inyuma y'irari cyangwa se gushaka inyungu runaka zifatika n'iz'imibereho. Kuva mu buyisilamu muri ubu buryo ni ukunyuranya n'amasezerano ahambaye na Nyagasani; bimeze uyu munsi nk'amasezerano ibihugu byose byemera by'ubuhemu buhambaye bw'igihugu, ndetse n'igihano cy'urupfu bikorera umuntu ukoze nk'ibyo. Ku bw'ibyo, umuntu uvuye mu buyisilamu akora ubwangizi n'ibyo yishakiye adakwiye kwemererwa usibye kumwikiza no kumukura mu bandi bantu bagize umuryango mugari, usibye ko icyo gihano mu mategeko ya Isilamu kiri mu bubasha bw'umuyobozi, habanje kubahirizwa amategeko abigenga mu butabera, abungabunga umuryango mugari amahugu n'ubwangizi bw'uwavuye mu buyisilamu no kurinda imyemerere y'umuryango mugari w'abanyagihugu bandi b'abayisilamu.

[70] Kunnyega Imana cyangwa imwe mu Ntumwa zayo; nka Muhamadi cyangwa Musa cyangwa Yesu (amahoro abe kuri bo) cyangwa ikintu kizwi ko kiri mu idini rya Isilamu.

9- Kureka idini rya Allah, kuko umuntu wese uteye umugongo Isilamu kandi yaribukijwe, akanga kwiga idini no kurikorera, uwo aba ahakanye
10 - Guhakana kimwe mu byemezo abamenyi ba Isilamu bemeranyijweho, kandi bidakwiye kuba bitazwi. Ingero za gihamya kuri ibi bikuru umuntu mu buyisilamu ni nyinshi muri Qur'an na Suna.
(b) Ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo:
Muri Isilamu, Allah yatanze ubwisanzure mu bitekerezo mu gihe ibyo bitekerezo bitavuguruza inyigisho za Isilamu, yategetse umuyisilamu kuvugisha ukuri imbere y'abashyira mu gaciro bavugisha ukuri badatinya umugayo w'uwo ari we wese. Ndetse Allah yabigize imwe mu mpamvu ziruta izindi zo guharanira inzira ya Allah (Djihadi). Yanategetse umuyisilamu kugira inama abayobozi be kuri gahunda z'idini, akanababuza kunyuranya n'amategeko ye. Yanamutegetse gusubiza no kubuza uhamagarira abandi ibinyoma. Ubu nibwo buryo bukomeye bugaragaza kubaha ibitekerezo. Naho ibitekerezo bihabanye n'amategeko y'Imana nyirabyo ntiyemerewe kubitanga kuko birasenya, bikangiza, bikanarwanya ukuri.
(c) Ubwisanzure bw'umuntu ku giti cye.
Muri Islam, Allah yatanze umudendezo ku muntu ku giti cye ariko uwo mudendezo ukubahiriza imbago n'amategeko nta macyemwa y'ubuyisilamu, ubwo yahaga umuntu yaba umugore cyangwa umugabo,uburenganzira busesuye mu byo akora biri hagati ye na bagenzi be nko mu bucuruzi, kugura no kugurisha, impano n'indagano no kubabarira,... Allah yanahaye kandi umugabo n'umugore uburenganzira bwo guhitamo uwo bazabana, ku buryo nta wukwiye guhatirwa kubana n'uwo atishimiye. N'igihe umugore ahisemo umugabo batareshya mu myemerere, ntabwo abyemererwa mu rwego rwo kurinda imyemerere ye n'icyubahiro cye. Bityo uku kubuzwa ubwo burenganzira ni mu rwego rwo kurinda inyungu ze n'iz'umuryango we.
Umuhagararizi uhagarariye umugore (umuntu w'igitsinagabo wa hafi mu muryango w'umugore) niwe umuhagararira (Waliyu) mu masezerano yo gushyingiranwa kwe; kubera ko umugore atishyingira, ni murwego rwo kwirinda ko yafatwa nk'indaya, maze Waliyu we akabwira uwo amushyingiye ati: "ngushyingiye runaka", umugabo we nawe agasubiza agira ati:"Nemeye uku gushyingirwa", amasezerano yo gushyingirwa agomba kuba arimo abahamya babiri.
Isilamu ntabwo yemerera umuyisilamu kurenga imipaka Allah yamushyiriyeho, kubera ko we n'ibyo atunze byose ari ibya Allah, bityo rero agomba kwitwararika imbibi z'amategeko y'Imana mu byo akora yashyizeho ku bw'imbabazi ze ku bagaragu be. Bityo uzabikomeraho azaba yarayobotse ndetse afite n'umunezer, n'uzanyuranya nayo azabaho nabi kandi azorama. Niyo mpamvu Allah yaziririje ubusambanyi n'ubutinganyi mu buryo bukomeye, anaziririza umuyisilamu kwiyahura no guhindura uko Allah yakuremanye.
Ku bijyanye no kogosha ubwanwa bwo hejuru y'umunwa, guca inzara, no kogosha imisatsi mu myanya y'ibanga, no kogosha incakwaha ndetse no gusiramurwa, ibyo nabyo Allah yarabitegetse.
Allah yabujije kandi umuyisilamu kwisanisha n'abanzi ba Allah mu bibaranga. Kubera ko kwisanisha nabo no kubakunda mu bintu bigaragara bituma umera nkabo ndetse ukanabakunda mu mutima.
Allah kandi ashaka ko umuyisilamu aba isoko abandi bakuraho ibitekerezo bya Kisilamu bizima,ntabe isoko y'ibitekerezo bitwarwa n'abandi. Allah kandi ashaka ko umuyisilamu aba intangarugero, ntabe uwigana abandi.
Naho ku bijyanye n'inganda n'ubuhanga mu bya tekiniki, Islamu itegeka kubyiga no kubyemera, kabone n'iyo uwabitangije yaba atari umuyisilamu; Kubera ko Allah ari we wigishije umuntu. Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: (Yigishije umuntu ibyo atari azi) [Al Alaq: 5].
Izi nizo nama zisumba izindi zafasha umuntu gutungana no kungukira mu bwisanzure yamuhaye,no kurinda icyubahiro cye, no kumurinda ibibi byamuturukaho ndetse n'ibyaturuka ku bandi.
(d) Ubwisanzure bw'umuntu ku hantu atuye:
Imana isumba byose yahaye umuyisilamu uburenganzira bw'iwe aho atuye, bityo ntawemerewe kujya mu rugo rw'undi nta burenganzira abiherewe. Nta n'ubwo yemerewe kureba aho atuye atabimuhereye uburenganzira.
(e) Ubwisanzure ku mirimo umuntu akora imwinjiriza:
Allah yahaye umuyisilamu ubwisanzure bwo kubona no gukoresha umutungo we atarengereye imbago z'amategeko Allah yamutegetse. Niyo mpamvu yamutegetse gukora no gushaka ibimutunga we n'umuryango we, ndetse no gutanga ibyo yabonye mu nzira nziza. Mu gihe kimwe Allah yamuziririje inzira z'amaronko mbi nko kurya indonke (RIba), urusimbi, ruswa, ubujura, kwishyura abapfumu n'abarozi, ubusambanyi, ubutinganyi... Allah yamuziririje kandi igiciro cy'ibivuye mu nzira ziziririjwe nk'ikiguzi cyo

mu mashusho y'ibihumeka[71], icy'inzoga, ingurube, ibikoresho by'imiziki biziririjwe, n'ikiguzi cy'indirimbo n'imicezo. Nkuko amaronko avuye muri ibi bizira aziririjwe no kugira icyo uyatangamo kabone n'ubwo cyaba ari cyiza biraziririjwe, niyo mpamvu umuyisilamu atemerewe kugira icyo akora cyeretse mu buryo bwemewe. Ibi nabyo ni inama zisumba izindi nziza no gutunganirwa k'umuntu mu byo akuramo umutungo we n'ibyo awutangamo, kugira ngo abeho akungahaye anezerewe mu bukungu abona mu nzira nziza. .

Icya cyenda: Ku byerekeranye n'umuryango:

Allah, Usumba byose, mu mategeko ya Kisilamu yateguye umuryango mu buryo bwuzuye, bwerekeza ubukurikije ku byishimo. Harimo rero kugirira neza ababyeyi bombi, kubabwira amagambo meza no kubasura iteka igihe batuye kure yawe, no kubitaho, ndetse no gukemura ibibazo bafite, no kubaha ibibatunga ndetse no kubashakira aho baba igihe bombi cyangwa se umwe muri bo atishoboye. Allah yateganyirije ibihano abazirengagiza ababyeyi babo, ndetse anasezeranya ingororano n'umunezero uzabagirira neza, anategeka gushyingiranwa ndetse anagaragaza ubugenge bubirimo mu gitabo cye gitagatifu, abinyuza no ku rurimi rw'Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

***

Ubugenge buri mu gushyiranwa.

1- Gushyingiranwa ni imwe mu mpamvu zituma umuntu aba indacyemwa mu mico n'imyifatire ye, akirinda ubusambanyi ndetse akanarinda amaso ye kureba ibyo yaziririjwe.

2- Binyuze mu gushyingiranwa, buri wese mu bashakanye abona amahoro n'ituze kuri mugenzi we kubera ko Allah yashyize hagati yabo urukundo n'imbabazi.

3- Binyuze mu rushako, umubare w'abayisilamu wiyongera binyuze mu buryo bwemewe n'amategeko birimo kwiyubaha no kutiyandarika.

4- Binyuze mu rushako, buri wese mu bashakanye yita kuri mugenzi we iyo buri wese akora ibijyanye na kamere ye nkuko Allah yabimugeneye.

Bityo umugabo akorera inshingano ze hanze y'urugo kugira ngo abone umutungo wo kwita ku mugore we n'abana be. Umugore nawe agakorera inshingano ze mu rugo nko gutwita, kubyara, konsa, kurera abana, gutegurira amafunguro umugabo we, akita ku byo mu rugo n'ibyo mu buriri. Iyo umugabo atashye ananiwe anahangayitse, umunaniro n'imihangayiko bihita bishira hanyuma akanezezwa n'umugore we n'abana be, kandi buri wese muri bo akabaho neza yishimye. Nti binabujijwe ko umugore yafasha umugabo we -baramutse babyemeranyijweho- muri imwe mu mirimo yatuma hari icyo yinjiza,kugira ngo afashe umugabo we; ariko ibi biterwa n'umurimo akora uramutse ari umurimo adahuriramo n'igitsinagabo ngo yivange nacyo, nko kuba yaba ari mu nzu ye cyangwa mu murima we cyangwa mu murimo w'umugabo we cyangwa mu bantu bagize umuryango we. Naho imirimo ituma yivanga n'igitsinagabo nko mu ruganda, mu ma biro, ahantu hacururizwa ndetse n'ahandi, ntabwo ahemerewe ndetse nta n'ubwo byemewe ko umugabo we cyangwa ababyeyi be, cyangwa umuryango we bamwemerera gukora iyo mirimo n'ubwo yaba ari we wayihisemo, kubera ko hagaragaramo ibyamugiraho ingaruka, ndetse no ku muryango mugari muri rusange. Bityo umugore abungabungiwe umutekano iwe mu rugo, aba arinzwe abagabo, ibyo bikamufasha kudakorwaho n'amaboko y'abagenzwa n'ikibi, nta n'amaso y'abagome amubona. Naho iyo ari ku karubanda ashobora kuyobywa cyangwa akaba nk'intama yisanze mu birura kandi rwose birashoboka ko bitafata igihe kinini ngo abe aguye muri abo bantu babi bamutesha agaciro n'icyubahiro cye. Iyo umugabo adahagijwe n'umugore umwe, Allah yamwemereye gushaka abandi akageza kuri bane, ariko ategetswe kubaringaniza bose mu byo ashoboye kubagenera, nko kubatunga no kubaraza. Naho ibijyanye n'urukundo byo ntawabasha kubakunda kimwe kandi ntawabihorwa kuko na Allah yabivuzeho ko bidashoboka ubwo yagiraga ati: (Nta n’ubwo muzigera mushobora kugira uburinganire (mu rukundo) hagati y’abagore kabone n’ubwo mwakwitwararika.) [A-Nisa-u: 129] Ni urukundo n'ibirushamikiyeho. Ubu rero ni ubutabera. Kutabasha kuringaniza abagore urukundo Allah ntiyigeze abigira imbogamizi yatuma hatabaho gushaka abagore barenze umwe, kuko ntibishoboka. Allah yemereye Intumwa ze ndetse n'ababasha kuringaniza abagore gushaka abarenze umwe kubera ko we Nyir'ubutagatifu azi ibyiza kuri bo kandi ni byiza ku bagabo ndetse no ku bagore; kubera ko umugabo ufite ubuzima buzima agira ubushobozi bw'imibonano bwababasha guhaza abagore bane, naho kugira umugore umwe nk'uko bimeze ku batari abayisilamu[72]n'abandi nk'abiyitirira ko ari abayisilamu, igihe cyose umugabo atarengeje umugore umwe, hashobora kubaho ibibazo n'ingorane zikurikira:

---

[71] Amashusho y'ibihumeka ni ayashushanyijwe n'intoki, cyangwa abajwe mu biti n'ibindi bintu, cyangwa akozwe mu ibumba n'ibindi. Ibi bikaba ari bimwe mu bibujijwe byateganyirijwe ibihano mu mvugo zavuzwe na Qur'an ndetse na Hadith.

[72] Umuhanuzi w'Imana Yesu (amahoro ya Allah abe kuri we) ntiyigeze abuza gushaka abagore benshi, ahubwo abakirisitu nibo babibujije kubera amarangamutima yabo.

Icya mbere: Uwo umugabo abaye ari umwemera, yumvira kandi atinya Allah, yabaho ubuzima bwe yumva ko hari icyo yabuze, n'ubushake kamere bugahagarara kubera ko igihe umugore atwite yegereje kubyara, igihe ari mu mihango, mu bisanza, cyangwa se igihe arwaye, umugabo ntaba yemerewe kumukoraho, ibyo bigatuma abaho igihe runaka cy'ubuzima bwe nk'udafite umugore. Ibi bibaho iyo bombi bakundana, iyo atari uko bimeze rero biba bibi kurenzaho.
Icya kabiri: Iyo umugabo ari umunyamakosa kandi agomera Allah, icyo gihe ajya mu busambanyi akanata umugore we. Benshi mu batagira abagore barenze umwe bibera mu busambanyi ndengamipaka, ikirenze kuri ibyo ni uko kwirengagiza gushaka abarenze umwe mu buryo bwemewe bimugira umuhakanyi, akabirwanya kandi aziko Allah yabimuziruriye.
Icya gatatu: Hatabayeho gushaka abagore barenze umwe, hari abagore benshi babaho nta rushako ntibabone n'urubyaro, abagore b'abameramanakazi babaho mu bwigunge, abandi nabo bakaba indaya abanyabyaha bakajya babakiniraho.
Birazwi neza ko abagore ari bo benshi kurusha abagabo kuko umubare w'abagabo bapfa uri hejuru; kubera intambara n'akazi gakomeye bakora, binazwi ko abakobwa bashobora kurongorwa bakigera mu bwangavu, mu gihe abagabo bo atari uko kuko benshi muri bo bazitirwa n'ubushobozi bucye, kutabona inkwano, ikiguzi cy'ubukwe, n'ibindi. Kubera ibi, Isilamu yarengeye abagore inabagirira imbabazi. Abarwanya gushaka abagore benshi bemewe ni abanzi b'abagore, ni n'abanzi b'ibyiza ndetse n'abahanuzi. Gushaka abagore barenze umwe ni umugenzo w'abahanuzi ba Allah (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri bo) kuko barabashakaga bakabatuza hamwe kandi bakirinda kurengera imbsgo z'amategeko Allah yashyizeho.
Naho gufuha n'agahinda umugore agira iyo umugabo we ashatse undi mugore, ibyo ni amarangamutima kandi amarangamutima ntacyo avuze nta n'ubwo wayabanza imbere y'amategeko. Umugore rero abifite mu bubasha ko igihe asezerana n'umugabo we, yashyiramo ingingo ibuza umugabo kuzashaka undi mugore, iyo umugabo abyemeye maze akazabirengaho, icyo gihe umugore afite amahitamo yo kuba yakomeza akabana n'umugabo cyangwa bagatandukana, kandi iyo batandukanye ntacyo asubiza umugabo mu byo yamuhaye.
Allah yashyizeho amategeko agenga gutandukana kw'abashakanye cyane cyane iyo batacyumvikana cyangwa umwe muri bo atagikunda mugenzi we, kugira ngo badakomeza kubana muri uwo mubabaro n'agahinda ko kutumvikana, no kugira ngo buri wese abashe kubona undi mufasha umunyuze azishimira iteka ku isi no kumunsi w'imperuka[73]igihe bombi bazapfa ari abayisilamu.
Icya cumi: Ku byerekeye ubuzima:
Amategeko ya Isilamu yavuze no ku mahame yose y'ubuvuzi. muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa Muhamadi (Allah amuhe amahoro n'imigisha) asobanura indwara nyinshi zo mu mutwe n'izo mu mubiri, anasobanura uburyo bwo kuzivura busanzwe, n'uburyo bwo kuzivura bwa roho. Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: (Kandi twahishuye Qur'an ari umuti ikaba n'impuhwe ku bemeramana) [Al Isra-u: 82] Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Nta ndwara Allah yohereje ngo abure no kohereza umuti wayo, uwuzi arawuzi, n'utawuzi ntawo azi."[74]
Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nanone yaravuze iti: "Kandi mujye mwivuza, gusa muramenye ntimukivurishe ibiziririjwe"[75]. Ibi bisobanuye mu buryo burambuye mu gitabo “Zad al-Ma'ad fi Hadiy Khair al-Ibad” cyanditswe n'umumenyi Imamu Ibun al-Qayyim. Ni igitabo cyo gusomwa kuko kiri mu bitabo bihambaye ngirakamaro bya Kisilamu bisobanura neza Isilamu ndetse n'amateka y'uwasozereje Intumwa, ari we Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we).
Icya cumi na rimwe: Ubukungu, Ubucuruzi, Inganda n'Ubuhinzi: Ibyo abantu bakenera nk'amazi, ibyo kurya, ibikorwa remezo, ibigo bibungabunga imijyi, bikora amasuku, ibigenzura imigendere y'ibinyabiziga mu mihanda, kurwanya magendo, uburiganya, n'ibindi, ibi byose byasobanuwe muri Islam muburyo burambuye cyane.

---

[73] Abayisilamukazi bakora ibikorwa byiza (batigeze barongorwa cyangwa ngo batane n'abagabo babo) ubwo Allah azaba abinjije mu ijuru nyuma yo kuzurwa no kubarurirwa, Allah azabaha amahitamo bihitiremo abagabo babanyuze mu bagabo bazaba bari mu ijuru. Naho umugore uzaba yarigeze kurongorwa n'abagabo barenze umwe ku isi, azahabwa amahirwe yo guhitamo uwo yakundaga cyane ku isi, igihe uwo mugabo nawe azaba ari mu bagororewe ijuru.
[74] Yakiriwe na Ahmad (1/377, 413, 453), Ibun Majah (2/340), Ibun Hiban (1394), na Al-Hakim (4/196), na Al-Albaniy mu gitabo cye A-Silsilat As-Swahihah (451) yemeje ko ari impamo.
[75] Yakiriwe na Abu Dawud (3874), na Al Albaniy mu gitabo cye Swahih Al-Jami’ (1762) yavuze ko ari impamo.

Icya cumi na kabiri: Ku byerekeranye no kugaragaza abanzi batagaragara n'uburyo bwo kubirinda: Muri Qur'an, Imana isumba byose yagaragarije umugaragu we w'umuyisilamu ko afite abanzi bamuganisha kukurimbuka hano ku isi no ku munsi w'imperuka igihe yaramuka abakurikiye, Allah amugira inama anamwereka uko yarushaho kwirinda abo banzi be.

Uwa mbere: Ni Shitani yavumwe: Shitani niyo yoherereza umuntu abandi banzi akabakoresha kugira ngo bayobye umuntu. Ni umwanzi wa Data dukomokaho Adamu ndetse na mama wacu Hawa (Eva), niwe wabirukanishije mu ijuru, ni n'umwanzi uhoraho w'urubyaro rwa Adamu hano ku isi, akora uko ashoboye ngo ayobye abantu, bahakane Allah maze Allah azabashyirane hamwe nawe mu muriro (Allah awuturinde), uwo atabashije kuyobya amushora mu byaha kugira ngo Allah amurakarire azanamuhane.

Shitani ni imbaraga z'umwuka zitembera mu muntu nk'amaraso, yoshya umuntu, akamutakira ibibi amwereka ko ari cyiza kugeza amuteye kubigwamo igihe amwumviye. Uburyo bwo kumwirinda, nk'uko Imana Ishobora byose yabisobanuye, nuko igihe umuyisilamu arakaye cyangwa ashatse gukora icyaha avuga ati: "Nikinze kuri Allah ngo andinde Shitani wavumwe." akirinda gukoreshwa n'uburakari bwe ngo agomere Allah, akamenya ko uburakari yiyumvamo buturuka kwa Shitani ushaka kumugusha. Ibyo bifasha umuntu kumwikuramo, Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati: (Mu by’ukuri Shitani ni umwanzi wanyu; bityo nimumufate nk’umwanzi. Ahamagarira abambari be kugira ngo babe mu bantu bo mu muriro ugurumana.) [Fatwir: 6]

Umwanzi wa kabiri: Ni Irari: rituma umuntu agira ibyiyumviro byo guhakana ukuri agejejweho n'abandi, ndetse n'ibyiyumviro byo guhakana amategeko ya Allah kuko ahabanye n'ibyo yifuza. Muri macye ni umuntu guhitamo amarangamutima akayarutisha ukuri n'ibikwiye. Uburyo bwo kwirinda uyu mwanzi ni uguhungira kwa Allah umuntu akirinda irari rye, akavugisha ukuri akanakwemera n'iyo kwaba gusharira, akanahora yikinga kuri Allah ngo amurinde Shitani.

Umwanzi wa gatatu: Ni Roho ihatira nyirayo ikibi: Ibi bigaragarira mu byo umuntu yiyumvamo bimuganisha kumvira irari rye no gukora ibibi birimo nk'ubusambanyi, kunywa inzoga, gusiburuka igisibo cy'ukwezi kwa Ramadhan kandi nta mpamvu yemewe n'amategeko ibimutera ndetse no gukora ibindi byose Allah yabujije. Uburyo bwo kwirinda uyu mwanzi ni uguhungira kuri Allah umuntu akamwikingaho ngo amurinde uwo mwanzi, roho ye, anamurinde Shitani, maze akihanganira kureka ibijyanye n'amarangamutima ye amuganisha kubiziririjwe, akabyirinda, agashakira ibyishimo kwa Allah, akihanganira kureka kurya no kunywa ibyo yifuza byose kuko bimugiraho ingaruka mbi, akanibuka ko iryo rari ari iry'igihe gito ariko rimusigira agahinda ku mutima no guhora yicuza.

Umwanzi wa kane: Ni amashitani y'abantu: Aba ni abantu Shitani yayobeje maze batangira gukora ibibi no kubishishikariza abandi. Uburyo bwo kubirinda ni ukubamenya mbere na mbere hanyuma ukabagendera kure, ukirinda kwicarana nabo no kuba hamwe.

Icya cumi na gatatu: Ku bijyanye n'intego nyamukuru n'ubuzima bw'umunezero: Intego nyamukuru Allah yashyiriyeho abantu si ubu buzima bwo ku isi cyangwa ibishuko biyirimo birangira, ahubwo ni ukwitegura igihe kizaza, kizira gupfa, ari cyo: Ubuzima bwa nyuma y'urupfu; umuyisilamu w'umunyakuri rero abaho azirikana ko iyi si ari iyo kumufasha gukorera ubuzima bwa nyuma y'urupfu, akazirikana ko ubuzima butazarangirira ku isi.

Akwiye kwibuka imvugo ya Allah usumba byose yagize ati: (Kandi nta kindi naremeye amajini n’abantu bitari ukugira ngo bangaragire.) [A-Dhariyat: 56} No mu yindi mvugo ye aragira ati: (Yemwe abemeye! Nimugandukire Allah kandi buri muntu arebe ibyo yiteganyirije ejo. Munatinye Allah, mu by’ukuri Allah azi neza ibyo mukora.) (18) (Kandi ntimuzanabe nk’abibagiwe Allah (banze kumvira Allah), ku bw’iyo mpamvu akabatera kwiyibagirwa ubwabo (bakareka gukora ibikorwa byiza). Abo ni bo byigomeke.) (19) ((Mumenye ko) Abantu bo mu muriro n’abantu bo mu Ijuru badahwanye. Abantu bo mu Ijuru ni bo bazatsinda (20)) [Al Hash'ri: 18-20] Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: (Icyo gihe uzaba yarakoze icyiza gifite uburemere bungana n’akantu gato cyane kurusha ibindi, azakibona (agihemberwe). (7) ( N’uzaba yarakoze ikibi gifite uburemere bungana n’akantu gato cyane kurusha ibindi, azakibona (agihanirwe). (8) [A-Zalzalat: 7-8]

Umuyisilamu nyawe rero yibuka iyi mirongo ihambaye ndetse n'andi magambo asa nkayo ya Allah usumba byose amwibutsa intego nyamukuru y'icyo yaremewe, ndetse anamwibutsa ubuzima buhoraho bwa nyuma y'urupfu akabizirikana yitegura ubwo buzima buhoraho, akorana umurava mu gusenga Imana yonyine no gukora ibiyishimisha yizeye ko izamwishimira, akayubaha akanayumvira mu buzima bwo ku isi, akiringira ko izamwinjiza mu ijuru ryayo. Maze rero Allah akamwubahisha hano ku isi, akamuha ubuzima bwiza, akabaho mu burinzi bwa Allah, agahorana umucyo uvuye kwa Allah. Akora ibyo Allah amasengesho yose Allah yamutegetse, akishimira n'uburyohe bwo kuganira na Allah, agahoza izina rya Allah mu mutima we no ku rurimi rwe bigatuma umutima we ugira ituze.

Agirira neza abandi yifashishije amagambo ye n'ibikorwa bye, amenya abeza n'ababi kandi bose akabagirira neza, ibyo abikora agamije kwishimirwa na Allah ndetse n'ibihembo bya Allah. Iyo abonye cyangwa yumvise uko abagome banga Isilamu bakorera abayisilamu bakanannyega idini, bimwibutsa Intumwa z'Imana bikanamwongerera urukundo akunda Isilamu akanabushikamaho. Akoresha amaboko ye mu biro, mu murima, mu nganda n'ahandi kugira ngo agire icyo amarira Isilamu ndetse n'abayisilamu kugira ngo azabone ibihembo bivuye kwa Allah. Ubwo Allah azaba amwakiriye ku bwo kwibombarika kwe, ndetse n'umugambi we mwiza yakoranaga ibikorwa bye, akanakora agamije kubona inyungu nziza izamufasha we ubwe, igafasha umuryango we, akanayikoramo ibikorwa byiza byo gufasha abandi, akanakora agamije kugera ku bukire ngo abeho anezerewe mu mutima we, yubashywe kandi yishimye, akanizera kuzahembwa na Allah usumba byose; kubera ko Allah akunda abemeramana b'abanyembaraga kandi bakora ibyo bazi neza, akarya akanaryama adasesaguye mu rwego rwo kubaha Allah. Akaryamana n'umugore we kugira ngo amurinde anirinde ibyo Allah yabujije, kugira ngo bazabone abana bagaragira Allah, bazajya banamusabira kuri Allah akiriho n'igihe azaba yarapfuye maze ibikorwa bye byiza bigakomeza kwiyongera, no kugira ngo bagire uruhare mukongera umubare w'abayisilamu maze ibyo bikazamuhesha igihembo imbere ya Allah, akanashimira Allah ku nema zose amuha azikoresha neza anahamya ko byose biva kwa Allah kandi ko azabihemberwa, akanazirikana ko ibibi bimugeraho nk'inzara, uburwayi ndetse n'ibyago byose bituruka kwa Allah, ko Allah aba agira ngo amugerageze arebe (kandi Allah asanzwe anamuzi neza)[76]ukwihangana kwe ndetse n'uko anezezezwa n'igeno rya Allah, maze nawe akihangana akananezerwa akanashimira Allah usumba byose ku byo ari byo byose, akabikora ategereje ibihembo Allah yateguriye abihangana, ibyago bikamworohera akanabyakira nk'uko umurwayi yihanganira uburibwe bw'uburwayi kuko aba azi neza ko azakira.

Iyo umuyisilamu abayeho kuri iyi si nk'uko Allah yabitegetse, ibyo akora akabikora atekereza ubuzima buhoraho bw'ejo hazaza, ngo azagira umunezero uhoraho uzira imihangayiko nk'iyo kuri iyi si, mu buzima buzira ubuziraherezo, nta gushidikanya ko uyu ari we muntu uba abayeho yishimye kurusha abandi bose ku isi, akazanagira ibyishimo mu buzima bw'ahazaza, nyuma y'urupfu. Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: (Ubwo buturo bwa nyuma (Ijuru) twabugeneye ba bandi badashaka kwishyira hejuru cyangwa ngo bakore ubwononnyi ku isi. Kandi iherezo ryiza ni iry'abagandukira Allah.) [Al Qaswasw: 83] Allah nanone yavuze ukuri aho yagize ati: (Ukora ibyiza yaba ari umugabo cyangwa umugore,ari umwemera tuzamubeshaho ubuzima bwiza,kandi tuzabahemba kubera ibyiza bakoraga) [A-Nahl:97] Mu murongo ubanza ndetse no mu yindi isa nkawo, Imana Ishobora byose ivuga ko abakora ibyiza muri ubu buzima bagamije kwishimirwa na Allah, baba abagabo cyangwa abagore, Allah abaha ibihembo by'ako kanya hano ku isi, ari bwo buzima bw'umunezero twavuze haruguru, ndetse n'ibihembo bizaza nyuma y'urupfu, ari zo nema z'ijuru baziberamo ubuziraherezo. Ibi Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabivuzeho agira ati: "Iby'umwemeramana byose biratangaje! Mu byukuri ibintu bye byose biba ari byiza kuri we. Ibi kandi nta wundi ubigira uretse umwemeramana. Iyo hari ikintu cyiza kimubayeho, ashimira Allah bikaba byiza kuri we. Hagira ikintu kibi kimubaho, akihangana nabyo bikaba byiza kuri we."[77].

Biragaragaza rero ko muri Isilamu ari ho honyine haboneka ibitekerezo byuzuye, igisobanuro nyacyo cy'ikibi n'icyiza, gahunda nzima kandi yuzuye. Binerekana ko ibijyanye n'ubumenyamuntu, umuryango mugari, uburezi, imiyoborere, ubukungu ndetse n'izindi gahunda zose za muntu bigomba gukorwa binyuze mu murongo wa Isilamu, ari naho bikomoka naho ubundi byaba bigoye guhirwa muri ubu buzima ibi bibaye byirengagijwe, byabera nyir'ukubikora amakuba hano ku isi no ku munsi w'imperuka.

***

# Icyigwa cya gatanu - Gushyira ahabona bimwe mu biteza urujijo.

Icya mbere: Abakosereza Isilamu: Abenshi mu bahemukira ubuyisilamu barimo ibyiciro bibiri by'abantu:
Icyiciro cya mbere: Ni abantu biyitirira kuba abayisilamu ariko ibikorwa byabo n'amagambo yabo bikaba birwanya Isilamu, bagakora ibikorwa bihabanye na Isilamu. Abo rero ntibahagarariye Isilamu mu byo bakora kandi ibikorwa byabo ntibigomba kwitirirwa Isilamu; muri abo harimo:

---

[76] Allah yategetse abagaragu bayo kugira ibyo bakora, hari n'ibyo yababujije kandi na mbere yo kubategeka no kubabuza yari azi abazayubaha n'abazayisuzugura, ariko ibi yabikoreye kugira ngo hatazagira uwakoze ibibi uvuga ati: "Allah yarandenganyije ampanira ibyaha ntakoze." Allah Nyir'ibisingizo aragira ati: ("Kandi Nyagasani wawe ntarenganya abagaragu be.") [Fuswilat: 46].
[77] Yakiriwe na Muslim (2999), na Ahmad (4/332), na A-Darimiy (2777).

(a) Abateshutse ku myemerere n'imyizerere yabo: Nk'abakora umutambagiro ku mva bakazitura ibibazo byabo, bakizera ko hari icyo abashyinguyemo babamarira cyangwa ko hari amakuba babateza[78], n'ibindi.
(b) Abataye umuco ndetse n'idini ryabo:
Bareka amategeko y'Imana ahubwo bagakora ibyo ibabuza, nk'ubusambanyi, kunywa inzoga, n'ibindi. Bakanakunda abanzi b'Imana kandi bakanabigana.
Abatukisha Isilamu ni abayisilamu ubwabo, bamwe ukwemera kwabo nta mbaraga gufite, no gushyira kwabo mu bikorwa inyigisho za Isilamu kukaba kuri hasi, ariko ntibave mu idini ahubwo bagakomeza gukora ibindi byaziririjwe bitari ku rwego rw'ibangikanyamana rikuru cyangwa se ubundi buryo bw'ubuhakanyi, babaye imbata z'imico mibi n'ibibujijwe bidafite aho bihuriye na Isilamu, ahubwo Isilamu ibifata nk'ibyaha bikomeye birimo; kubeshya, kwiba, kutubahiriza amasezerano, kugira ishyari. Ibi byose bisebya idini kuko abatari abayisilamu bacyeka ko idini ribemerera kubikora.
Naho icyiciro cya kabiri: Ni icy'abakosereza Isilamu bagizwe n'abanzi ba Isilamu, bayifitiye urwango n'ishyari. Muri abo harimo: abantu bo mu bihugu by'uburengerazuba bw'isi [bize ubuyisilamu bihagije n'umuco w'abarabu benshi muri bo intego yabo yari ukumenya aho babuhera babwambika icyasha ndetse no kubusenya, abandi bacye muri bo bari bagamije kwimara amatsiko babufiteho,...], abayahudi, abamisiyoneri b'abakirisitu ndetse n'ababakurikiye mu banzi ba Isilamu, bababajwe no kuba Isilamu ari idini ryuzuye, ryoroherana ndetse rikwirakwira vuba; kubera ko ari idini rihuye na kamere Imana yameranye abantu[79], kurisobanurira umuntu gusa byatuma rimunyura akaryemera. Bityo buri muntu wese utari umuyisilamu abaho mu buzima bw'imihangayiko no kutishimira idini arimo yemera, kubera ko rinyuranye na kamere Allah yaremyeho abantu usibye umuyisilamu w'ukuri, kubera ko ari we wenyine ubaho ubuzima bw'umunezero no kwishimira idini rye, kubera ko ari idini ry'ukuri Allah yategetse. Kandi amategeko y'Imana akaba ajyanye neza neza na kamere Imana yaremanye abantu; Niyo mpamvu tubwira buri mukirisitu, buri muyahudi n'abandi batari abayisilamu tuti: "Abana bawe bavutse ari abayisilamu bari kuri kamere, ariko wowe na nyina mubavana mu buyisilamu kubera inyigisho zanyu z'ubuyobe zihabanye na Isilamu."
Bariya bantu bo mu burengerazuba bw'isi n'abamisiyoneri basebya nkana Isilamu, bakanasebya Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we):
1- Bahakana ubutumwa bwe bya hato na hato.
2 - Bamunenga ndetse banamujora mu bundi buryo; kandi ari umuziranenge (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) utunganye, nyamara ari bo buzuye inenge.
3- Mu kugoreka amwe mu mategeko y'ubuyisilamu yashyizweho na Allah, Umumenyi wa byose, Umunyabwenge; bagamije kubwirukanamo abantu.
Ariko Allah, Nyir'icyubahiro aburizamo imigambi yabo; kubera ko barwanya ukuri, kandi ukuri guca mu ziko ntigushye. Allah yaravuze ati: (Barashaka kuzimya urumuri rwa Allah (idini rye) bakoresheje iminwa yabo, ariko Allah azasendereza urumuri rwe kabone n'ubwo byababaza abahakanyi.) (8) (Ni We wohereje Intumwa ye (Muhamadi) ayihaye umuyoboro n'idini ry'ukuri, kugira ngo arirutishe amadini yose, kabone n'ubwo byababaza ababangikanyamana.) (9) [A-Swaf: 8-9]
Icya kabiri: Isoko tuvomamo inyigisho za Isilamu:
Yewe munyabwenge! Niba ushaka kumenya Isilamu ubivuye imuzi, uzasome Qur'an ihambaye, unasome imvugo z'Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we), amagambo y'ukuri yanditse mu bitabo yanditsemo nka Swahih cya Al-Bukhari n'icya Muslim, 'Al Muwatwaa' cya Imam Malik, Mus'nad cya Imam Ahmad Ibun Hanbal, Sunan cya Abi Dawud, Sunan A-Nasa'i, Sunan A-Tir'midhiy, Sunan Ibun Majah, na Sunan A-Darimi. Uzasome kandi imibereho y'Intumwa y'Imana (Sirat Nabawiyat) cyanditswe byanditswe na Ibun Hisham, Tafsir Al Qur'an cyanditswe n'umumenyi Ismail Ibun Kathir, Zad al-Ma'ad fi Had'yi Khayril Ibad cyanditswe n'umumenyi Muhamad Ibun Al Qayyim, n'ibindi bisa nkabyo mu bitabo by'aba Imamu ba Isilamu, barangwaga no kwemera Imana imwe rukumbi

[78] Aba ni nk'abitwa Al Khawaridji bica inzirakarengane mu izina rya Isilamu, nyamara ahanini ibi bikomoka mu migambi y'abanzi ba Isilamu.
[79] Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) yaravuze ati: "Nta mwana n'umwe uvuka atari umuyisilamu, ahubwo ababyeyi be nibo bamugira umuyahudi, umukirisitu cyangwa se bakamugira Umumajusi (usenga umuriro)." [yakiriwe na Al-Bukhari (1292) na Muslim (2658), n'iyi mvugo ni iya Muslimu]. Muri iyi Hadithi Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) yavugaga ko umuntu avukana kamere ya Isilamu, akayemera binyuze muri iyo kamere. Bityo uwamureka akihitiramo yahitamo ubuyisilamu nta gushidikanya, naho kwemera idini rya kiyahudi, irya gikirisitu, iryo gusenga umuriro n'andi biterwa n'ubwo burere umuntu aba yarahawe.

bakanabyigisha abandi babisobanukiwe nka Sheikh Al Islam Ahmad Ibun Taymiyyah na Imam Muhamadi Ibun Abdul Wahhab, mu gihe cye we n'umuyobozi w'abemera Allah wenyine batamubangikanya (Al Muwahidina) ari we Muhamadi Ibun Saud), Allah yubahishije idini rye rikwira mu kigobe cy'abarabu, n'ahandi henshi mu kinyejana cya cumi na kabiri kugeza ubu nyuma y'uko ibangikanyamana ryari ryarakwirakwiye hose.
Naho ku bijyanye n'ibitabo by'abandi bo mu burengerazuba bw'isi n'iby'udutsiko twiyitirira Isilamu kandi tuyirwanya binyuze mu nyigisho zatwo zihabanye n'ubuyisilamu, twavuze byinshi muri byo cyangwa se tukubahuka abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) cyangwa se bamwe muri bo tubatuka tubajora, cyangwa se tujora bamwe mu bamenyi bahamagariye ubuyisilamu bw'umwimerere twavugamo nka Ibun Taymiyat, Ibun Al Qayyim, Muhamad Ibun Abdul Wahhab, bukabahimbira n'ibinyoma, ibyo bitabo byabo byuzuye ubuyobe. Ukwiye kwitonda ntushukwe nabyo cyangwa se ngo ubisome.
Icya gatatu: Udutsiko n'amatsinda yiyitirira Isilamu:
Abayisilamu bose bari mu itsinda rimwe, ari ryo Isilamu, aho bavoma ubumenyi hakaba ari muri Qur'an n'amagambo y'Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo). Naho abantu bita amatsinda, nk'amatsinda ane ari yo abakurikira Han'bali, Maliki, Shafi'i na Hanafi, baba bagamije kuvuga amashuri y'ubumenyi bw'amategeko ya Kisilamu (Fiq'hi) yigishirizwagamo n'abo bamenyi kandi bose ibyo bize bikomoka muri Qur'an no mu nyigisho z'Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo). N'ibyo kandi dusanga batandukanyeho bicye cyane ni mu mashami y'ubu bumenyi ntabwo ari mu mizi yabw; buri mumenyi muri bo yabwiye abanyeshuri be gutoranyamo ibihuye n'imvugo yo muri Qur'an cyangwa muri Hadithi, kabone n'iyo iyo mvugo yaba yavuzwe n'undi mwarimu (Imam) utari we.
Umuyisilamu kandi ntategetswe gukurikira rimwe muri ayo mashuri, ahubwo icyo ategetswe ni ugusubira kuri Qur'an no ku magambo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Naho gutandukira mu myemerere biranga benshi mu bakurikira abo bamenyi n'ibyo bakora birimo gusura amarimbi yabo bagira ibyo babasaba, ndetse n'uburyo basobanuramo ibisingizo bya Allah buhabanye n'ukuri, ni ugutandukira imyemerere y'aba ba Imam kuko imyemerere y'aba ba Imam yari imyemerere y'abatubanjirirrije barangwaga n'ibyiza (A-Salaf A-Swaleh) nk'uko byavuzwe haruguru mu kuvuga itsinda rizarokoka.
Icya kane: Udutsiko duhabanye na Isilamu:
Mu bayisilamu harimo amatsinda ahabanye na Isilamu, abayagize bavuga ko ari abayisilamu, ariko mu by'ukuri ntabwo ari abayisilamu, kubera ko imyizerere yayo ari imyizerere ihakana Imana, cyangwa se amagambo ye, cyangwa se ihakana ko ari Imana imwe. Amwe muri ayo matsinda n'utwo dutsiko ni utu dukurikira:
1- Agatsiko kitwa Al Batwiniyat [bita mu zindi ndimi Esotericism].
Abakagize bemera ko roho z'abapfuye zimukira mu bazima cyangwa se zikororoka (Al Huluul wa Tanasukh), bakanemera ko inyigisho z'idini ziba zifite ibindi bisobanura bihabanye n'ibigaragara Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo) yavuze, ndetse n'abayisilamu bose bakabyemeranyaho. Ibisobanuro bavuga rero bakaba ari byo bihimbira kubera amarangamutima yabo[80], Inkomoko yo kuvuka kw'abagize aka gatsiko ni bamwe mu bayahudi, abasenga umuriro, n'abahakanamana mu ba filozofe bo mu bwami bwa Peresi, igihe ikwirakwira ry'ubuyisilamu ryabaneshaga, barateranye bajya inama yo gushyiraho indi myemerere igamije gutatanya abayisilamu no gusobanura Qur'an Ntagatifu mu buryo buhabanye n'ubwo bamenyereye, kugeza babigezeho. Nibwo baremye aka gatsiko kagamije gusenya bagahamagarira n'abandi, biyitirira ko bakomoka mu muryango w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) [Ahlul Bayt] ndetse ko ari bo bayoboke babo, kugira ngo bashobore kureshya rubanda rugufi, kandi babigezeho bayobya benshi mu basanzwe badasobanukiwe, babayobya inzira y'ukuri.
2- Muri utwo dutsiko harimo (Abakadiyani): bakomoka kuri Ghulam Ahmad Al-Qadiyani, wari uzwi ho kuvuga ko ari umuhanuzi, agahamagarira imbaga y'abantu mu Buhinde ndetse n'abo hirya no hino kumwizera. Abongereza baramwifashishije we n'abamuyobotse ubwo ubwongereza bwakoronizaga

---

80 Aba barizwa muri aka gatsiko bafite amazina menshi, kandi bagabanyijemo udutsiko twinshi dukwirakwiye mu Buhinde, Sham, Irani, Iraki ndetse no mu bindi bihugu byinshi. Abamenyi benshi basobanuye mu buryo burambuye iby'aka gatsiko barimo: A-Shahristani mu bitabo bye “Al-Milal wa A-Nihali” nk'uko byasobanuwe n'abandi bamenyi baje nyuma yabo, bagaragaza utundi dutsiko dushya, harimo: Abakadiyani, Aba Bahayi n'abandi. Muri abo bamenyi basobanuye iby'utwo dutsiko harimo Muhamad Said Kilani mu gitabo cye cyitwa “Dhayl Al Milal wa Nihali”, na Sheikh Abdul Qadir Shaybat al-Ham'di, umwarimu muri kaminuza ya Kisilamu i Madina, mu gitabo kivuga ku madini, amatsinda, n’udutsiko two muri iki gihe.

Ubuhinde maze baramugororera we n'abayoboke be, nuko benshi mu badasobanukiwe b'injiji baramukurikira. Abakadiyani bigaragazaga nk'abayisilamu kandi ahubwo barasenyaga Isilamu, bakagerageza kuvana mu idini abo bashoboye bose. Birazwi neza ko umuyobozi wabo yanditse igitabo yise "Kwemera ibimenyetso bya Ahmadi" aho yavugaga ko ari umuhanuzi, akagoreka inyandiko za Isilamu. No muri bimwe yagoretse ni aho yavugaga ko itegeko ryo guharanira inzira ya Allah (Djihadi) muri

Isilamu ryasimbuwe, kandi ko buri muyisilamu yagombaga kugirana amahoro n'abongereza. Mu ri icyo gihe yanditse ikindi gitabo yise "Tar'yaqul Qulubi: Umuti w'imitima." Yapfuye mu mwaka wa 1908 amaze kuyobya abantu benshi, maze mu butumwa bwe no kuyobora agatsiko ke asimburwa n'umugabo wayobye witwa Al Hakim Nur Din.

3- No mu dutsiko kandi twayobye duhabanye na Isilam harimo agatsiko kitwa Baha'i, kashinzwe mu ntangiriro z'ikinyejana cya cumi n'icyenda muri Irani, gashinzwe n'umugabo witwa Ally Muhamadi. Banamwitaga Muhamadi Ali Shirazi. Yakomokaga mugatsiko k'aba Shiya bakurikira aba Imam cumi na babiri (Imamiyat), nuko ahitamo inyigisho yihimbiye we ubwe avuga ko ari we Mah'di wari utegerejwe, hanyuma avuga ko Imana Ishobora byose ituye muri we, nuko aba ahindutse imana ku bantu -Allah ntaho ahuriye n'ibyo abahakanyi bavuga-, ahakana ko hazabaho izuka, ibarura, ijuru n'umuriro, akurikira inzira y'abitwa Brahma n'Ababuda b'abahakanyi, ahuriza hamwe Abayahudi, Abakirisitu n'Abayisilamu avuga ko nta tandukaniro riri hagati yabo, arangije anahakana n'ubuhanuzi bw'Intumwa y'Imana, Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we). Yanahakanye byinshi mu mategeko ya Kisilamu, nyuma y'urupfu rwe asimburwa n'uwari umwungirije wiyitaga Al-Baha-u, maze akwirakwiza ubutumwa bwe n'abayoboke be bariyongera, bityo iryo tsinda ryitirirwa izina rye, ryitwa Baha'i.

4- Mu tundi dutsiko turi hanze y'ubuyisilamu kabone n'iyo abakagize baba babwiyitirira, basali, basiba, bakanakora umutambagiro. Hari amatsinda manini avuga ko Malayika Jibril (amahoro ya Allah abe kuri we) yayobeje ubutumwa ubwo yabuhaga Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ngo kandi ubutumwa bwari bugenewe Ali, abandi muri bo bakanavuga bati: Ally ni Imana, bagakabya mu kumwubaha we n'abana be n'abuzukuru be, ndetse n'umugore we Fatwimat na Nyina Khadijat (Imana ibishimire bose)! Si n'ibyo gusa ahubwo, hari n'ababagize imana hamwe n'Imana, barabasaba bakanizera ko bari abaziranenge, bakanizera ko urwego rwabo bari ho imbere ya Allah ruruta urw'Intumwa z'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri zo).

Bavuga ko Qur'an abayisilamu bafite ubu, ifite ibyayongerewemo ndetse n'ibyavanywemo, bakaba barabakoreye kopi zihariye za Qur'an bashyizemo bo ubwabo imirongo n'amasura. Banatuka abayisilamu beza bakurikiye Intumwa y'Imana mu gukora ibikorwa byiza ari bo Abu Bak'ri na Umar (Imana ibishimire bombi), batuka Nyina w'abemera Aishat (Imana imwishimire), bambaza Ally n'abahungu be babashakaho ubufasha mu bihe by'ingorane n'amage, bakabasaba aho bagasabye Imana, nyamara Ally n'abahungu be ntaho bahuriye n'ibi; kubera ko babagize imana hamwe n'Imana, banabeshyera Imana bagoreka amagambo yayo, Imana ntaho ihuriye n'ibyo bavuga[81].

Utu dutsiko tw'abahakanyi twavuze ni tumwe mu dutsiko twahakanye n'ubwo bwose twiyitirira Isilamu kandi tuyisenya. Ni yo mpamvu ukwiye kuba maso yewe muntu utekereza! Yewe muyisilamu aho uri hose! Umenye ko kuba umuyisilamu atari amagambo no kubyiyitirira gusa, ahubwo ni no kumenya Qur'an ndetse n'amagambo y'Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri yo) ukabyemera ndetse ukanabikurikiza. Ngaho rero tekereza kuri Qur'an ntagatifu no ku magambo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) bizagushoboza kugera ku muyoboro, umucyo, n'inzira igororotse iganisha ku byishimo mu ijuru ritatse inema kwa Allah Nyir'ibiremwa byose.

***

## Umuhamagaro uganisha ku Kurokoka

Yewe muntu ufite ubwenge! Waba uri igitsinagabo cyangwa se igitsinagore, ukaba utaraba umuyisilamu ... Ndaguhamagarira kumva uyu muhamagaro uganisha ku Kurokoka no ku munezero ngira nti:

Irokore ibihano bya Allah usumba byose bya nyuma y'urupfu, byo mu mva ndetse n'ibyo mu muriro utazima.

Wikebure wemera Allah nk'Umuremyi, na Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) nk'Intumwa, na Isilamu nk'idini, unavuge ubikuye ku mutima uti: "LA ILAHA ILALLAHU MUHAMADUN RASULULLAH: Nta yindi mana ibaho uretse Allah, na Muhamadi ni Intumwa y'Imana", usali iswala eshanu ku munsi, utange amaturo (Zakat) mu mutungo wawe, usibe ukwezi kwa Ramadhan, ndetse unakore umutambagiro mutagatifu ku ngoro ya Allah mu gihe ubifitiye ubushobozi.

---

[81] Mu bikorwa byabo byo kwanduza no guharabika isura y'ubuyisilamu harimo kwikubita inshyi mu maso no mu gatuza no gukubita imibiri yabo iminyururu n'ibyuma.

Unature utangaze ko uhindukiriye Allah (ubaye umuyisilamu); kubera ko nta kurokoka cyangwa kugira umunezero kuri wowe[82]utabigenje utyo.
Kandi nkurahiriye ku izina rya Allah Ushobora byose, we utagira uwo babangikanye, ko iyi Isilamu ari ryo dini ry'ukuri, Allah atazigera yemera irindi dini uretse ryo, kandi ndatangaho umuhamya Allah, abamalayika be, hamwe n'ibyo yaremye byose, ko nta yindi mana ibaho ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, kandi ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah, kandi ko Isilamu ari ukuri ndetse kandi ko ndi umwe mu bayisilamu.
Ndasaba Allah Nyir'ubutagatifu, ku bw'ubuntu bwe n'ubutagatifu bwe ko yazampa gupfa ndi umuyisilamu nyawe, n'urubyaro rwanjye, n'abavandimwe banjye bose b'Abayisilamu, no kuzaduhuriza hamwe mu ijuru ryuzuye ibyishimo hamwe n'Intumwa yacu Muhamadi, Umunyakuri w'umwizerwa (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ndetse hamwe n'abahanuzi bose, n'abo mu muryango w'Intumwa yacu ndetse n'abasangirangendo bayo bose. Ndanasaba Allah ko uzasoma iki gitabo wese cyangwa akacyumvaho byazamugirira akamaro. Ese naba nsohoje ubutumwa? Mana mbera umuhamya.

Imana niyo Mumenyi uhebuje, amahoro n'imigisha bibe ku Ntumwa yacu Muhamadi n'ab'iwe n'abasangirangendo be, kandi ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah Nyagasani w'ibiremwa byose.

***

[82] Ubuzima bwiza kuri iyi si, no kunzinjira mu ijuru ku munsi w'Imperuka.

IDINI RY'UKURI.
IRIBURIRO.
ISOMO RYA MBERE: KUMENYA ALLAH [1], UMUREMYI UHAMBAYE.
IGICE CYA KABIRI: KUMENYA INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA).
IGICE CYA GATATU: KUMENYA IDINI RY'UKURI (ISILAMU).
Icyigwa cya kane - Gahunda y'ubuyisilamu.
Icyigwa cya gatanu - Gushyira ahabona bimwe mu biteza urujijo.